# Imvaho Nshya

*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

N°.5171 GICURASI 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi 1000 Frw







AMAKURU
U Rwanda rwateye indi ntambwe mu kwimakaza ingufu za Nikeleyeri



4

UBUZIMA
Icyorezo cya Hantavirus cyongeye kugaragara nyuma y'imyaka 76




8

UBUKUNGU
Inyungu fatizo ya BNR yiyongereyeho 1%, yitezweho kugabanya ibiciro ku isoko



11

SIPORO
APR FC yegukanye Igikombe cy'Amahoro cya 2026



35


# Ikiganiro na Gauthier witangiye gukurikirana abakekwaho Jenoside



**Perezida Paul Kagame yambika Alain Gauthier Umudali w'Ishimwe witwa "Igihango"**

**IMVAHO NSHYA**

***Alain Gauthier n'umugore we Dafroza Gauthier bashinze Ihuriro ry'Imiryango Iharanira Ubutabera ku Rwanda (Collectif des Parties Civiles pour le Rwanda - CPCR). Intego y'iri huriro ni ugukurikirana abakekwaho ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 batarabunishwa bakihishahisha hirya no hino mu bihugu bahungiyemo cyane cyane iby'i Burayi by'umwihariko mu gihugu cy'u Bufaransa.***

CPCR yatanze ibirego byinshi byatumye habaho imanza zikomeye, nk'urubanza rwa Pascal Simbikangwa mu 2014, ari rwo rwa mbere rwabereye mu Bufaransa ku byaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Mu 2017, Alain Gauthier n'Umugore we Dafroza Gauthier bahawe Umudali w'Ishimwe witwa "Igihango" na Nyakubahwa Perezida Paul Kagame, nk'ishimwe ry'ubwitange bwabo mu kurinda ukuri no guharanira ubutabera. Imvaho Nshya yaganiriye na Alain Gauthier. Ikiganiro kirambuye muragikurikira muri iyi nkuru.

**Mushobora kutwibwira, mukanadusobanurira isano yihariye mufitanye n'u Rwanda?**

Nitwa Alain Gauthier, ndi Perezida w'Ihuriro ry'Imiryango Iharanira Ubutabera ku Rwanda (CPCR), twashinze hamwe n'umugore wanjye Daphroza mu mwaka wa 2001. Ariko amateka yanjye n'u Rwanda yatangiye kera cyane, kuko hagati ya 1970 na 1972 nari umwarimu mu Iseminari nto ya Save, hafi y'i Butare, ari na bwo

KOMEZA KU RUP.3

# BRD yegereje abaturage serivisi z'imari ihendutse binyuze muri SACCO z'Uturere



**Stella Rusine Nteziryayo, Umuyobozi Mukuru wa BRD, yasuye bimwe mu bikorwa by'ubworozi bw'abagenerwabikorwa**

**KAYITARE Jean Paul**

***Banki y'Amajyambere y'u Rwanda (BRD PLC), yatangije ku mugaragaro gahunda yo kwegereza abaturage serivisi z'imari, zizajya zitangirwa muri za SACCO zo ku rwego rw'Akarere mu gihugu hose. Ni igikorwa cyatangijwe ku rwego rw'Igihugu ku mugaragaro mu Karere ka Nyamagabe muri Ishema SACCO Nyamagabe, ifite abanyamuryango basaga 180,000.***

Zimwe mu nguzanyo zizatangwa muri iyi gahunda harimo iyitwa 'Kataza' ifasha abahinzi n'abarozi, abari mu bikorwa by'ubukerarugendo ndetse no kwakira abashyitsi kubona inguzanyo ku nyungu itarengeje 9% yishyurwa hagendewe ku bushobozi bw'umushinga, ikaba igenewe abatarengeje imyaka 35 y'amavuko, aho 80% mu bayigenewe ari abari n'abategarugori.

Harimo kandi indi nguzanyo yitwa 'Iganze muhinzi mworozi' igenewe abahinzi n'aborozi mu byiciro byose nayo itangwa ku nyungu nto ugereranije n'izindi kandi ikaba yakwishyurwa no mu gihe kirekire bijyanye n'imiterere n'ubushobozi bw'umushinga.

Bamwe mu bahinzi-borozi batangiye gusogongera kuri iyi nguzanyo, barimo Mukayiranga Josiane w'imyaka 25, utuye mu murenge wa Buruhukiro, mu Karere ka Nyamagabe. Asanzwe akora ubuhinzi ariko akagorwa no guhingira igihe, kuko yakoreshaga abakozi batatu gusa.

Muri Gashyantare uyu mwaka, yahawe inguzanyo muri gahunda ya 'Kataza' none ubu akoresha abakozi 17 bahoraho. Aho yahingaga ibilo 10 by'ingano, ubu ahinga ibilo 200 by'imbuto icyarimwe. Ati "Ubu ndakataje, ndateganya ko abantu bazajya bamfata nk'icyitegererezo mu buhinzi iwacu, bakaza no gukura imbuto iwanjye."

Ni intego ahuriyeho na Munyanziza Frodouard wo mu Murenge wa Tare, ukora ubuhinzi bw'icyayi, ibigori n'ubworozi bw'inka, ingurube za kijyambere hamwe n'inkoko, ariko akaba ateganya kwagura ibikorwa akoresheje inguzanyo yemerewe muri iyi gahunda ya BRD bunyuze mu Ishema SACCO Nyamagabe.

Munyanziza wasinye amasezerano y'inguzanyo, yavuze ko ashaka gukora ubuhinzi bw'ibirayi kuri hegitari 7 ndetse no gutangiza uruganda rukora ifumbire y'imborera yifashishije amaganga y'amatungo ruzatwara hafi miliyoni 10 Frw, akazajya ayigurisha no mu bandi bahinzi bamwegereye.



**Ubuyobozi bwa SACCO Ishema, bwavuze ko ubufatanye na BRD buzafasha guteza imbere abaturage binyuze mu kubafasha kubona serivisi z'imari zihuse zinabegereye**

Ati "Ndashaka gukora ubuhinzi n'ubworozi butarimo akajagari, ku buryo nzamura ibikorwa bikagaragara, kandi nkatanga akazi kuri benshi, mbikesha iyi nguzanyo ngiye guhabwa."

Muri uyu muhango kandi ibyiciro binyuranye birimo abafite ubumuga, urubyiruko, abari n'abategarugori, impunzi n'abandi bashyize umukono ku masezerano y'inguzanyo bahawe.

Umuyobozi wa Ishema SACCO, Zabanyinshi Jean Baptiste, yavuze ko ubu bufatanye na BRD buzafasha guteza imbere abaturage binyuze mu kubafasha kubona serivisi z'imari zihuse kandi zibegereye, kuko abenshi bagorwaga no kubona inguzanyo zihendutse zibafasha kwagura ibikorwa byabo.

Umuyobozi Mukuru wa BRD, Stella Rusine Nteziryayo, yavuze ko banki BRD ikomeje gushyira imbaraga mu gufasha Abanyarwanda kugera kuri serivisi z'imari binyuze mu gukorana bya hafi na SACCO, kandi biteze ko bizabateza imbere.

Yagize ati: "Ubufatanye dufitanye na SACCO z'Uturere butuma serivisi zacu z'imari ihendutse zegerezwa abaturage kurushaho, bityo amahirwe y'iterambere akabageraho byoroshye. Turashishikariza abahinzi n'abikorera by'umwihariko kwitabira izi nguzanyo zifite inyungu nto, kugira ngo biteze imbere. Tuzakomeza gutanga serivisi zinoze, abagenerwabikorwa b'izi nguzanyo kuziha agaciro, kuko zizabaha uburyo bwo gukora bwisumbuye, bityo bakwiye gukuba inshuro nyinshi umusaruro, bagahamya intego y'iterambere y'imyaka itanu (NST2). Ati: "Ubu namwe mwungutse imbaraga, twizeye ko muzongera umusaruro mukagera kuri toni 10 z'ibigori kuri hegitari mukanarenza, ibiribwa n'amafaranga bikiyongera."

Ishema SACCO yatangirijwemo iyi gahunda, izanyuzwamo inguzanyo z'arenga miliyari 1.4 Frw, aho muri gahunda ya Kataza hazatangwa miliyoni 500 Frw, muri 'Iganze muhinzi mworozi' hagatangwa miliyoni 940 Frw. Ni mu gihe kugeza ubu 40% by'abazigenewe bamaze kuzihabwa.

Kuva mu mwaka wa 1967, Banki y'Amajyambere y'u Rwanda (BRD) ni yo banki y'igihugu ishinzwe guteza imbere iterambere rirambye. Itanga inguzanyo zihuta kandi zitanga igishoro gikenewe mu guteza imbere ubucuruzi."

Uyu muyobozi yabasabye ko abari kugerwaho n'izi nguzanyo bakomeza gukura mu bikorwa ntibazakomeze gusaba amafaranga mu bigo biciriritse, ahubwo bakagana izindi banki z'ubucuruzi, iziciriritse zigasigara zifasha urubyiruko rukizamuka.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Amajyepfo, Nshimiyimana Védaste, yabwiye zihendutse, n'iz'igihe kirekire kandi zijyanye n'ibikenewe n'abakiliya.

Mu myaka isaga 59, BRD yateye inkunga imishinga itandukanye mu nzego zirimo ibikorwa remezo, ubuhinzi, imiturire, uburezi, imishinga ibungabunga ibidukikije, ibyoherezwa mu mahanga n'inganda. Iyi mishinga igira uruhare rukomeye mu kugera ku ntego z'iterambere ry'igihugu, zirimo NST2, icyerekezo 2050 ndetse n'Intego z'Iterambere Rirambye (SDGs).

# Ikiganiro na Gauthier witangiye gukurikirana abakekwaho Jenoside

IBIKURIKIRA URUP.1

namenye u Rwanda muri icyo gihe cy'imyaka ibiri. Nyuma, ku bw'amahirwe nongeye guhura na Daphroza wari uvuye mu Burundi aho yari yarahungiye, akaza i Burayi asanze musaza we i Bruxelles.

Binyuze ku nshuti twari duhuriyeho twese, twarongeye turahura, ubwo ni bwo amateka yacu yatangiye mu 1974. Mu 1977, ni bwo twafashe icyemezo cyo kubana nk'umugabo n'umugore. Kuva icyo gihe, nagiye ngaruka kenshi mu Rwanda ndi kumwe na Daphroza ndetse n'abana bacu. Uyu munsi ndi hano nk'umukuru w'Ihuriro ry'Imiryango Iharanira Ubutabera, umuryango twiyemeje gushinga mu Bufaransa kugira ngo abantu bakekwaho kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi baba ku butaka bw'u Bufaransa bashyikirizwe ubutabera. Ngiyo muri make isano mfitanye n'u Rwanda.

**Wowe n'umugore wawe, mwahariye igice kinini cy'ubuzima bwanyu guharanira ubutabera bw'abagizweho ingaruka na Jenoside yakorewe Abatutsi. Ni iki cyabateye izo mbaraga?**

Kwiyemeza gukorera muri iri huriro no gufata icyemezo cyo gushinga uyu muryango byaturutse, mu by'ukuri, ku rubanza rwa mbere rwitiriwe 'abanyabutare' rwabereye mu Bubiligi muri za 2001. Daphroza akomoka i Butare, kandi abantu bashinze ihuriro ryo mu Bubiligi bari inshuti zacu, cyane cyane Gasana Ndoba, cyangwa François Sebatasi, musaza wa Daphroza. Ni yo mpamvu twakurikiranye urwo rubanza, maze ku munsi w'isomwa ry'urubanza, izo nshuti zacu ziratubwira ziti: "Mwebwe se, murimo murakora iki mu Bufaransa?"

Mu by'ukuri nta gisubizo twari dufite muri ako kanya. Kuva mu 1996, twari twarakusanyije ubuhamya bw'abarokokeye kuri Sainte-Famille, kuko mubyara wa Daphroza na we yari mu baharokokeye. Twari twarakusanyije ubwo buhamya, ariko ntitwari tuzi neza icyo twabukoresha.

Twari twarabuhaye umunyamategeko w'Umufaransa wari warakurikiranye urubanza ruregwamo Padiri Wenceslas Munyeshyaka, ariko ni aho byagarukiye. Bityo muri 2001, nyuma yo kugaruka i Buruseli, twashinze Ihuriro ry'Imiryango Iharanira Ubutabera ku Rwanda. Twatangiye twiyandikisha nk'abaregera indishyi mu manza nyinshi n'ibirego byinshi byari byaratanzwe hagati ya 1995 na 2001 birega Padiri Munyeshyaka, Laurent Bucyibaruta, Sosthène Munyemana, Laurent Serubuga, Cyprien Kayumba na Fabien Neretse.

Mu myaka mike yakurikiyeho, twatangiye gutanga ibirego byacu bwite no gukora iperereza ryacu bwite hano mu Rwanda. Kuva mu 2001, twatanze ibirego bigera hafi kuri mirongo ine, bimwe byarakemutse, ibindi ntibyakemuka, hari n'ibigifitwe n'abacamanza bakiri mu iperereza.

**Imyaka ibaye 32 Jenoside yakorewe Abatutsi ibaye, kuki ari ingenzi cyane gukurikirana abagikekwaho kuyigiramo uruhare bahunze?**

Ntekereza ko abarokotse jenoside nta kindi badusaba kitari ubutabera. Mu by'ukuri, ni cyo kintu cyonyine gisigaye kuri bo. Kandi icyo kintu ni twe tugomba kukibaha, kuko abantu benshi, abakoze Jenoside benshi bahunze u Rwanda, hari abagiye banyura mu bihugu bitandukanye bya Afurika nka Kenya, Uganda, ndetse n'ibindi bihugu byinshi bya Afurika y'Iburengerazuba, nyuma baza kugera mu Bufaransa.

Twatekereje ko ari inshingano yacu gukora ibishoboka byose ngo duhe ubutabera abarokotse Jenoside, tubasubize icyubahiro bambuwe kubera kubura ababo. Ni yo mpamvu ntekereza ko ari ingenzi, ari na ngombwa gukomeza uru rugamba, tuzagerageza kururwana igihe cyose tuzaba tukibishoboye. Ariko nk'uko mubibona, uko imyaka igenda iza, tugenda tubona ko umurimo wacu ufite igihe ntarengwa.

Tuzi kandi ko nyuma y'imyaka 32, n'abakoze Jenoside ubwabo bagenda basaza, kandi biragenda birushaho kugorana kubakurikirana mu nkiko. Ariko tuzabikora igihe cyose tukibishoboye.

**Kugeza ubu, CPCR imaze kugeza dosiye cyangwa imanza zingahe imbere y'ubutabera bw'u Bufaransa?**

Nkuko nabivuze twari twatanze ibirego bigera hafi kuri mirongo ine. Kuva icyo gihe, abantu babiri cyangwa batatu bagombaga gukurikiranwa n'ubutabera barapfuye. Bityo, dosiye zabo zarirangije ubwazo.

Hari n'imanza zimwe zanzuwe ko hatakomeza iperereza, ni ukuvuga ko abacamanza bashinzwe iperereza, nyuma yo gukora iperereza ryabo hano mu Rwanda binyuze mu bufatanye bw'ubucamanza, basanze nta bimenyetso cyangwa ubuhamya bihagije byatuma bakomeza gukurikiranwa mu nkiko. Bityo hakaba harafashwe icyemezo cyo guhagarika izo dosiye.

Navuga ko izwi cyane muri zo, tuzanayigarukaho, ari iya nyuma. Ni urubanza rwa Madamu Agathe Kanziga Habyarimana. Izindi nyinshi muri izo dosiye ziracyafitwe n'abacamanza bashinzwe iperereza.


Ku bijyanye na Agathe Habyarimana, twatanze ikirego cye muri Gashyantare 2007. Kubw'impamvu umuntu ashobora kwiyumvisha, nubwo nta bimenyetso bya politiki cyangwa ibindi bifatika dufite, ni iperereza ryatinze cyane, imyaka n'imyaka.

Byageze mu mwaka ushize, muri Gicurasi 2025, aho abacamanza bashinzwe iperereza mu Bufaransa bafashe icyemezo cyo kudakomeza kumukoraho iperereza, bivuze ko badashaka ko Agathe Habyarimana agezwa imbere y'ubutabera bw'u Bufaransa. Natwe, birumvikana, twahise dufata icyemezo cyo kujurira. N'ubushinjacyaha bw'u Bufaransa na bwo bwarajuriye, kandi kuri twe ni ingenzi cyane.

Twifuza ko icyo cyemezo kitaba umwanzuro, kuko twumva ko iperereza ryakozwe ku byamuregwaga ritari ryuzuye. Turacyategereje icyemezo cya nyuma. Ariko, kuri twe ni dosiye ifite uruhare rukomeye cyane mu rugamba rwacu rwo gushaka ubutabera.

**Muri izo manza, ni uruhe rwagukoze ku mutima cyane kurusha izindi, haba ku ruhande rwa muntu ndetse no ku rwego rw'ubutabera?**

Biragoye kuvuga neza urubanza rwadukoze ku mutima kurusha izindi.



Alain Gauthier mu gihe yakoranaga ikiganiro na Imvaho Nshya

Ahari navuga ko ari urwa mbere, urwa Pascal Simbikangwa, mu 2014, nyuma y'imyaka 20 Jenoside ibaye, kuko rwari rwo rwa mbere.

Ariko ndibwira ko hari n'izindi. Cyane cyane urwa Dr. Eugène Rwamucyo, na rwo ni ikirego cyo muri 2007, niba nibuka neza. Impamvu ni uko Dr. Eugène Rwamucyo, wari umuganga mu kigo nderabuzima cya Butare, yari umuntu ufite ingengabitekerezo ikomeye cyane.

Yashinjwaga gutanga amabwiriza yo gushyingura vuba vuba, hakoreshejwe imashini icukura imyobo, imirambo myinshi y'abazize Jenoside, bakayishyira mu mva rusange zigera ku icumi muri Butare no mu nkengero zaho. Kuko hari haje imashini ivuye i Kigali yacukuraga imyobo minini, hakajugunywamo imirambo, ndetse bishoboka ko n'abandi bari bakiri bazima, bajugunywaga muri iyo myobo. Kandi Rwamucyo ni we wagenzuraga icyo gikorwa cyo gushyingura iyo mirambo.

Muri icyo gihe kandi, mu iperereza ryacu, twasanze hari ijambo yavuze ari kumwe na Minisitiri w'Intebe Jean Kambanda, ijambo rishyigikira ubutegetsi bwakoraga Jenoside. Kuri twe, yari umuntu ukomeye mu bo twakurikiranye. Yashoboraga no gutoroka ubutabera bw'u Bufaransa, ariko kenshi nsubiramo inkuru y'uko twamubonye mu Bufaransa.

Byari muri Mata 2002. Yitabiriye inama yateguwe n'abahakana Jenoside i Paris, mu cyumba cya Sena y'u Bufaransa. Kandi nanjye nari natumiwe.

Naje ndi kumwe na Servilien Sébasoni, inshuti yanjye izwi cyane hano mu Rwanda. Maze numva amagambo y'abahakana Jenoside yavugwaga n'abari bitabiriye bose, natangiye gutinyuka kubabaza ibibazo. Bityo abantu bose batangira kwibaza bati 'uyu Muzungu ni nde?'

Muri icyo gihe ntago twari tuzwi cyane. Hanyuma hari umuntu wari imbere yanjye wahagurutse, areba inyuma, aravuga ati: 'Uwo Muzungu ndamuzi. Ibyo azi ku Rwanda byose yagiye abibwirirwa mu buriri. Birumvikana ko ubwo butari uburyo bwiza bwo kumvugamo. Nanjye ndamubaza nti: 'Sébasoni, uzi uyu mugabo?' Aransubiza ati: 'Yego, ni Docteur Rwamucyo.'

Ni ho twahereye dukora iperereza, tubona ko ari umuganga mu kigo gishinzwe kurwanya uburozi muri Lille, mu majyaruguru y'u Bufaransa. Twaje mu Rwanda, dukora iperereza. Nyuma y'amezi make, n'ingendo nyinshi, twahise tumutangira ikirego.

Amaherezo, yagejejwe imbere y'Urukiko (Cour d'assises). Yaciriwe urubanza bwa mbere, muri 2024 yahanishijwe igifungo cy'imyaka 27. Yarajuriye. Urubanza rw'ubujurire ruzaba vuba aha, mu byumweru biri imbere, kuko kuva ku wa 9 Kamena kugeza ku wa 17 Nyakanga, azongera kuburanishwa mu Rukiko rw'Ubujurire i Paris. Ni uru rubanza mvuzeho, ariko hari n'izindi.

Hari urwa Laurent Bucyibaruta, wahoze ari Perefe wa Gikongoro. Hari n'urw'umujandarume w'i Nyanza, Philippe Hategekimana uzwi nka Biguma, wahawe igihano cya burundu. Hari kandi n'abayobozi babiri ba komini ya Kabarondo, Octavien Ngenzi na Tito Barahira, na bo bakatiwe igifungo cya burundu.

Izo ni zimwe mu manza… buri rubanza ruba rufite umwihariko warwo. Hanyuma na byo tubibona mu buryo butandukanye bitewe n'abatangabuhamya baza. Kandi ni uko natwe ubwacu tubibona. Ntekereza ko kugeza ubu habaye imanza zigera kuri 12, abantu 8 bakaba baraburanishijwe kandi barakatirwa. Hari n'izindi zizaba mu byumweru no mu mezi ari imbere.

***INKURU IZAKOMEZA MU KINYAMAKURU CY'UBUTAHA***

# U Rwanda rwateye indi ntambwe mu kwimakaza ingufu za Nikeleyeri

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Guverinoma y'u Rwanda yamaze kubona ko Igihugu gikeneye Ingufu za Nikeleyeri kugira ngo kizabashe kugera ku ntego z'Icyerekezo 2050 aho umuvuduko w'iterambere uzaba ugezweho uzaba ukeneye ingufu z'amashanyarazi zihoraho kandi ziramba.***

Raporo y'icyiciro cya mbere cy'umushinga w'Ingufu za Nikeleyeri nyuma y'isuzuma rya INIR (Integrated Nuclear Infrastructure Review), ko u Rwanda rwiteguye neza gukomeza mu cyiciro cya kabiri yo guteza imbere gahunda yarwo y'Ingufu za Nikeleyeri.

Iyo raporo kandi igaragaza ubushake bwo kuba u Rwanda rwatangira kubaka ibikorwa remezo, kubaka ubushobozi bw'inzego z'inzobere zishinzwe kugenzura uyu mushinga, no gukomeza ubufatanye bukenewe kugira ngo Ingufu za Nikeleyeri zifashe Igihugu kugera ku mutekano urambye w'ingufu, iterambere ry'inganda n'iterambere rirambye ry'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage.

U Rwanda rwishimiye kuba rwarasoje ubugenzuzi bukorwa na IAEA mu cyiciro cya mbere rukizeza ko bitarenze mu mwaka wa 2030, ruzaba rwatangiye gukoresha ingufu za Nikeleyeri.

Mu nama Nyafurika yiga ku ikoreshwa ry'Ingufu za Nikeleyeri (NEISA) yateraniye i Kigali guhera tarki ya 19 kugeza ku ya 21 Gicurasi 2026, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yavuze ko ahazaza h'u Rwanda na Afurika muri rusange hashingiye ku kugira ingufu z'amashanyarazi zitekanye.

Yagize ati: "Kuri Afurika, ingufu si ikibazo cy'iterambere gusa, ahubwo ni umusingi w'iterambere ry'inganda ndetse n'ubushobozi bwo guhatana ku isoko. Gutunganya ibikorerwa mu nganda, gutunganya amabuye y'agaciro, ibikorwa remezo by'ikoranabuhanga, n'ubuvuzi buteye imbere byose bishingira ku ngufu z'amashanyarazi zizewe."



**Perezida Paul Kagame yavuze ko ahazaza h'u Rwanda na Afurika muri rusange hashingiye ku kugira ingufu z'amashanyarazi zitekanye**



**U Rwanda n'Ikigo Mpuzamahanga gishinzwe Ingufu za Nikeleyeri (IAEA) bashyize umukono ku masezerano mu birebana n'Ingufu za Nikeleyeri**

Mu gushimangira impamvu u Rwanda na Afurika bikeneye ingufu zizewe zitunganywa muri nikeleyeri, Perezida Kagame yongeyeho ko ubwiyongere bwihuza bw'ikoranabuhanga ry'ubwenge buhangano n'inganda zubakiye ku makuru na byo bizakenera kongera ingufu zikoresha, aho ibihugu bitazabasha kuziba icyuho bitazabyorohera guhatana mu ruhando rw'iterambere aho kubura umuriro umwanya muto bizaba bivuze guhoma amamiliyari y'amadolari ya Amerika.

Yakomeje agira ati: "Ni yo mpamvu u Rwanda rubona Ingufu za Nikeleyeri nk'igice cy'ingirakamaro cyane cy'iterambere riryambye rya Afurika."

### U Rwanda rwungutse amaboko mu kwimakaza Ingufu za Nikeleyeri

Muri iyi nama, u Rwanda rwungutse amaboko mashya mu rugendo rwo gutangira icyiciro cya kabiri kirimo no kubaka inganda nto zitunganya Ingufu za Nikeleyeri.

U Rwanda n'Ikigo Mpuzamahanga gishinzwe Ingufu za Nikeleyeri (IAEA) bashyize umukono ku masezerano agamije kongerera imbaraga ubutwererane bugamije kwinjiza Ingufu za Nikeleyeri mu ruhererekane rw'ingufu zisanzwe zikoreshwa mu gihugu, harimo n'ubufatanye mu gukora inganda nto zitunganya Ingufu za Nikeleyeri (SMRS).

Ni amasezerano yitezweho gushyigikira u Rwanda mu nzego z'ingenzi zirimo igenamigambi, kubaka ibikorwa remezo, guhugura abakozi, gufatanya n'abafatanyabikorwa, kubona inkunga no kurushaho kubaka ubushobozi muri ibi bihe Igihugu cyihutira kwinjira mu myiteguro yo gutangira kubyaza umusaruro Ingufu za Nikeleyeri mu buryo bwa gisivili.

Nanone kandi Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ingufu za Atomike (RAEB) cyashyize umukono ku masezerano y'ubufatanye n'Ikigo Mpuzamahanga gishinzwe Umutekano wa Nikeleyeri agamije gukomeza ubufatanye no kubaka ubushobozi mu mutekano w'Ingufu za Nikeleyeri.

Ubu bufatanye na bwo bugaragaza ubushake bw'u Rwanda bwo gukoresha ikoranabuhanga rya Nikeleyeri mu buryo butekanye, burinzwe kandi bugamije amahoro.

Mu cyiciro cya kabiri cy'imyiteguro, biteganyijwe ko ikizabanza ari ukwemeza umwanzuro wa Guverinoma wo gutangiza ibikorwa byo kubaka uruganda. Icyo cyiciro kirimo gushyiraho inzego z'ingenzi, kongerera imbaraga n'ubushobozi abakozi bazakora muri uru rwego, no gushyiraho amategeko n'amabwiriza y'ubuziranenge akenewe kugira ngo ashyigikire uru rwego rushya ruje mu Rwanda.

Ubuyobozi bwa RAEB buvuga ko icyiciro cya mbere cyagenzuwe cyarangiye muri Werurwe uyu mwaka, ndetse kikaba cyaribanze ku kureba ahari ibyuho, guhabwa inama n'inyunganizi, ndetse no gukurikiza gahunda yemewe mu ruhando mpuzamahanga mu bijyanye n'imbanzirizamushinga y'imyiteguro.

Impuguke zivuga ko inganda nto zitunganya Ingufu za Nikeleyeri zibereye u Rwanda nk'igihugu gikataje mu iterambere kuko bizitwara ubutaka buto, kandi zikaba zishyirwamo ishoramari ridakakaye cyane nk'irishorwa mu nganda nini.

# Umutungo wa BPR Bank wageze kuri Tiriyari 1.4 Frw

KAYITARE Jean Paul



**Inama y'Inteko Rusange ya BPR Bank yemeje ko hazatangwa ubwasisi ku banyamigabane bayo**

***Ubuyobozi bwa BPR Bank Rwanda Plc bwatangaje ko umutungo w'iyi banki wageze kuri Tiriyari 1 na miliyari zirenga 400 z'amafaranga y'u Rwanda mu mwaka wa 2025, uvuye kuri miliyari 971.8 Frw mu mwaka wabanje wa 2024.***

Umuyobozi Mukuru wa BPR Bank Rwanda Plc, Mutesi Gatera Patience yabigarutseho ku wa Gatandatu tariki 16 Gicurasi 2026 mu nama y'inteko rusange y'abanyamigabane b'iyi banki.

Yagaragaje ko muri banki bafitemo abanyamigabane b'ubwoko bubiri; harimo KCB Group ifitemo imigabane igera kuri 87.56% n'abandi banyamigabane b'Abanyarwanda bagera ku bihumbi birenga 500 bafitemo imigabane igera kuri 12.44%.

Mu kiganiro yahaye itangazamakuru, yagize ati: "Umutungo wose wa BPR Bank ubarirwa mu gaciro ka Tiriyoni 1.4. Inyungu nyuma y'imisoro, yageze kuri miliyari zirenga 40.8 Frw."

Mutesi yavuze ko Inteko rusange y'uyu mwaka wa 2026, yemeje ko inyungu zizagabanywa abanyamigabane kandi bemeranywa ko ubwasisi (Dividend) burenga miliyari 4.3 buzishyurwa abanyamigabane.

Ati: "Ni ubwa kabiri nka Banki tugiye kwishyura ubwasisi. Mu mwaka wa 2024, twishyuye ubwasisi bw'amafaranga agera kuri 50 ku mugabane. Uyu mwaka, ibyemejwe ni uko ubwasisi tugiye kwishyura ari amafaranga 53 ku mugabane.

[...] aho turi uyu munsi ni ho heza, tumaze imyaka 2 twishyura ubwasisi ku banyamigabane batigeze babona ubwasisi, ni ibintu byiza cyane kandi bizakomeza."

Amafaranga ya BPR Bank yariyongereye ku kigero cya 54% kandi icyingenzi ni uko iyo banki ifite amafaranga ibikiye abakiriya, ibafasha gukora ubucuruzi.

Biturutse ku mafaranga abitswe, BPR Bank yashoboye kongera inguzanyo isanzwe iha abakiriya bayo. Izo nguzanyo nazo zariyongereye ku kigero cya 42%.

Mukwiye Romuald, Perezida w'Abanyamigabane muri BPR Bank, avuga ko kuva iyi banki yaba iy'ubucuruzi mu 2007 mu kwezi kwa Kanama, ubu ngo ni bwo bagiye kubona inyungu ku migabane.

Yibutsa ko umuntu wese wabitsaga muri Banki y'Abaturage guhera mu mwaka wa 1975 kugeza ku itariki 31 Nyakanga 2007, akiri umunyamigabane wa BPR Bank.

Akomeza agira ati: "Abana bazi ko bafite ababyeyi babo babitsaga muri Banki y'Abaturage muri icyo gihe [...] kubarura ntabwo byahagaze, ishami iryo ari ryo ryose yajyaho baramubarura, bakamubwira imigabane y'umubyeyi we cyangwa se iye mu gihe yaba ataherukaga kugana iyi banki."

Chairman wa BPR Bank, George Rubagumya yavuze ko iyi banki yateye imbere, aho ishobora gutanga umusanzu wayo mu isiganwa ry'amagare mu Rwanda.

Yongeraho ko kugira ngo Formula 1 ishobore kugera mu gihugu bituruka ku kuba icyo gihugu gifite ibibuga by'indege byiza, serivisi nziza n'ibindi.

Ati: "Banki yacu ni yo yayoboye izindi banki z'ubucuruzi mu kubaka kiriya kibuga mpuzamahanga cya Bugesera. Dufite ubushobozi bufasha Igihugu no kubaka inzego zizaturuka kuri Fomula 1.

Turashaka uko twegera ubuhinzi n'ubworozi, Abanyarwanda benshi, ubuzima bwabo buturuka ku buhinzi n'ubworozi. [...] Leta yacu ifite ubushobozi butari bwinshi bwo gushyira mu buhinzi n'ubworozi, Urwego rw'Abikorera rwacu narwo rufite ibibazo birugora, na Banki ifite ubushobozi atari ukuzana amafaranga gusa yo kuguriza abakora ubuhinzi ariko dufite n'abafatanyabikorwa bo kuba bakura icyo kibazo cy'ingwate ku muhinzi, ku mworozi, ku mukiliya wacu bigatuma yashora imari. Ibyo ni byo banki irimo gushyiramo ingufu."

BPR Bank yungutse miliyari 40.890 Frw havanywemo umusoro mu mwaka wa 2025 mu gihe umwaka wabanje wa 2024, yari yungutse miliyari 29.674 Frw.



**Umutungo wa BPR Bank wageze kuri Tiriyari 1 na miliyari zirenga 400 z'amafaranga y'u Rwanda mu 2025**

# Ingengabitekerezo ya Jenoside ni nk'urwiri mu murima - Jeannette Kagame



**Madamu Jeannette Kagame yasabye buri wese kurandura ingengabitekerezo ya Jenoside n'imizi yayo**

**ZIGAMA** Theoneste

***Madamu Jeannette Kagame yagaragaje ko ingengabitekerezo ya Jenoside ikiri ikibazo gikomeye gisaba gukumirwa hakiri kare, ayigereranya n'urwiri rukomeza kwangiza umurima mu gihe rutaranduranywe n'imizi. Yabigarutseho ku wa Gatanu tariki ya 22 Gicurasi 2026, mu butumwa yahaye abitabiriye Inama nyunguranabitekerezo y'abagize Umuryango Unity Club Intwararumuri ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi n'urugamba rwo kuyihagarika, yateraniye i Kigali mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko ku Kimihurura.***

Madamu Jeannette Kagame, yibukije abari mu nshingano z'ubuyobozi ndetse n'abagize uruhare mu rugendo rwo kubaka igihugu ati: "Kimwe mu byo dukwiye kwitaho cyane, ni ugukomeza gushakisha icyakomeza ubumwe bw'Abanyarwanda dushinzwe, kandi tukabikorana ubushishozi. Iyo twitegereje imvugo z'urwango zigenda zongera kumvikana, hirya no hino ku Isi no mu karere kacu, umuntu yibaza niba koko amateka hari icyo yatwigishije. Twe Abanyarwanda, ibi ntitwabirebera kure, ngo tubifate nk'ibitagira aho bihuriye natwe. Tuzi neza aho urwango rushobora kugeza igihugu."

Yakomeje agaragaragaza ko ingengabitekerezo ari mbi kandi ari iyo kwamaganwa aho iva ikagera. Ati: "Ingengabitekerezo ya Jenoside imeze nk'urwiri mu murima. Iyo utaruranduranye n'imizi rurongera rukamera rugakomeza kwangiza. Ingengabitekerezo na yo ni uko.

Yavuze ko hari amagambo, inyandiko, n'ibitekerezo bikomeje gukwirakwizwa bigamije kugoreka amateka, gupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi cyangwa gutesha agaciro urugamba rwo kuyihagarika. Ati: "Nk'abakuru babaye muri aya mateka rero dufite inshingano ebyiri zikomeye. Icya mbere ni ugukomeza kuvuga ukuri no kukwigisha. Aya mateka ntabwo ari ay'abarokotse Jenoside cyangwa abayabayemo gusa; ni amateka y'Igihugu cyacu. Icya kabiri ni ugukomeza kubaka urufatiro rukomeye, ruzatuma n'ibisekuru bizaza bizasanga u Rwanda rwunze ubumwe, rufite amahoro, ruyobowe neza kandi rufite agaciro ku Isi."

Jeannette Kagame yavuze ko amateka yerekana ko amacakubiri atangirira mu miyoborere mibi no mu nyigisho z'urwango ariko ko Abanyarwanda babonye itandukaniro igihe ubuyobozi bushyize imbere ubumwe no gukorera umuturage. Yashimangiye ko imikorere myiza inoze no kuba inyangamugayo, ari rwo rukingo rwo gukumira no kurwanya itonesha rishingiye ku moko n'ibindi byose byazana amacakubiri.

Ati: "U Rwanda rw'Abanyarwanda bose ntabwo rwaje ruturutse ahandi, kurwubaka na byo ntabwo byakozwe n'abandi. Twararwubatse. Turanakomeje. Nk'abayobozi, dukwiye guhora twibaza tuti: ese turi gukora ibihagije mu kurwanya ibishaka gusenya ibyo twubatse? Ese turatanga urugero rutuma urubyiruko rukomeza kubona aho rwubakira ejo hazaza?"

Yahamije ko mu nshingano umuyobozi wese akwiye kuba afite harimo kwitekerereza ubwe ariko no gutekerereza abo afite mu nshingano.

Ati: "Dufite ubuyobozi bwiza bwubatse inzego ziturengera, ndetse bwongera kubanisha Abanyarwanda. Natwe nk'Intwararumuri tuzaruhuka ari uko buri wese ku giti cye abashije kugera ku byo abahanga bise 'metacognition'. Aho bavuga ko gukura kwiza ugakora neza, ari ukugena umwanya wo kwisuzuma, kongera kureba ibikorwa n'imikorere yawe, ukareba ahakeneye kunozwa, ukahanoza. 'Metacognition' ni ubushobozi bwo kubasha gusuzuma ibitekerezo byawe no gushungura ukamenya ibyo wiga n'icyo ubikoresha."

Yavuze ko nka Unity Club ntacyo yaba yifasha mu gihe yaba ikomeza kugira ibiganiro nk'ibi buri mwaka, ariko ntibigaragare mu bikorwa byayo, cyane cyane bigamije kurwanya abahakana n'abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Ati: "Iyo witegereje abarwanya Ubuyobozi bw'igihugu cyacu, urugero ntuzumva bavuga isiganwa ry'amagare, inama zikomeye twakiriye cyangwa ngo wumve ahubatswe ibitaro bishya, inganda twubatse, ibikorwa remezo n'ibindi bikorwa byiza by'iterambere kandi byivugira. Uzumva gusa baraheze kuri baringa z'amoko. Nk'Abanyamuryango tuzi neza intambara twarwanye n'imbaraga byadutwaye, kugira ngo buri wese yiyumve nk'Umunyarwanda. Tubuzwa n'iki koko kurwanya abo bahisemo gukomeza kwinangira?"

Kuganirira mu Ngoro y'Inteko Ishinga amategeko bifite impamvu ikomeye

Madamu Jeannette Kagame yavuze ko "iyo umuntu asuye urwibutso rw'amateka yo guhagarika Jenoside, tukareba n'ibiganiro byaduteranyirije hano uyu munsi, umuntu yumva afite byinshi yibaza mu mutima."

Yunzemo ati: "Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi ntibisigana no kuzirikana urugamba rwo kuyihagarika. Abacu twabuze, n'ingabo zacu zitanze, batuye imitima yacu iteka! Abagiye bose igihugu. Ariko twese hamwe duhurira ku rugendo rwo kongera kubaka u Rwanda. Uru rugendo n'ibi biganiro bisubiza umuntu gutekereza cyane, ukumva ukora bike ukurikije ibyo ufite."

Madamu Jeannette Kagame yashimangiye ko guteranira muri iyi nyubako y'Inteko Ishinga Amategeko bifite igisobanuro gikomeye. Ati: "Mu myaka 32 ishize hari mu harashwe ibisasu bikomeye, byari bigamije kuyisenya, ariko cyane cyane byari bigamije kurimbura abari bayirimo. Aha hantu habitse amateka y'icuraburindi, ariko hanabitse amateka y'icyizere cyo kongera kubaho. Hatwibutsa uko u Rwanda rwageze ahabi



**Madamu Jeannette Kagame n'abandi banyamuryango ba Unity Club basuye Ingoro Ndangamateka y'Urugamba rwo Guhagarika Jenoside**

dufitanye igihango gikomeye, cyo gukomera kuri uru Rwanda, batabonye. Unity Club ni umuryango twahuriyemo tukirwana no kongera kubaka igihugu cyacu, komora abantu no gushakisha uko baramuka, bagashira impumu y'inabi bari bamaze kubamo. Hari ubwo ubwenge bw'umuntu butabasha kubihuza neza ukibaza uti 'ziriya mbaraga zavaga he?"

Yavuze ko uyu mwaka umuryango Unity Club Intwararumuri wizihiza imyaka 30 umaze ushinzwe. Hari benshi mu ntwararumuri binjiye mu nshingano z'ubuyobozi igihugu kikiri mu bihe bitoroshye byo guhangana n'ibikomere bitandukanye Jenoside yakorewe Abatutsi yagisigiye.

Ati: "Buri wese afite urugendo rwe rwihariye rw'uko yanyuze muri ayo mateka haba mbere ya Jenoside, muri Jenoside, mu rugamba rwo kuyihagarika ndetse n'amateka yo kubohora cyane, ariko hakanatwibutsa ko rwagize abatabazi barurwaniye, bakarurinda kuzima, bakarwubaka bundi bushya."

Yavuze ko ukurikije igihe Jenoside yateguwe, ubukana n'ubugome ndengakamere yakoranywe, imiryango mpuzamahanga n'ibihugu bikomeye birebera, umuntu yibaza iyo Inkotanyi zidafata umwanzuro ukomeye wo kuyihagarika, no kubohora igihugu, uko byari kugenda.

Ati: "Ibi rero ni ibigaragaza ko n'ubu ari twebwe tugomba kwirwanirira, cyane cyane muri iyi si ihindagurika buri munsi! Nta kindi twabona duha Inkotanyi zemeye guhangana n'ibyo byose, kandi zikabitsinda uretse guhora tuzishimira. Byasaga n'ibidashoboka mu maso ya benshi, ko u Rwanda rwongera kubaho, kubera uko rwari rwarasenyutse mu mpande zose. Mwarakoze Nkotanyi."

Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

# Ijambo ry'Ibanze

## Urwego rw'u Rwanda Rushinzwe Igorora rutanga amahirwe yo kongera kubaho

Iyo usubije amaso inyuma ku mpinduka zabaye mu Rwanda mu myaka 32 ishize nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, byagorana cyane kwirengagiza amavugurura yakozwe ku zahoze zitwa Gereza (Prisons) ubu zahindutse Igororero [Amagororero] akaba acungwa n'Urwego rw'u Rwanda Rushinzwe Igorora (RCS).

Uko imyaka yagiye yicuma, u Rwanda rwashyize imbaraga nyinshi mu kuvugurura serivisi z'igorora, rugamije ko ibigo byagororerwagamo bitaba aho gufungira abantu, ahubwo bikaba ahafasha umuntu kwisubiraho, kwiga no kongera kuba umuturage ufitiye Igihugu akamaro ndetse wakwiteza imbere na we ubwe abikesha ibyo yigiye mu Igororero.

Iyi ni imwe mu nkingi Igihugu cyubakiyeho ubutabera bushingiye ku bumuntu, ubwiyunge no gukumira isubiracyaha. Aho umugororwa, abona uburenganzira bwa muntu ndetse akabona serivisi zose za nkenerwa n'umuntu uri hanze abona nko kwivuza, kwiga, kwidagadura n'izindi.

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa iyi ntego, Urwego RCS rwashyize imbere gahunda zitandukanye zirimo uburere mboneragihugu, amasomo y'imyuga, ubujyanama n'ubuhuza, ubuvuzi, siporo ndetse n'imirimo y'inyungu rusange.

Uyu munsi iyo ugeze mu Igororero usanga abagororwa barahindutse abanyeshuri, ndetse abenshi bamaze kwiyakira no gukunda ibyo bahungukira, bwaba ubumenyi ngiro, kwiga indimi, amasomo asanzwe, n'ubundi bumenyi butuma basohoka ari ab'ingirakamaro ku miryango yabo no ku Gihugu.

Izi gahunda zigamije gutuma umuntu urangije igihano asubira muri sosiyete afite ubumenyi n'imyumvire bimufasha kubaho neza no kwirinda kongera gukora ibyaha. Kimwe mu byagaragaje impinduka zikomeye ni uburyo amagororero y'u Rwanda agenda ahinduka ibigo bitanga ubumenyi ngiro.

Ikindi cy'ingenzi ni uko u Rwanda rwashyize imbere iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu magororero, aho Leta ihamya ko umuntu ufunzwe ari uw'agaciro, bityo ahabwa ubuvuzi, amafunguro, uburere n'uburenganzira bwo gusurwa n'umuryango.

By'umwihariko, gahunda z'ubutabera bw'ubuhuza n'ubwumvikane zatangiye no gukorerwa mu magororero zifasha mu kubaka ubwiyunge hagati y'uwakoze icyaha, uwagikorewe n'umuryango nyarwanda muri rusange.

U Rwanda rwerekanye ko igorora ridakwiye kureberwa gusa mu ndorerwamo y'igifungo, ahubwo rikwiye kuba uburyo bwo guhindura umuntu no kumuha amahirwe mashya yo kongera kuba umuturage mwiza mu mico no mu myitwarire ari na we shingiro ry'iterambere ry'Igihugu.

**Ubwanditsi**

# Sena n'Abadepite bagaragaje umuti w'ibibazo bikomeje guteza gatanya mu miryango

**ZIGAMA Theoneste**

***Abagize Inteko Ishinga Amategeko imitwe yombi bagaragaje ko zimwe mu mpamvu zitera amakimbirane no gusenyuka kw'imiryango ari uko hari abashakana batabanje kwitegura neza inshingano z'urugo, bikabagiraho ingaruka zirimo no gutandukana.***

Ibi byagarutsweho ku wa 21 Gicurasi 2026, mu nama nyunguranabitekerezo yahuje Abasenateri n'Abadepite byagarutse ku ihame ry'uburinganire, inshingano nyabutatu z'umuyobozi, kwita ku ihame ry'uburinganire mu igenamigambi no mu ngengo y'imari, ndetse no mu ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST2).



Abagize Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi bagaragaje ko zimwe mu mpamvu zitera amakimbirane no gusenyuka kw'imiryango

Senateri Uwera Pelagie yavuze ko kubaka urugo rutajegajega bisaba ibiganiro bihoraho no kugira intego ihuriweho hagati y'abashakanye. Yagize ati: "Nyuma y'inzitizi abantu baba bafite mu muryango bakwiriye kwicara hamwe kugira ngo buri gihe bahore baganira bareba aho bavuye bishimire n'aho bageze."

Yakomeje avuga ko nubwo hari igihe ubushobozi buba budahagije, iyo abashakanye bafite intumbero imwe bashobora kugera ku iterambere. Ati: "Mu rugo abantu bagomba kwemera intege nke za buri ruhande, kugira ngo babashe kugera kure. Umugore n'umugabo n'abana bagomba kuba bashyize hamwe. Igihugu cyacu ni umuryango wanjye n'uwuriya ni uwa mugenzi wanjye iyo miryango ikoreye hamwe Igihugu gitera imbere."

Depite Uwubutatu Marie Thérèse yavuze ko abashakanye bakwiye gufata urugo nk'inshingano ikomeye isaba kwitanga no gushyira hamwe. Yashimangiye ko urugo rutubakwa mu buryo bworoshye, ahubwo ko abashakanye bagomba kwiga guhangana n'ibibazo n'impinduka bahura na zo mu gihe zivutse.

Yagize ati: "Niba warabaye mu muryango mu burere wahawe nta kibazo wigeze ugira, mu rugo ushobora kugenda ugasanga hari ubukene, ibyo wabagamo iwanyu ntabwo ari byo ubonye muri urwo rugo ushatsemo. Ugomba kwimenyereza guhangana n'ibihe uko byaba bihagaze kose".

Depite Mazimpaka Jean Claude yavuze ko ingo zikwiye kubakira ku ndangagaciro zirimo kubahana, kugirana inama no kwizerana hagati y'abashakanye. Yagize ati: "Mu rugo ni nko mu nyanja, bidusaba kugira ikinyabupfura kugira ngo tugere ku ntego. Muri ibyo harimo kubahana kugirana inama ndetse aho bishobotse tukagisha inama abandi."

Yongeyeho ko urugo rurangwa n'ubufatanye n'ubwubahane rushobora kugera ku iterambere rirambye. Umuyobozi Mukuru ushinzwe Guteza Imbere Uburinganire no Kongerera Ubushobozi Abagore muri Ministeri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF), Ngayaboshya Silas, yavuze ko guteza imbere uburinganire bitareba umugabo cyangwa umugore ku giti cye, ahubwo ko ari inshingano z'impande zombi.

Yagize ati: "Mu guteza imbere uburinganire, ikibazo ntabwo ari umugabo cyangwa umugore, ikibazo kububaka bombi. Hari ibyo tujya twumva mu bantu aho bavuga ngo umugore afata inshingano z'umuyobozi, akareka indangagaciro z'umugore agatangira gukoresha nabi iz'umugabo. Kubera ko yari yaratojwe ko agomba kugira inshingano zo kwita ku bagize umuryango, akiga gukubita abantu. Urumva ni cyo twagombye gukuraho. Indangagaciro nziza reka abe ari zo dukoresha."

Raporo y'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) iheruka, igaragaza ko mu 2025 inkiko zatanze gatanya 2,629 mu manza 4,479 zari zayisabiwe. Muri abo bahawe gatanya, 41,1% bari bamaze imyaka itageze ku 10 babana. Abenshi bari bamaze hagati y'imyaka itanu n'icyenda babana bangana na 693, mu gihe 545 bari bamaze imyaka ine cyangwa munsi yayo.

Abari bamaze hagati y'imyaka 10 na 14 babana bahawe gatanya ni 530, naho 445 bari bamaze hagati y'imyaka 15 na 19. Ingo 18 gusa ni zo zatandukanye nyuma yo kubana imyaka irenga 45.

# Byinshi ku cyorezo cya Ebola cyugarije ibihugu bituranye n'u Rwanda

**KAMALIZA Agnes**

***Ebola ni indwara iterwa na virusi yitwa Ebola. Ubwoko bwa Virusi bwayo bwabonetse muri Repubulika ya Demokarasi ya Congo (RDC) na Uganda bukaba bwarahawe izina rya "Bundibugyo Virus (BDBV)".***

Minisiteri y'Ubuzima y'u Rwanda (MINISANTE), ivuga ko ubusanzwe virusi ya Ebola yibera mu mubiri w'ubwoko bumwe bw'uducurama ntidutere kurwara ariko tukayikwirakwiza, kandi yibasira abantu ndetse n'inyamanswa z'inyamabere



Icyorezo cya Ebola cyibasiye ibihugu bituranye n'u Rwanda

zo mu ishyamba nk'impala, isha, inguge, ingagi, inkende, ibitera, n'izindi.

MINISANTE igaragaza ko nta murwayi wa Ebola uraboneka mu Rwanda ariko rukomeje gukurikiranira hafi, cyane ko ari indwara yandura byihuse, ikanica ku kigero kiri hagati ya 50% – 90% by'abayirwaye.

Muri Gicurasi 2026, Ebola yongeye kuboneka mu Burasirazuba bwa RDC no muri Uganda, ndetse yica abarenga 100, aho ubwoko bwa Virusi ya Ebola yabonetse ya Bundibugyo yashyizwe mu cyiciro cy'icyorezo kireba Isi yose nk'uko byatangajwe n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima (OMS).

MINISANTE igaragaza ko umuntu wese wanduye Ebola atangira kugaragaza ibimenyetso hagati y'iminsi 2 na 21; birimo kugira umuriro mwinshi, kubabara umutwe, guhitwa, kubabara imikaya no mu ngingo, kuruka, kubabara mu nda no mu muhogo, gutukura amaso, gucika intege no kuribwa mu ngingo, gusesa ibiheri ku mubiri no kuva amaraso ahari umwenge hose.

Umuntu ashobora kwandura Ebola igihe akoze ku maraso n'andi matembabuzi yose y'umuntu uyirwaye, uwishwe nayo, cyangwa akoze ku maraso n'andi matembabuzi by'inyamanswa irwaye cyangwa yishwe na Ebola.

Ayo matembabuzi ni ibyuya, amarira, ibimyira, amacandwe, ibirutsi, inkari, umusarane, amashereka, amasohoro n'ubuhehere bwo mu gitsina cy'umugore.

Umuntu yandura akoze ku murambo w'umuntu wishwe na yo atarabihuguriwe kandi atambaye imyambaro imurinda, yita ku murwayi wa Ebola, amuvura, amusukura cyangwa ashyingura umurambo w'uwo yishe.

Minisiteri y'Ubuzima ivuga ko umuntu wanduye Ebola atangira kwanduza abandi igihe yatangiye kugaragaza ibimenyetso by'uburwayi, ikaba isaba Abaturarwanda kugira isuku y'aho batuye no gukaraba intoki kenshi kuko ari uburyo bw'ingenzi mu gukumira no kurwanya i Ebola n'izindi ndwara, ndetse uwiyumvamo ibimenyetso akihutira kujya kwa muganga.

# Icyorezo cya Hantavirus cyongeye kugaragara nyuma y'imyaka 76



Hantavirus ni indwara iterwa na virusi zikunze kuba mu mbeba

**KAMALIZA Agnes**

***Nyuma y'imyaka irenga 76 abasirikare bo muri Koreya y'Epfo bagaragayeho icyorezo cya Hantavirus; kuva muri Mata 2026, cyongeye kugaragara ndetse gihitana ubuzima bw'abantu batatu, abandi 11 bo mu bihugu nka Leta Zunze Ubumwe za Amerika, u Bufaransa, u Budage n'ahandi byemejwe ko bayanduye.***

Isi yongeye kugira impungenge nyuma yuko hongeye kugaragara icyorezo cya Hantavirus, giterwa na virusi yo mu bwoko bwa 'Andes Virus', buzwiho kwandura hagati y'abantu, aho bwibasira ibihaha n'indi myanya y'ubuhumekero.

Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima (OMS) ryemeje ko Hantavirus yongeye kugaragara mu bagenzi bari mu bwato bw'ubukerarugendo bwitwa MV Hondius, bwavaga muri Argentine bwerekeza muri Cape Verde butwaye abantu 150 ariko bamwe bafatwa n'iyo ndwara abandi irabica.

Izina "Hantavirus" ryaturutse ku mugezi witwa Hantan River wo muri Koreya y'Epfo aho mu myaka ya 1950, mu gihe cy'intambara y'Abanyakoreya; abasirikare benshi barwaye iyo ndwara yibasiraga impyiko, nyuma Abashakashatsi baza kuvumbura ko yaterwaga na virusi ikwirakwizwa n'imbeba.

Menya byinshi kuri Hantavirus

Mu 1978, Umushakashatsi akaba n'umuhanga witwa Ho-Wang Lee ni we wabashije gutandukanya no gusobanura iyi virusi. Hantavirus ni indwara iterwa na virusi zikunze kuba cyane cyane mu mbeba.

Yandura binyuze mu guhumeka umwuka wandujwe n'inkari, ibisigazwa, cyangwa amacandwe y'izo mbeba, gukora ahantu handuye umuntu akikora ku munwa, ku mazuru, cyangwa mu maso. Kurumwa, kurya cyangwa kunywa ibiribwa n'amazi byandujwe n'imbeba yanduye Hantavirus.

Uyirwaye agira ibihe bimenyetso?

Ibimenyetso bishobora kugaragara hagati y'icyumweru kimwe n'ibyumweru 8 nyuma yo guhura n'iyo virusi. Ibyo bimenyetso ni umuriro mwinshi no gutitira, kubabara umutwe, kubabara imikaya no mu ngingo, umunaniro, kuribwa mu nda, kugira isesemi, guhitwa no kuruka.

Igihe uburwayi bwakomeye, umuntu ashobora kugira; inkorora, kugabanyuka k'umuvuduko w'amaraso, guhumeka nabi, kubabara mu gatuza, amazi akuzura mu bihaha, no kurwara indwara zikomeye z'ubuhumekero.

Muri Gicurasi 2026, OMS yemeje ko nta muti cyangwa urukingo rwa Hantavirusi ruraboneka ariko uwiyumvamo ibyo bimenyetso agirwa inama yo kwihutira kwa muganga kuko yica uyirwaye ku kigero kiri hagati ya 1-50%.

Minisiteri y'Ubuzima (MINISANTE) ivuga ko nta murwayi w'iyo ndwara uragaragara mu Rwanda ariko Abanyarwanda bagirwa inama yo kugira isuku mu ngo, aho babika ibiribwa n'aho batuye, gukaraba intoki kenshi, kwambara udupfukamunwa n'uturindantoki igihe cyo gusukura ahantu haba imbeba kandi bakihutira kujya kwa muganga mu gihe bagaragaje ibimenyetso.

Iyo virusi iba mu mbeba cyane cyane imbeba nto zitwa Deer mice zikunze kuba mu Majyaruguru ya Amerika cyane cyane mu mashyamba, mu mirima no mu bihuru. Kuva mu myaka ya 1978, yakunze kugaragara cyane muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, mu Bushinwa, Koreya y'Epfo, u Burusiya, Chile, Argentina, Brazil, Canada n'ahandi.

# Kwibuka 32: NESA yiyemeje guhanagura icyasha cyasizwe uburezi bw'u Rwanda muri Jenoside



Umuyobozi Mukuru wa NESA Dr. Bahati Bernard yavuze ko icyasha cyasizwe uburezi bw'u Rwanda muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 kigomba guhanagurwa

KAMALIZA Agnes

***Ubuyobozi n'Abakozi b'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA) biyemeje kubaka igihugu no kwimakaza uburezi bwiza mu Rwanda, mu rwego rwo guhanagura icyasha cyasizwe uburezi mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, aho bwakoreshejwe mu kwigisha urwango n'amacakubiri mu bana b'u Rwanda. Babigarutseho ku wa 15 Gicurasi 2026, ubwo basuraga Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Nyarubuye mu Karere ka Kirehe, rushyinguyemo Abatutsi barenga ibihumbi 59.***



Ubuyobozi n'abakozi ba NESA basuye Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Nyarubuye mu Karere ka Kirehe

Basobanuriwe amateka yagejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi bigizwemo uruhare n'abitwaga ko bize, bagaragarizwa amateka y'ubwicanyi ndengakamere bwakorewe Abatutsi bari bahungiye kuri Paruwasi ya Nyarubuye cyane ko hari Kiliziya Gatolika aho bishwe bakuwemo imitima ikotswa mu ifuru. Umuyobozi Mukuru wa NESA, Dr. Bernard Bahati yagaragaje ko buri mwaka biyemeje gusura Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi, aho bibasigira amasomo no kwiyemeza, kuko aho bageze basobanurirwa uruhare rubi rw'uburezi muri Jenoside.

Dr. Bahati yavuze ko bafite umukoro wo guhindura isura y'uburezi aho bwambitswe icyasha, kigakurwaho burundu no gutuma buba bwiza hubakwa Igihugu, harwanywa amacakubiri, urwango n'akarengane ndetse hagashyirwa imbere gukora cyane. Ati: "Aho tugiye hose batubwira uruhare uburezi bubi bwagize kugira ngo Jenoside yakorewe Abatutsi ishoboke. Iyo urebye usanga yarateguwe n'abantu bize amashuri menshi. Dufite inshingano zo gukomeza guhindura isura y'uburezi, icyasha bwambitswe n'abareze babi tukagihanagura."

Yongeyeho ko abakozi bakwiye gukora mu bwumvikane n'ubworoherane kandi bakunga ubumwe ari na ko banoza akazi bakora birinda kugira uwo barenganya. Yagize ati: "Dukwiye gukora uko dushoboye isura y'uburezi nziza imaze igihe muri iki Gihugu tugakomeza gutuma iba nziza hatazongera, kugira abumva ngo abize ni bo ba nyirabayazana w'ibibi. Dukore tutabogama mu myanya duha abanyeshuri, ubugenzuzi dukora tubukore ntawe turenganya twunge n'ubumwe kandi dukore kugira ngo twiteze imbere."

Bamwe mu bakozi ba NESA bagaragaje ko bafite inshingano zo gukomeza gusigasira isura y'uburezi bagakosora ibyakozwe n'ubuyobozi bubi mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi, ndetse bakunga ubumwe hagamijwe gukomeza kubaka Igihugu hakomeza kwigishwa amateka abakiri bato. Mbonimpa Egide yagize ati: "Ni twe dufite uruhare rwo kubirwanya ntibizongere, haba mu kazi no hanze yako icyo ngomba gukora, ni ukugira ubuvandimwe nkunga ubumwe nkakorana n'abandi mu mahoro."

Abizerimana Ruth na we ati: "Ni ugukorera hamwe kuko twabonye ko mu byaranze abari bahungiye Nyarubuye bagerageje gushyira hamwe kugira ngo barwanye ibitero nubwo bitabakundiye. Icyo dukwiye kwigisha abana ni amateka tukabigisha ububi bwa Jenoside, niyo abayabayemo baba batagihari bagakura bayazi n'abo bazabyara bakayabigisha kugira ngo bitazongera kubaho ukundi."

Nyuma yo gusura Urwibutso rwa Nyarubuye batashye inzu basaniye uwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi ndetse baranamuremera. Dr Bahati yihanganishije abayikorokotse abasaba gukomera, agira ati: "Mwongera kwibuka umutima ukababara ariko muhumure mukomere."

Abatutsi baruhukiye mu Rwibutso rwa Nyarubuye bishwe bashinyaguriwe aho bakuwemo imitima ikotswa mu ifuru, urwo Rwibutso kandi rugaragaza amasekuru bakoreshaga basekura impinja n'ibikuta zakubitwagaho, imivure, Interahamwe zasukagamo amaraso y'Abatutsi bishwe kugira ngo barebe ko ahinduka amata n'ibindi.

Basobanuriwe kandi uburyo Abatutsi bari bahahungiye bishwe urubozo, aho nyuma yo kubica, Interahamwe zasubiraga inyuma ngo zirebe ko bapfuye neza zigasya urusenda zikarunyanyagiza ku mibiri uwinyagambuye zikamunogonora. Nyuma yo kubona ko ntawusigaye zaragiye ariko zibona ishusho ya Yezu yari imanitse imbere ya Kiliziya zivuga ko nawe ari Umututsi zirayimanura zirayitemagura, nayo ni imwe mu zigaragara muri urwo Rwibutso.



NESA yashyikirije uwarokotse Jenoside inzu yamusaniye

# Ibikorwa by'ingenzi byagenewe ingengo y'imari ya 2026/27 y'asaga Tiriyali 7.8Frw



Ikibuga cy'Indege cya Kigali giherereye mu Karere ka Bugesera kiri mu bizitabwaho mu 2026/2027

KAMALIZA Agnes

***Guverinoma y'u Rwanda yateganyije gukoresha tiliyari 7 na miliyari 800 z'amafaranga y'u Rwanda, mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2026/27, aho yiyongereyeho miliyari 844.2 Frw ugereranyije na Tiriyali 6 na miliyaari 900 Frw yakoreshejwe mu ngengo y'imari ivuguruye y'umwaka wa 2025/26.***

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Murangwa Yusuf yabwiye abagize Inteko Ishinga Amategeko imitwe yombi ko impamvu yo kongera iyo ngengo y'imari ari uko hakenewe gukomeza kwihutisha imirimo yo kubaka Ikibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali kiri mu Karere ka Bugesera.

Yavuze ko kandi hagamijwe kongera inkunga ya sosiyete y'u Rwanda y'ubwikorezi bwo mu kirere 'RwandAir' iyifasha guhangana n'ingaruka zatewe n'intambara yo mu Burasirazuba bwo hagati ihanganishije Iran na Leta Zunze Ubumwe za Amerika zifatanyije na Isiraheli.

Uwo muyobozi yasobanuye ko muri iyo ngengo y'imari amafaranga azaturuka imbere mu gihugu azagera kuri Tiriyali 5, na miliyari 273 z'amafaranga y'u Rwanda. Inkunga z'amahanga zizagera kuri miliyari 548.3 z'amafaranga y'u Rwanda. Ni mu gihe inguzanyo z'amahanga zo zizagera kuri miliyari 1 974 z'amafaranga y'u Rwanda.

Ni amafaranga azakoreshwa mu nkingi eshatu zishingiye kuri gahunda ya 2 ya Guverinoma y'u Rwanda yo kwihutisha iterambere (NST2).

Mu bikorwa bitaganyijwe harimo ko inkingi y'urwego rw'ubukungu yagenewe miliyari 4,999 Frw, iy'imibereho myiza y'abaturage ihabwa miliyari 1,669 Frw, naho iy'imiyoborere ihabwa miliyari 1,135 Frw.

Uko iyi ngengo y'imari iteganyijwe kugabanywa mu nzego zitandukanye

**Ubuhinzi**

Urwego rw'ubuhinzi rwagenewe miliyari 352.5 Frw. Imishinga minini izashyirwamo amafaranga harimo gutanga inyongeramusaruro, kongera no gutubura imbuto z'indobanure z'ibihingwa by'ingenzi birimo ibigori, ingano, soya, ibirayi, umuceri, imyumbati n'ibishyimbo, ndetse no gukomeza ibikorwa by'umushinga wa Gabiro Agribusiness Hub.

Hari kandi kubaka no kongera ibikorwa remezo byo kubungabunga umusaruro nyuma y'isarura birimo imashini zisarura, zumisha imyaka n'ubuhunikiro.

Hazongerwa kandi ibigega by'igihugu bibikwamo imyaka hagurwa ibigori n'ibishyimbo bihagije.

Hazashyirwa imbaraga kandi mu kongera umusaruro w'amatungo hifashishijwe ibimasa by'indobanure n'intanga z'amatungo zatoranyijwe, hashyirweho inganda zita ku ntanga 'Songa Genetic Centre of Excellence' n'urwa 'Liquid Nitrogen' hubakwe amavuriro y'amatungo, hanavugururwe ingomero zo mu bishanga.

Harimo kandi gushyiraho ikigo cy'ubworozi bw'amafi, gusazura ibiti bya kawa bishaje no kwagura ubuhinzi bw'icyayi. Urwego ruzanakomeza guteza imbere ubwishingizi bw'ubuhinzi no korohereza abahinzi kubona inguzanyo n'inkunga.

**Ingufu**

Urwego rw'ingufu rwagenewe miliyari 350.1 Frw. Aya mafaranga azakoreshwa mu mishinga irimo kubaka urugomero rwa Nyabarongo II, imishinga yo gutanga amashanyarazi irimo 'Arc Power Rwanda' na 'KivuWatt' no kongera ingo zibona amashanyarazi n'uburyo bwo guteka budakoresha inkwi nyinshi.

**Ibidukikije**

Urwego rw'ibidukikije rwagenewe



Umushinga wa Gabiro Agribusiness Hub uzakomeza kwitabwaho hagamijwe kugira ubuhinzi butanga umusaruro uhagije

miliyari 147.4 Frw. Ibikorwa by'ingenzi birimo gusubiranya urusobe rw'ibinyabuzima binyuze mu gusana ibishanga, amashyamba n'amazi, ndetse no gucunga neza ibidukikije mu gice cyaguriweho Pariki y'Ibirunga.

Guverinoma izanateza imbere serivisi z'iteganyagihe hifashishijwe radar nshya, kongera ubushobozi bwo guhangana n'imyuzure no gucunga amazi, kubaka urugomero rwa Muvumba no kongerera ubushobozi laboratwari igenzura Amazi y'Ikiyaga cya Kivu. Inkunga zijyanye n'imihindagurikire y'ikirere zizashyigikirwa binyuze muri gahunda za 'Intego Facility' na 'Ireme Invest.'

**Urwego rw'imari**

Miliyari zirenga 24 Frw zizifashishwa mu gukomeza kuvugurura urwego rw'imari, harimo guhuza Koperative za Umurenge SACCO zikavamo SACCO zo ku rwego rw'Akarere hagamijwe gushyiraho banki y'amakoperative. Hazanozwa kandi ituze n'umutekano ku isoko ry'imari n'imigabane, korohereza kubona inguzanyo no gukaza imicungire y'amakuru y'ubutasi mu by'imari.

**Ikoranabuhanga**

Urwego rw'ikoranabuhanga rwagenewe miliyari 121.7 Frw. Hazatezwa imbere ubumenyi mu ikoranabuhanga binyuze muri gahunda y'Intumwa mu ikoranabuhanga – 'Digital Ambassadors' na 'Rwanda Coding Academy,' hanagurwe serivisi zitangirwa ku ikoranabuhanga mu butabera, ubuhinzi, imari ya Leta n'imibereho myiza.

Hazongerwa kandi ubushobozi bw'Urubuga Irembo, umutekano w'ikoranabuhanga, kurinda amakuru no gushyiraho Ibigo bya 'Government Data Hub' na 'Situation Rooms' bifasha gufata ibyemezo hashingiwe ku makuru y'ako kanya.

Abikorera n'akazi ku rubyiruko

Urwego rw'abikorera rwagenewe miliyari 195.3 Frw. Aya mafaranga azafasha guteza imbere inganda, ibyoherezwa mu mahanga, ubukerarugendo, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro no guhanga imirimo. Hazubakwa ibyanya by'inganda, ibigega bibikwamo peteroli, inganda zigezweho, ibikorwa byo gutunganya imyanda y'inganda na 'Kigali Innovation City.'

Hari kandi guteza imbere gahunda ya 'Made in Rwanda', ubukerarugendo n'inama mpuzamahanga, kuvugurura ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro no gufasha urubyiruko kubona amahugurwa n'imirimo.

**Ubwikorezi**

Urwego rw'ubwikorezi rwagenewe miliyari 305.3 Frw. Imishinga iteganyijwe harimo kuvugurura imihanda ya Kigali–Muhanga, Base–Butaro na Prince House–Giporoso–Masaka, kubaka umuhanda wa kaburimbo wa kilometero 11.6 ujya ku Kibuga cy'Indege cya Kigali kiri i Bugesera, ndetse no kubaka imihanda yunganira indi irimo Nyacyonga-Mukoto wa kilometero 40 n'indi izubaka muri Kigali kilometero 69.

Harimo kandi kuvugurura gare ya Nyabugogo, gushyiraho imihanda yihariye ya bisi no kunoza amasangano yo mu Mujyi wa Kigali. Hazagurwa kandi umuhanda wa Kilometero 10.1 wa Zindiro-Masizi-Birembo-Kami-Gasanze n'uwa kilometero 4 wa Cyamitsingi-Bibare-Zindiro.

Mu by'indege, hazashyirwaho ikigo cy'indashyikirwa mu gutanga amahugurwa y'iby'indege no gukomeza ibikorwa byo kwimura abaturage ahazagurirwa ikibuga cyazo cya Bugesera.

**Imijyi n'imiturire**

Urwego rw'imijyi n'imiturire rwagenewe miliyari 145.4 Frw. Hazakomeza kwishyurwa ibikorwa byakorewe kuri Stade Amahoro, kwagura inyubako ya Komisiyo y'Inteko Ishinga Amategeko no gukuraho ibisenge bya asbestos ku nyubako za Leta. Guverinoma izagaragaza igishushanyo cy'ahari imyubakire y'utujagari tunoze imiturire ndetse yongere umudugudu wa Muzo IDP uve ku nzu 120 ugera kuri 180.

**Uburezi**

Urwego rw'uburezi rwagenewe miliyari 888.7 Frw. Aya mafaranga azifashishwa mu kongera amashuri no kuyavugurura, guteza imbere amashuri nderabarezi, gahunda yo kugaburira abanyeshuri ku ishuri no gushaka abarimu bafite ubushobozi.

Hari kandi guteza imbere amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro (TVET), amasomo ya STEM, gukoresha ikoranabuhanga mu burezi no kwagura ibikorwa remezo bya za kaminuza birimo Nyagatare Veterinary Complex.

KOMEZA KU RUP.11

## Ibikorwa by'ingenzi byagenewe ingengo y'imari ya 2026/27 y'asaga Tiri-yali 7.8Frw

IBIKURIKIRA URUP.10

**Ubuzima**

Urwego rw'ubuzima ruzahabwa miliyari 489 Frw. Aya mafaranga azakoreshwa mu gushyira ibiko-resho mu bigo nderabuzima, kuvugurura ibitaro bya Muhororo, Kabgayi na Ruhengeri, kubaka inzu z'ababyeyi ku bitaro bya Kibagabaga no guteza imbere ubuzima bw'umu-byeyi n'umwana.

**Kurengera imibereho myiza**

Guverinoma yagennye miliyari 153 Frw mu gufasha abaturage batishoboye binyuze muri, gahunda za VUP, inkunga z'amafaranga, ibikorwa bibyara inyungu n'amahu-gurwa.

Hari kandi gahunda zo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, kurengera abana no kongerera ubushobozi urubyiruko n'abagore.

**Amazi n'isukura**

Miliyari 138 Frw zagenewe kongera amazi meza binyuze ku nganda ziya-tunganya za Kanzenze na Karenge, kwagura imiyoboro y'amazi no kuvugurura ibikorwa by'isuku n'isukura. Harimo kandi kunoza uburyo bwo gucunga imyanda ya Nduba no kubaka uburyo bwo gukusanya no gutunganya amazi yanduye mu Mujyi wa Kigali.

**Imiyoborere**

Guverinoma iteganya gukoresha miliyari 318 Frw mu guteza imbere uruhare rw'abaturage mu biba-korerwa, kubazwa inshingano no kunoza serivisi. Aya mafaranga azafasha kandi mu myiteguro y'am-atora y'inzego z'ibanze ateganyijwe muri uyu mwaka wa 2026 harimo kwandikisha abatora no gukora ubukangurambaga mu baturage.

**Ubutabera**

Urwego rw'ubutabera ruzahabwa miliyari 696 Frw. Aya mafaranga azifashishwa mu gutanga serivisi z'ubutabera, gahunda z'ubumwe n'ubwiyunge, kubahiriza amate-geko, kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside no gukora ibikorwa by'Itorero.

**Siporo n'Umuco**

Nibura miliyari 9 Frw zage-newe guteza imbere impano muri siporo, gushyigikira ibigo byagenewe ibikorwa bya siporo, kunoza ibikorwa remezo no gushy-igikira amarushanwa n'ibikorwa mpuzamahanga bya siporo n'umuco.

# Inyungu fatizo ya BNR yiyongereyeho 1%, yitezweho kugabanya ibiciro ku isoko

**KAMALIZA Agnes**

***Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) yatangaje ko yazamuye inyungu fatizo yayo iva kuri 7.25%, igera ku 8.25% ni ukuvuga izamuka rya 1%, mu rwego rwo kugabanya igitutu cy'izamuka ry'ibiciro ku masoko, bikomeje gutumbagira umunsi ku wundi.***

Mu kiganiro n'itangaza-makuru kuri uyu wa 21 Gicurasi 2026, BNR yasoba-nuye ko ibiciro ku masoko byarenze mu mbago ziri kirekire kandi z'imishinga ifatika ifitiye ubukungu akamaro; ntatange za nguzanyo za hato na hato cyangwa z'ibirori.

Ati: "Inguzanyo zidatangwa muri ibyo bihe n'inguzanyo za hato na hato, ibintu ushobora kugura by'akanya gato, inguzanyo z'ibirori, ubukwe, ariko inguzanyo zijyanye n'ibirambye kuko bitaba bigarukira muri ibyo bihe ibiciro bitameze neza zo zikomeza gutangwa."

Prof. Ndahiriwe akomeza asobanura ko iyo bigenze ubushishozi, no ku masoko ibisabwa biragabanyuka kuko nta bantu bajyaga muri banki baka inguzanyo za hato na hato n'ibyo bagura biragabanyuka bitume bidashyira igitutu ku masoko umuvuduko w'iza-muka ry'ibiciro ugabanyuke kuko ababona amafaranga bagabanyutse."

Ikigo cy'Igihugu cy'Ibaru-rishamibare (NISR) cyatangaje ko ibiciro ku isoko muri Mata 2026, byiy-ongereye ku kigero cya 13% mu Mujyi, mu gihe mu cyaro byiyongereye 10.6% uger-kubera ko ibiciro ku masoko biba byiyongeye kandi natwe turabibona. Aho rero nka BNR ntabwo wabire-bera gusa ahubwo duhita dufata ingamba kugira ngo umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro ugabanyuke."

Soraya yongeyeho ko itaganyamibare ryer-ekana ko bitewe n'ingamba zafashwe, ingamba Leta igenda ishyiraho byose bitanga icyizere ko mu 2027, umuvuduko w'iza-muka ry'ibiciro uzamanuka ukagera kuri 7%.




**Banki Nkuru y'u Rwanda yatangaje ko kuzamura inyungu fatizo ikagera kuri 8,25% yitezweho kugabanya ibiciro ku masoko**

hagati ya 2%-8%, ubu bikaba bigeze kuri 13%, kandi ibyo bishimangira ko ku isoko biremereye umuguzi. BNR ivuga ko mu rwego rwo kugaruka muri za mbago ibiciro ku isoko bitagomba kurenga; yazamuyeho inyungu fatizo 1%.

Kuzamura inyungu fatizo n'igabanyuka ry'ibiciro ku masoko bihurira hehe?

Umuyobozi ushinzwe Poli-tiki y'Ifaranga muri BNR, Prof. Kasai Ndahiriwe asoba-nura ko kuzamura inyungu fatizo bituma amabanki y'ubucuruzi afata ingamba agatanga inguzanyo zike-newe. Avuga ko ibyo bituma amabanki afata ingamba zo gutanga inguzanyo z'igihe bityo bituma umubare w'abafata inguzanyo ugab-anyuka kuko inguzanyo ziba zihenze bigatuma amafa-ranga abantu bafite yo kugura ibintu by'inyongera agabanyuka bakagura iby'ingenzi andi bakaya-zigama muri banki.

Nyuma yuko amafaranga agabanyutse mu baturage babura ubushobozi bwo kugura ibitari ngombwa bigatuma abacuruzi babura abaguzi kandi ibicuruzwa bihari, bigatuma bagabanya ibiciro ngo babone ababaha-hira.

Yongeyeho ati: "Niba amabanki ajya gutanga inguzanyo agashungura kuko turi mu bihe bisaba eranyije n'ukwezi nk'uko k'umwaka ushize.

Guverineri wa BNR, Soraya Hakuziyaremye avuga ko politiki y'ifaranga ifasha kugira ngo umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro utarenga mu mbago hagati ya 2-8% , ariko ubu biga-ragara ko byamaze kurenga izo mbago ariko ingamba zihari zizatuma bisubira ku murongo.

Ati: "Tubona ko ubu warenze muri za mbago 8%, ugeze kuri 13% mu iteganya-mibare bigararagara ko uyu mwaka mu mpuzan-dengo dushobora kugera uwo muvuduko ugeze kuri 13.9%, ubushobozi bw'umu-guzi buba bugabanyutse

Si ubwa mbere ibiciro byarenga imbago u Rwanda rwihaye kuko no mu 2022, byarazamutse bigera kuri 20.1% nkuko byemezwa na BNR. Icyo gihe byari byatewe n'umusaruro muke w'ubuhinzi, intambara ya Ukraine n'u Burusiya yatumye ibiciro ku isoko mpuzamahanga byiyongera ndetse n'ibiciro by'ifumbire.

Byatumye BNR ifata umwanzuro wo kuzamura inyungu fatizo iva kuri 4.5% igera kuri 7.5%, ndetse Leta y'u Rwanda ishyira nkun-ganire ku biciro by'ifumbire na peteroli bituma ibiciro bigaruka muri za mbago hagati ya 2-8%.

# Ingengo y'Imari iziyongeraho miliyari 844.2 Frw mu 2026/2027




**Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Murangwa Yusuf ageza ku Nteko Ishinga Amategeko ingengo y'imari iteganyijwe ya 2026/2027**



**Inteko Ishinga Amategeko Imitwe yombi yagejejweho umushinga w'itegeko ry'ingengo y'imari y'umwaka wa 2026/2027**

**NYIRANEZA Judith**

***Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Murangwa Yusuf yatangaje ko ingengo y'imari iteganyijwe kuzakoreshwa mu mwaka wa 2026/2027 ari miliyari 7796.3 Frw, ikaba aziyongeraho miliyari 844.2 Frw ugereranyije na miliyari 6,952.1 Frw, zakoreshejwe mu mwaka 2025/2026.***

Yabitangaje ku wa 11 Gicurasi 2026 ubwo yagezaga ku Nteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari y'igihe giciriritse mu mwaka wa 2026/2027. Yagize ati: "Mu ngengo y'imari y'umwaka wa 2026/2027, amafaranga ateganyijwe kwinjira azagera kuri miliyari 7.796,3 Frw akaba aziyongeraho agera kuri miliyari 844.2 Frw ugereranyije na miliyari 6,952.1 Frw ari mu ngengo y'imari ivuguruye muri uyu mwaka wa 2025/2026."

Minisitiri Murangwa yagarutse ku byitaweho mu gutegura imbanzirizamushinga y'Ingengo y'imari y'umwaka wa 2026/2027, yavuze ko hashingiwe ku ntego zikubiye muri Gahunda ya Kabiri yo Kwihutisha Iterambere (NST2), hitawe ku ngaruka z'intambara yo mu Burasirazuba bwo Hagati, hanashingiwe kuri politiki yo kwinjiza amafaranga no kuyakoresha, izamuka rikabije ry'ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli n'ifumbire mvaruganda no gukomeza imicungire myiza y'imari ya Leta hagamijwe kugabanya icyuho mu ngengo y'imari no kugenzura imyenda ya Leta.

Yavuze ko urwego rw'ubuhinzi rugira uruhare rwa 20%, umusaruro w'urwego rw'ubuhinzi wazamutse ku gipimo cya 7% naho umusaruro w'ibihingwa byoherezwa mu mahanga wazamutse ku gipimo cya 32%, umusaruro w'urwego rw'inganda wazamutseho 11% bitewe ahanini n'umusaruro w'amabuye y'agaciro na kariyeri byazamutse ku gipimo cya 17% n'uwibitunganyirizwa mu nganda wazamutse ku gipimo cya 10%.

Urwego rwa serivisi rwazamutse ku gipimo cya 9% biturutse ahanini ku musaruro mwiza wabonetse mu bucuruzi, ubukerarugendo, gutwara abantu n'ibintu ndetse n'itumanaho.

Ku bijyanye n'ibiciro ku masoko, byageze kuri 13% muri Mata 2026, bivuye ku 9,2% muri Werurwe 2026, izamuka ryaturutse ahanini ku izamuka ry'ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli, ibicanwa harimo amakara, gaze n'ibiribwa. Muri rusange, impuzandengo y'izamuka ry'ibiciro hagati ya Mata 2025 na Mata 2026 byageze ku gipimo 8.2% bivuye kuri 7.6% yari yazamutseho mu kwezi kwa Werurwe 2026.

Icyuho hagati y'ibitumizwa n'ibyoherezwa mu mahanga cyagabanyitseho 1.9%mu 20205, biva kuri miliyari 2.4 z'amadolari ya Amerika mu 2024 zigera kuri miliyari 2.3 z'amadolari ya Amerika mu 2025 bitewe n'igabanyuka ry'ibyo dutumiza mu mahanga ku gipimo cya 14.9% mu 2025 ugereranyije na 15% byari byiyongereyeho mu mwaka wa 2024.

Inyungu muri serivisi yarazamutse igera kuri miliyoni 84.1 z'amadolari ya Amerika mu 2025 ivuye 78.4 z'amadolari ya Amerika yariho mu 2024, bitewe no kwiyongera kwa serivisi dutanga hanze ku gipimo cya 2.9% ugereranyije n'izo tuhasaba zazamutse ku gipimo cya 2.5%.

Ku bijyanye n'umwenda w'igihugu, kugeza ubu ibipimo bigenderwaho biri mu rugero kuko mu Ukuboza 2025 kuko 89.2% by'umwenda w'igihugu, yari imyenda ihendutse itangwa cyane n'amabanki n'ibigega mpuzamahanga ku nyungu yo hasi n'igihe kirekire cyo kwishyura.

Ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari ivuguruye 2025/2026, hagaragajwe ko muri Kamena 2025, Inteko Ishinga Amategeko yemeje ingengo y'imari y'umwaka wa 2025/2026 ingana na miliyari 7,032.5 Frw muri Gashyantare 2026 iravugururwa igera kuri miliyari 6,952.1 Frws.

Hagati ya Nyakanga n'Ukuboza 2025, amafaranga yakusanyijwe, imisoro, amahoro n'impano yiyongereyeho miliyari 46 Frw, agera kuri miliyari 2,390.1 Frw ugereranyije na miliyari 2,348.1 Frw yari ateganyijwe.

Ku bijyanye n'uburyo yakoreshejwe mu ngengo y'imari hagati ya Nyakanga n'Ukuboza 2025, amafaranga yose yageze kuri miliyari 2,931.6 Frw ugereranyije na miliyari 3,213.9 Frw yari ateganyijwe gukoreshwa akaba yaragabanyutseho miliyari 282.3 Frw. Hagendewe ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari ya 2025/2026 mu gihe gisigaye cy'umwaka bigaragara ko ishyirwa mu bikorwa rizagenda neza.

Yagarutse ku mirongo migari yagendeweho mu gutegura umushinga w'ingengo y'imari ya 2026/2027 no mu gihe giciritse, hitawe ku ngaruka z'intambara yo mu Burasirazuba bwo Hagati, no kuri politiki yo kwinjiza amafaranga no kuyakoresha harimo gukomeza gushyigikira iterambere n'imikorere ya RwandAir, gushyira imbaraga mu rwego rw'ubuhinzi hitabwa cyane cyane ku nyongeramusaruro no guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe.

Ibikorwa by'ingenzi bizibanda ku gukomeza ingaba zo guhangana n'izamuka ry'ibiciro ku masoko. kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga igamije imibereho myiza, gukomeza gushyigikira politiki y'imisoro igenda ihuzwa na politiki n'imisoro bihuriweho n'ibihugu byo mu muryango wa Afurika y'Iburasirazuba, guhangana n'ingaruka z'ibiza n'imihindagurukire y'ibihe.

Minisitiri Murangwa yasobanuye ko izamuka ry'ingengo y'imari ya 2026/2027 rizaterwa ahanini no kwihutisha imirimo yo kubaka ikibuga cy'indege mpuzamahanga gishya cya Kigali. Kongera inkunga igenerwa RwandAir iyifasha guhangana n'ingaruka z'intambara yo mu Burasirazuba bwo Hagati.

Amafaranga akomoka imbere mu gihugu azagera kuri miliyari 5,273.8 Frws, inkunga z'amahanga ziteganyijwe kugera kuri miliyari 548.3 Frw naho inguzanyo z'amahanga zizagera kuri miliyari 1,974.1 Frws.

Minisitiri Murangwa yanagaragaje uburyo amafaranga azakoreshwamo mu ngengo y'imari 2026/2027, mu mafaranga ateganyijwe gukoreshwa mu ngengo y'imari asanzwe azagera kuri miliyari 4,775.1 Frws; amafaranga azakoreshwa mu mishinga y'iterambere no mu ishoramari rya Leta azagera kuri miliyari 3,021.1 Frws.

Biteganyijwe ko umushinga w'itegeko rigenga ingengo y'imari y'umwaka wa 2026/22027 uzashyikirizwa Inteko Ishinga Amategeko muri Kamena uyu mwaka wa 2026.

# Abakozi ba 'Hoteli Ntende' bishimira ko umurimo wabo ubahesha agaciro




**Hotel Ntende yatangijwe n'Abahinzi b'umuceri mu gishanga cya Ntende mu Karere ka Gatsibo**



**Koperative Coproriz Ntende, irimo kubaka isoko ry'umuhinzi rizajya rikora nk'irya gisirikare rizwi nka Army Shop**

**KAYITARE Jean Paul**

***Abakozi ba Hoteli Ntende iherereye mu Karere ka Gatsibo, barishimira ko ubuyobozi bwayo buborohereza kongera ubumenyi kugira ngo barusheho gutanga serivisi zinoze. Bavuga kandi ko banishimira uko ubuyobozi bw'iyo Hoteli bwubahiriza ibikubiye mu masezerano y'akazi bagirana bityo bikabafasha kwiteza imbere.***

Hoteli Ntende y'inyenyeri ebyiri, ni iy'abahinzi b'umuceri bibumbiye muri Koperative Coproriz Ntende, ibarizwa mu Murenge wa Rugarama mu Karere ka Gatsibo mu Ntara y'Iburasirazuba. Bamwe mu bakozi bayikorera bavuga ko biteje imbere bakaba batagikodesha, baguze amasambu, abandi bongera ubumenyi biturutse ku mushahara mwiza bagenerwa buri kwezi, bagahamya ko umurimo bakora uhabwa agaciro n'umukoresha wabo.

Nshimiyimana Jean Baptiste, umubaruramari mukuru muri Coproriz Ntende, avuga ko yatangiranye na koperative kuva mu 2007 ari abakozi Batanu, kuva icyo gihe abakozi bahemberwa ku gihe, bikihutisha iterambere ry'imiryango yabo. Ati: "Maze imyaka 19 nkorera Koperative, hari byinshi yangejejeho, ndatuye, abana bariga, naguze ubutaka ntaha iwanjye ntabwo nkodesha, urumva ibyo bintu byose mfite ni ukubera ko koperative impemba neza kandi ku gihe hanyuma nkabasha nanjye kwiteza imbere."

Yishimira ko koperative ishyira umukozi mu mwanya ujyanye n'ibyo yize. Ishami ry'ibaruramari n'icungamutungo ribarizwamo abakozi 18 kandi bose ngo bize ibijyanye n'ibyo bakora. Abakozi ba koperative Coproriz Ntende, babanye nk'abagize umuryango kuko bakora ibikorwa bibateza imbere biturutse ku kigega bashyizeho kibagoboka igihe bafite ibirori cyangwa n'ibindi bibasaba ko bakenera amafaranga ku buryo bwihuse.

Agira ati: "Kuva 2017 twebwe nk'abakozi twashyizeho icyo twita sosiyale (ikigega cy'ingoboka) dufite ikigega duhuriyemo gifite umutungo urenga miliyoni 20. Umukozi ukeneye amafaranga yihuse nk'ibihumbi 300, bagenzi be barayamuguriza akazayishyura yongeyeho amafaranga 2% ku kwezi, akayishyura ayakuye ku mushahara we."

Avuga ko umukozi ufite ubukwe bashobora kumutwerera nka miliyoni. Uwagize ibyago n'uwagize ubukwe bityo usanga ngo bafashanya nk'abakozi bashyize hamwe.

Mu kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'umurimo, Nshimiyimana ahamya ko na bo bawizihije, abari mu kazi kubera abakiliya bakiraga ari benshi, bagize ibyo bagenerwa kugira ngo na bo bishimire umunsi w'umurimo nk'abandi bose.

Kellen Kabatesi, Umukozi wa Ntende Hoteli, yabwiye Imvaho Nshya ko gukorera iyi Hoteli ari umugisha kuko bayungukiraho byinshi bijyanye n'iterambere. Ati: "Gukora hano ni umugisha, naje hano ntari umunyeshuri ariko kubera ko aha hantu dukorera bafata neza abakozi, nabonye n'uburyo bwo kuba natangira kwiga Kaminuza, nkaba ndi umunyeshuri kandi nanakora, icyo ni ikintu nkesha kuba nkorera hano."

Akomeza avuga ko gukorera Hoteli Ntende byabaguye mu bijyanye n'ibyo binjiza, mu bitekerezo no mu mikorere. Kugeza ubu Kayitesi yiga muri East African University, ishami rya Nyagatare. Umunsi mpuzamahanga w'Umurimo, wamufashije kongera gutekereza ko agomba gukora cyane kugira ngo azagire ejo heza nk'urubyiruko.

Mbarubucyeye Cyprien na we umaze igihe ari umukozi wa Hoteli Ntende, avuga ko ukuntu bafashwe mu kazi bisa nk'aho ari abana bari mu muryango. Yagize ati: "Coproriz Ntende yagiye idufasha kugera kuri byinshi bitandukanye, yaramfashije niga Kaminuza ndayirangiza ubu nkomereje ku kindi cyiciro cya CIPS (The Chartered Institute of Procurement and Supply), ni igikorwa cy'indashyikirwa navuga kidasanzwe kugira ngo Coproriz Ntende ikomeze kumfasha kwiga."

Ahamya ko ibijyanye no gufata neza umukozi muri Koperative Coproriz Ntende, biri ku

KOMEZA KU RUP.14

# Abakozi ba 'Hoteli Ntende' bishimira ko umurimo wabo ubahesha agaciro

IBIKURIKIRA URUP.13




**Mugisha Emmanuel, uhagarariye ishami ry'ishoramari**



**Cyprien Mbarubucyeye, yakomeje kongera ubumenyi, ubu yiga muri Kaminuza yo hanze abikesheje umushahara ahembwa na Hotel Ntende**

rwego rwo hejuru. Ibi abishingira ku kuba yarashoboye kwiga biturutse ku mushahara agenerwa kandi ubuyobozi bukabibafashamo.

Mugisha Emmanuel, uhagarariye ishami ry'ishoramari rigizwe na Hoteli, ubworozi bw'inkoko, imboga n'imbuto bikoreshwa muri Hotel Ntende, avuga ko iyi Hoteli yatanze akazi kandi abayikorera bishimira uko ubuyobozi bubitaho.

Ati: "Abakozi bakorana umurava mu kazi bashinzwe, tukakira neza abatugana, duhembwa neza na Koperative ndetse gukora muri Hoteli byaduhesheje byinshi; byaduhuje n'ibigo by'imari […] abenshi mu bakozi uzasanga biga mu bihe byo mu mpera z'icyumweru, bivuze ko barimo kuzamura urwego rwabo."

Mugisha avuga ko bagiye bahabwa amahugurwa no kongera ubushobozi, ibyo bigatuma barushaho gutanga serivisi nziza muri Hoteli.

Agira ati: "Njyewe ku giti cyanjye, kuba nkorera muri Coproriz Ntende by'umwihariko mu ishami ry'ishoramari, ni ishema kuri njyewe. Icya mbere ni ikigo gifite ahazaza, niteje imbere ku buryo bugaragara, uko nari meze ntangira akazi ntabwo ari ko uyu munsi nkimeze; haba mu muryango iwanjye no mu buzima bwa buri munsi."

Akomeza agira ati: "Nashoboye kubakira umuryango wanjye, utuye neza kandi si ibyo byonyine, n'uburyo bwo kugenda na bwo bwagiye bushoboka mbikesheje koperative. Usibye n'ibyo, byampesheje no guhura n'ibigo by'imari bingirira icyizere bitewe n'ikigo nkorera. Inguzanyo nashaka yose muri banki nayibona bitewe n'uko nkorera Koperative Coproriz Ntende."

Ashimangira ko muri Koperative Coproriz Ntende, bafasha Leta mu guteza imbere no guhanga imirimo mishya mu rwego rwo gufasha Leta mu ntego yihaye yo guhanga imirimo mishya 250,000 buri mwaka muri gahunda ya NST2.

Emmanuel Munyaburanga, Perezida wa Koperative y'abahinzi b'umuceri mu gishanga cya Ntende, Coproriz Ntende, avuga ko batangiye ari abahinzi, kwishyira hamwe bigoranye ariko nanone biri muri gahunda ya Leta ko abantu bakwishyira hamwe. Ati: "Ni muri urwo rwego twatangiye turi abahinzi, tugera ku gitekerezo cy'uko haba ishoramari rigizwemo uruhare na ba nyiri koperative, twubaka Hoteli Ntende."

Koperative Coproriz-Ntende yatanze akazi, bijyanye na gahunda ya Leta yo gushaka uburyo abantu bakwihangira imirimo kandi bagatanga akazi no ku bandi bantu. Munyaburanga yabwiye Imvaho Nshya ko Koperative ikoresha abakozi 96 bafite amasezerano, abakozi bagera kuri 80 bashinzwe guterura no gupakira umusaruro w'abahinzi n'abandi 30 bakora nyakabyizi mu rwego rw'ubuhinzi.

Akomeza agira ati: "Uburyo dutanga akazi ni uburyo bwemewe n'amategeko, dushyiraho amatangazo kuri Radiyo Rwanda na Televiziyo, tugashyira amatangazo mu Mirenge, n'ubu dufite ikizamini twakoresheje ejobundi, dushaka abakozi 6 biyongera kuri 96. Tubikora mu buryo bwa kinyamwuga, abantu baraza bagapiganwa, hanyuma abatsinze cya kizami akaba ari bo duha akazi."

Muri gahunda y'Igihugu ya Kabiri yo Kwihutisha Iterambere (NST2), Leta y'u Rwanda yihaye intego yo guhanga imirimo mishya 1,250,000 mu myaka itanu (2024-2029), bingana n'imirimo ibihumbi 250 buri mwaka. Iyi gahunda izibanda ku guteza imbere inganda, ikoranabuhanga, ubukerarugendo n'ubuhinzi bugezweho, by'umwihariko hagamijwe guha urubyiruko n'abagore imirimo myiza kandi ibyara inyungu.

# Amahirwe y'ishoramari aboneka mu bukerarugendo muri 'Kigali Yacu'



Umujyi wa Kigali wakira Isiganwa Mpuzamahanga ry'Umukino w'Amagare

IMVAHO NSHYA

***Kigali Yacu' ikomeje kuba umwe mu mijyi ifite umuvuduko uri hejuru mu gutera imbere mu Karere ka Afurika y'Iburasirazuba, aho ibikorwa remezo bigenda byubakwa, umutekano, isuku n'imiyoborere myiza bikomeza gukurura abashoramari batandukanye imbere mu Gihugu no hanze. Uretse kuba Kigali ari Umurwa Mukuru w'u Rwanda, ni n'ihuriro ry'ubucuruzi, ubukerarugendo n'udushya mu ikoranabuhanga.***

Umujyi wa Kigali wagiye ushyira imbaraga mu guteza imbere ibikorwa by'ubukerarugendo, gutunganya imihanda, inyubako z'ubucuruzi ndetse no kubaka ibikorwa remezo bifasha abashoramari gukora neza kandi mu buryo burambye. Ibi byose byatumye Kigali iba ahantu heza ho gushora imari mu nzego zitandukanye.

Ubukerarugendo ni rumwe mu nzego zikomeye kandi zifite amahirwe menshi yo gushorwamo imari muri Kigali Yacu. Umujyi wa Kigali wakira abantu benshi baturutse mu bihugu bitandukanye, baba abitabira inama zitandukanye zibera mu Rwanda, ibikorwa by'ubucuruzi cyangwa no gusura ibyiza nyaburanga. Dore amwe mu mahirwe y'ishoramari aboneka mu bukerarugendo mu Mujyi wa Kigali:

**Ubukerarugendo bushingiye ku kubungabunga ibidukikije**

Kimwe mu bikorwa byashyizwemo imbaraga mu myaka 10 ishize muri Kigali Yacu ni ibikorwa bigamije kubungabunga ibidukikije. Bimwe mu bikorwa by'ingenzi byakozwe muri iyi gahunda ni ugutunganya ibishanga biri mu Mujyi wa Kigali bigahindurwamo ahantu nyaburanga, ahantu hifashishwa mu kurengera urusobe rw'ibinyabuzima n'ibindi. Ibi rero bitanga amahirwe y'ishoramari ataboneka henshi mu bukerarugendo.

Urugero rwiza rw'ibi ni Pariki y'ubukerarugendo bushingiye ku kubungabunga ibidukikije ya Nyandungu. Ahari iyi Pariki, hahoze ari igishanga cyari cyarangiritse ariko kiza gutunganywamo ahantu nyaburanga ubu hashobora kuboneka n'andi mahirwe y'ishoramari biturutse ku mibare y'abahasura.

Itunganywa ry'igishanga cya Nyandungu ryabaye ikimenyetso ko ibishanga mu mijyi bishobora guhindurwamo ahantu nyaburanga hakurura abantu nk'uko byagaragajwe na raporo ya Tripadvisor igaragaza ahantu heza ho gusura. Iyi raporo yashyize iyi Pariki mu 10% by'ahantu heza umuntu ashobora gusura ku Isi mu mwaka wa 2025.

Ibindi bishanga muri Kigali Yacu na byo biri gutunganywa kugira ngo bikomeze guhindurwamo ahantu nyaburanga. Ibyo ni Gikondo, Rwampara, Nyabugogo, Rugenge-Rwintare na Kibumba.

**Ubukerarugendo bushingiye ku nama**

Nanone, Kigali Yacu imaze kumenyekana nk'umujyi mwiza wo kwakiriramo inama mpuzamahanga. Mu bihe bitandukanye, Umujyi wa Kigali wagiye wakira inama n'ibikorwa bikomeye byitabirwa n'abantu benshi baturutse mu mpande zose z'Isi. Aha twavuga nk'Inama y'Abakuru b'Ibihugu na za Guverinoma (CHOGM), Women Deliver, World Economic Forum on Africa, International Conference on AIDS and STIs in Africa (ICASA), Africa CEO Forum, na Global AI Summit on Africa.

Ibi rero bihita bitanga amahirwe y'ishoramari yihariye mu bikorwa remezo bikoreshwa mu kwakira inama zitandukanye. Inyubako ya Kigali Convention Centre (KCC) ni imwe mu zimaze kuba ikimenyabose n'ikirango cy'Igihugu, ikaba n'urugero rwiza rw'igikorwa remezo cy'umwihariko mu kubaka ubushobozi bwo kwakira inama ziri ku rwego mpuzamahanga.

**Ubukerarugendo bushingiye kuri siporo n'imyidagaduro**

Kigali Yacu ntiyasigaye inyuma mu mikino n'imyidagaduro. Mu bihe bitandukanye, hagiye hubakwa ibikorwa remezo bigamije gufasha mu iterambere rya siporo n'imyidagaduro, kwakira amarushanwa atandukanye, haba ku babigize umwuga ndetse n'ababikora nk'uburyo bwo kwishimisha.

Amarushanwa atandukanye ya Siporo u Rwanda rwagiye rwakira ni ikimenyetso cy'umusaruro wavuye mu bikorwa byo guteza imbere imyidagaduro n'imikino. Amwe muri aya marushanwa ni nka FIFA Series, UCI Road World Championships, Basketball Africa League n'andi atandukanye yagiye abera muri Kigali Yacu.

Bimwe mu bikorwa remezo byubatswe muri iyi gahunda ni nka Sitade Amahoro ivuguruye, BK Arena, Zaria Court, Nyarutarama Golf Course n'ibindi. Iki cyiciro na cyo ni kimwe mu bishingiyeho ubukerarugendo muri Kigali Yacu kandi kikabonekamo n'amahirwe y'ishoramari menshi.

**Ubukerarugendo bushingiye ku muco n'amateka**

Umuco ni kimwe mu bintu bikurura abantu benshi basura u Rwanda. Kigali Yacu igira uruhare runini mu guteza imbere no kumenyekanisha Umuco Nyarwanda binyuze mu bikorwa bitandukanye by'ubuhanzi n'umuco. Binyuze mu gutegura ibitaramo ndangamuco, guteza imbere ubuhanzi ubugeni n'ubukorikori, Kigali Yacu ibonekamo amahirwe menshi y'ishoramari mu bukerarugendo bushingiye ku muco n'amateka.

Kigali Cultural Village n'Inzu Ndangamateka yitiriwe Kandt ni hamwe mu hahari muri Kigali Yacu hashobora gukorerwa ubukerarugendo bushingiye ku muco n'amateka. Kigali Cultural Village ifite umwihariko ko ari ahantu hashobora gukorerwa ibikorwa bindi bitandukanye birimo amamurikagurishwa y'umuco, ibitaramo, inama n'ibindi.

Mu Mujyi wa Kigali nanone kandi hagaragaramo icyicaro cy'Inzu ndangamurage y'urugamba rwo guhagarika Jenoside, ku Nteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda.

**Kuki wahitamo gushora imari muri Kigali yacu?**

Kigali Yacu ni Umujyi utekanye, usukuye, ufite amategeko yorohereza ishoramari ndetse n'ubuyobozi bushyira imbere iterambere rirambye. U Rwanda kandi rwagiye rushyira imbere koroshya uburyo bwo gutangiza ubucuruzi no gushyigikira abashoramari.

Abashora imari bahitamo Kigali, bungukira ku isoko rikura vuba, abaturage bafite icyizere, ikoranabuhanga mu mitangire ya serivisi n'ubucuruzi, ndetse n'icyerekezo cy'iterambere rirambye ry'Igihugu.

Mu gihe Kigali ikomeje urugendo rw'iterambere no gushyiraho uburyo bworoshya ishoramari, abashoramari ni abafatanyabikorwa b'ingenzi muri uru rugendo. Kigali Yacu rero ni icyerekezo cyiza kuri wowe wifuza gushora Imari ahunguka, harimo n'ubukerarugendo.



Umujyi wa Kigali washyize imbaraga mu kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima

# Menya byinshi ku ndege zitagira abapilote (Drones)

TUYISENGE Olivier

***Uko bukeye nuko bwije ikoranabuhanga rizana udushya dutandukanye, turimo utwo kwihutisha imirimo, irtworohereza gukora gukora imirimo ikorwa n'imbaraga za muntu yaba mu ngano, ubuhanga cyangwa se no mu kubyihutisha.***

Kuri ubu igice gikoresha indege zitagira abapilote mu Rwanda (Drones), kimaze kuba kimwe mu biteye imbere cyane, aho kiri kwifashishwa mu mitangire ya serivisi zitandukanye, zirimo iz'itumanaho, ubucuruzi, ubuhinzi, ubuvuzi n'izindi nyinshi zitandukanye.

**Ariko se izi ndege zitagira abapilote zikora zite?**

Izi ndege zisaba ubuhanga kugira ngo ubashe kuzitwara, birumvikana ko ubanza kujya mu ishuri ukiga amasomo agendanye na zo, uko zikora, ibisabwa kugira ngo zigurutswe, ibisabwa kugira ngo uyitunge, wasoza ayo masomo ugahabwa uruhushya rutangwa n'ikigo cy'igihugu gishinzwe indege za gisivile (RCCA) rukwemerera gutunga no gutwara izo ndege.

Imyaka icumi irashize indege zitagira abapilote zitangiye gukoreshwa mu Rwanda mu bijyanye n'ubuzima, aho iz'ikigo ZIPLINE zifashishwa mu kugeza amaraso n'imiti kwa muganga aho zigera no mu bice bya kure aho byagoranaga kyigeza hifashishijwe imodoka. Izo ndege zitwara amaraso n'imiti yihutirwa zimwe zihagurukira i Muhanga izindi zigahagurukira i Kayonza ahari ibibuga byazo.

Nubwo urwego rw'ubuzima ari rwo rwamenyekanye cyane, indege zitagira abapilote mu Rwanda zifashishwa mu bindi bikorwa by'iterambere birimo ubuhinzi nko gutera imiti yica udukoko, kugenzura iby'imihindagurikire y'ibihe, mu ifatwa ry'amashusho n'amafoto n'ibindi.

Ibihugu biteye imbere byatangiye gukoresha iri koranabuhanga mbere bigaragaza ko ryatangiye kubinjiriza agatubutse. Australia ivuga ko zinjiriza igihugu miliyari 14.5 z'amadolari ari na ko zitanga akazi ku bihumbi by'abakozi buri mwaka. Ni mu gihe u Bwongereza bwo bwiteze ko mu 2030, ikoreshwa ryazo rizaba rimaze kongera miliyari 42 z'amapawundi ku bukungu bwabwo.

Niho n'u Rwanda rugana, haherewe ku bintu byoroshye nk'amashusho y'indirimbo ubona muri iki gihe, aho zisigaye zifashishwa cyane.

Amakuru atangwa n'abafite serivise za Drones zifata amashusho n'amajwi (Multi-Media Drones Services), igiciro cyo gukorerwa izo serivise kiri hagati y'amafaranga y'u Rwanda Ibihumbi 300 na Miliyoni Frw ku munsi. Ibiciro bihinduka bitewe n'amasaha iyo servisi iri bumare n'ahantu iri butangirwe (Kigali cyangwa mu Ntara z'igihugu).

**Drone iritegura kugeza imiti ku barwariye no mu ngo**

Zipline iherutse gutangaza ko iri mu



Drones zishobora kwifashishwa mu gufata amafoto n'amashusho



Drones zifashishwa mu buhinzi




Indege zitagira abapilote (drones) zifashishwa mu kwihutisha amaraso agezwa ku mavuriro hirya no hino mu gihugu

myiteguro y'uburyo Drone zayo zatangira kujya zigeza imiti mu ngo z'abafite indwara zidakira nka diyabete n'izindi. Kuhageza iyo miti, birumvikana ko bitazakorwa ku buntu, ni ubundi buryo bwo guhanga imirimo no koroshya serivisi.

Mu gihe iyi serivise izaba itangiye, abantu bagorwaga no kujy agufata imiti y'indwara z'igihe kirekire aho usanga bayifata mu gihe runaka, bazaba borohewe n'uburyo bwagoraga ba na bamwe kujya kuyifata ku Bigo Nderabuzima n'ibitaro bitabegereye.

Iri koranabuhanga rizaba ribaye rimwe mu zifite agashya mu gutanga serivise z'ubuvuzi zinoze haba ku mugabane wa Afurika ndetse no ku isi muri rusange.

**Nta Munyamahanga wemerewe kwiyandikishaho Drones**

Nubwo Drones zikomeje gukoreshwa ubutitsa mu Rwanda, hari amabwiriza ndetse arimo n'akakaye yo kuzitunga no kuzikoresha ibikorwa ibyo ari byo byose byemerewe gukoresha Drones mu Rwanda. Ikigo cy'Igihugu gishinzwe indege za gisivile (RCAA) ni cyo gishinzwe igenzura, iyandikwa n'ikurikirana ry'imikorere n'imikoreshereze ya drone mu Rwanda.

Mu mabwiriza ya RCAA, nta drone n'imwe igomba kuba ku butaka bw'u Rwanda itandikishijwe. Kuyandikisha bivuze kumenya nyirayo, ubwoko bwayo, ibyo ikora n'ibindi. Ayomabwiriza kandi ntiyemerera abanyamahanga gutunga no gukoresha Drones ku butaka bw'u Rwanda. Ariko nanone, birashoboka ko ba nyiri drones bashobora kuba ari abanyamahanga basangiye Sosiyete y'Ubucuruzi n'Abanyarwanda.

**Ubwoko bwa Drones bwemewe**

RCAA igaragaza ko kugeza ubu ubwoko bwa drones zemerewe gukoreshwa mu Rwanda ari izikoreshwa mu buvuzi, izifata amashusho, izikoreshwa mu buhinzi, izifashishwa mu butabazi cyangwa gutwara ibintu byihutirwa, izikoreshwa mu bushakashatsi, izikoreshwa mu burezi, n'izikoreshwa mu kwidagadura.

**Kwandikisha sosiyete ya drone no kuyigurutsa birishyurirwa**

Mu gihe umuntu amaze kwandikisha drone ye ntabwo bisobanuye ko ahita ajya kuyigurutsa aho ashaka n'igihe ashatse. Kwemererwa kuyigurutsa mu gikorwa runaka na byo byakirwa uburenganzira ndetse bikishyurwa hagati y'amadolari ya Amerika 5 na 70 bitewe n'ubwoko bw'ikigiye gukorwa.

Mu gihe umuntu yaguze drones zo kwifashisha nka sosiyete y'ubucuruzi, abyakira icyangombwa kivugururwa buri mezi 12.

**Ku bw'umutekano, ushobora gusabwa izindi mpushya**

Uretse uruhushya rutangwa na RCAA, umuntu ukoresha drone ashobora gusabwa izindi mpushya zitangwa n'izindi nzego bitewe n'impamvu runaka.

Mu nzego zindi zishobora kubyinjiramo harimo Polisi y'Igihugu n'Ingabo z'Igihugu (RDF) by'umwihariko mu gihe ari indege zifata amafoto cyangwa zigiye kugurutswa mu duce twihariye tutemewemo ko hagurutswa indege za drones z'abantu ubwabo.

Urwego rushinzwe imirimo imwe n'imwe ifitiye igihugu akamaro (RURA) na rwo rushobora gutanga uburenganzira kugira ngo drone itaza guteza ikibazo cy'ihuzanzira n'ibindi bikoresho bikoresha amajwi cyangwa amashusho.

Mu yandi mabwiriza agenga imikoresherezwe ya Drones, nta wemerewe kuyigurutsa ngo igendere aharenze ya metero ijana uvuye ku butaka. Nta weremerewe kandi gutwara drone ngo irenge metero 300 uvuye aho ahereye, kimwe n'uko nta drone yemerewe kuguruka ipima ibilo birenze 25.

Drones kandi ntizemerewe kugenda ku muvuduko w'ibilometero birenze 100 ku isaha cyangwa ngo iguruke ahantu hari urujya n'uruza rw'abantu, ibinyabiziga, inyamaswa, inzu n'ibindi bitari muri gahunda y'ibyo ziri gukora.

**Nta drones zigenda nijoro**

Uretse Drones za ZIPLINE zitwara imiti n'amaraso ahabwa abarwayi kwa muganga, bitandukanye n'izindi ndege zisanzwe, nta zindi drones zemerewe kuguruka mu masaha y'ijoro mu kirere cy'u Rwanda kubera impamvu z'umutekano waba uwayo, uw'abaturage n'uw'igihugu muri rusange.

**Drone iguye iwawe, hamagara Polisi**

Nk'izindi ndege zose, drone ishobora kugira impanuka, bijya bibaho ko yagwa mu rugo rw'umuntu cyangwa mu murima we mu gihe igize impanuka dore ko iba igendera hafi cyane. RCAA itanga inama ko ubonye drone ikoze impanuka ari ngombwa guhamagara kuri sitasiyo ya Polisi iri hafi.

# Girinka mu byazamuye umukamo uva kuri litiro 332,000 ugera kuri litiro miliyoni 2.9

NYIRANEZA Judith

***Gahunda ya Girinka Munyarwanda yatangijwe na Perezida Paul Kagame mu 2006 yongereye ikibatsi mu kuzamura umukamo, kuko inka zariyongereye, bityo n'umukamo urazamuka. Muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 inka zarishwe ku buryo mu 1999 habarurwaga inka zitarenga ibihumbi 170 ariko ubu habarurwa inka zirenga miliyoni 1.7 bikaba byarajyanye no kuzamuka k'umukamo uva kuri litiro 332,000 mu 2005 ugera kuri litiro miliyoni 2.9.***

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Iterambere ry'Ubworozi muri Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) Ndorimana Jean Claude, asobanura ko uruhare rw'inka mu mibereho y'Abanyarwanda ari ntagereranywa kuko ifite uruhare rukomeye mu buzima kuko aho iri hahinduka byinshi ari mu buzima, mu bukungu n'ibindi.



Ibibumbiro byiza bya kizungu byubatswe hagamije kwita ku buzima bw'amatungo



Uko umukamo wiyongereye ni nako amakusanyirizo ahabwa ibyuma bikonjesha amata

Yagize ati: "Inka ni umurage w'u Rwanda n'Abanyarwanda kuko kuva ku bakurambere bacu inka yafatwaga nk'ikimenyetso cy'ubukungu; kandi ibyiza by'inka twese turabizi, harimo kuduha amata atuma tugira ubuzima bwiza cyane cyane kwirinda kugwingira kw'abana; inka iduha amafaranga, iduha ifumbire bigatuma tweza imyaka myinshi, inka kandi zihuza imiryango binyuze mu kuzitanga nk'inkwano cyangwa se kugabirana hagati y'inshuti."

Yagarutse ku kuba umubare w'inka waragabanyutse mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ati: "Girinka Munyarwanda yatangijwe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame yagaruye inka mu Rwanda nyuma y'uko inyinshi zari zishwe zikaribwa mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, aho mu Gihugu ahagana mu 1999 habarurwaga inka zitarenga ibihumbi 170 ariko uyu munsi habarurwa inka zirenga miliyoni 1.7. Girinka yonyine imaze gutanga inka zisaga ibihumbi 600."

Ndorimana kandi yagaragaje ko uko inka ziyongereye, icyororo kikavugururwa n'umukamo wazamutse. Ati: "Kuvugurura ubworozi bw'inka ariko by'umwihariko gahunda ya Girinka byatumye ingano y'umukamo Igihugu kibona uzamuka uva kuri litiro 332,000 ku munsi mu 2005 ugera kuri litiro miliyoni 2.9. N'ubwo umukamo wakomeje kwiyongera ariko ntituragera aho twifuza kuko aborozi baracyakama amata make ugereranyije n'ubushobozi bwo gukamwa inka tworoye zifite."

Akomeza agira ati: "Turacyakeneye kuzamura ikigereranyo cy'amata ku mukamo w'amata ndetse n'ingano y'amata Umunyarwanda anywa ku mwaka kuko ikigereranyo gisaga ho gato litiro 75 ku Munyarwanda ku mwaka ariko ikigereranyo cy'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku buzima (OMS) kigaragaza ko mu bihugu biteye imbere umuntu anywa litiro 200 ku mwaka, turacyafite urugendo."

Abahawe inka muri gahunda ya Girinka barayivuga imyato



Umuyobozi Mukuru ushinzwe Iterambere ry'Ubworozi muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) Ndorimana Jean Claude

Bamwe mu baturage batari bafite inka bagabiwe na bagenzi babo bagaragaza uburyo bagiye kwita ku nka bahawe kandi zizabafasha kwiteza imbere no kugira imibereho myiza banoza imirire, babona amafaranga n'ibindi.

Musabimana Jean Marie, utuye mu Murenge wa Nyundo, Akagari ka Terimbere, Umudugudu wa Rambura yavuze ko yabonaga amata n'ifumbire bimugoye, ariko ko ubwo abonye Inka agiye koroherwa. Ati: "Kuba mbonye inka biranshimishije, nabonaga ifumbire bingoye hari igihe narumbyaga, kugira ngo mbone ifumbire nahiriraga umuntu, we akampa ifumbire. Nka rimwe mu cyumweru najyaga ngura akalitiro, mfite umwana wiga ku kigo, yumvaga abana b'abaturanyi bavuga ko banyoye amata, uwanjye akavuga ati 'papa wazaguze inka nanjye nkajya nywa amata, nkaba uwa mbere."

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Iterambere ry'Ubworozi muri MINAGRI, Ndorimana agaragaza kandi ko mu kongera umukamo, Guverinoma y'u Rwanda ibinyujije muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) yagize uruhare mu kubaka amakusanyirizo manini n'amato, amavuriro y'amatungo, kwegereza aborozi amazi, kwigisha aborozi guhunika ubwatsi n'ibindi, binyuze mu Mushinga ugamije guteza imbere Ubworozi bw'Inka zitanga Umukamo mu Rwanda (RDDP 2). Ikaba ari gahunda y'ubufatanye hagati y'Ikigega Mpuzamahanga giteza imbere Ubuhinzi (IFAD) na Guverinoma y'u Rwanda. Uyu mushinga ushyirwa mu bikorwa n'Ikigo cy'Igihugu giteza imbere Ubuhinzi n'Ubworozi (RAB).

Biteganyijwe ko uyu mushinga uzakorana n'ingo 175,000 zo mu cyaro kandi abantu bagera ku bihumbi 700 biteganyijwe ko bazagerwaho n'ibikorwa byawo, ukazakoresha ingengo y'imari ingana na miliyoni 100.21 z'amadolari ya Amerika mu gihe cy'imyaka 6.

'Girinka Munyarwanda' ni gahunda igamije gufasha imiryango ikennye kwikura mu bukene no kurwanya imirire mibi binyuze mu kuyigabira inka. Iyi gahunda yatumye habaho kwiyongera k'umukamo no guteza imbere ubuhinzi.

# Amatariki agaragaza uko ubwicanyi bwakozwe hirya no hino mu gihugu mu kwezi kwa Gicurasi 1994 ndetse nuko Ingabo za FPR Inkotanyi zakomezaga urugamba rwo guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi

***Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yabaye hafi mu minsi 100, buri tariki ifite umwihariko ndetse n'amateka. Twifashishije ubushakashatsibwakozwe n'iyahoze ari Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside, muri iyi numero turabagezaho uko ubwicanyi bwakozwe hirya no hino mu gihugu mu kwezi kwa Gicurasi 1994 ndetse n'uburyo Ingabo zari iza FPR – Inkotanyi zakoreshaga umuhate mu kuyihagarika.***

**1 Gicurasi 1994**

Abatutsi biciwe ku musozi wa Karama. Interahamwe z'i Karama na Gatonde zari zitwaje intwaro gakondo ariko Abatutsi barazitangiriye ntizagera neza ku musozi wa Karama. Abatutsi bagerageje kwirwanaho bakoresheje amabuye n'imiheto ndetse uwo munsi Abatutsi bishe interahamwe y'i Karama yitwa Karemera Fiston bakomeretsa n'abandi ndetse batwitse n'imodoka yabo bakoresheje ikibiriti irashya irakongoka.

Igitero cyasubiye inyuma ariko bari bagiye kwisuganya kuko uwo munsi nyuma ya saa sita igitero cyaragarutse ari benshi cyane bitwaje intwaro za gisirikare n'iza gakondo ndetse baje kwica Abatutsi batatu barimo Bikinga Maurice, Gahamanyi Augustin na Ntakirutimana ndetse bakomerekeje cyane Rurangirwa Aimable waje gupfa bukeye. Kuva ku itariki ya 21 kugeza ku ya 23 Mata 1994, ibitero byakomeje kuza ariko byabaga bigizwe n'interahamwe n'abaturage basanzwe bakoreshaga intwaro gakondo gusa. Abatutsi na bo bakomeje kwirwanaho bakazisubiza inyuma ntizibashe kugera neza ku musozi wa Karama.

**02 Gicurasi 1994**

Leta y'abicanyi yashatse kwica Abatutsi bari bahungiye muri 'Hotel des 1000 Collines' I Kigali: Ubwo jenoside yari igeze hagati impunzi ziganjemo Abatutsi benshi zari zahungiye muri 'Hotel des 1000 Collines' aho Paul Rusesabagina yabacaga amafaranga yose bafite kugira ngo yemere ko bahaba.

Leta yashatse kubica bibuzwa nuko itangazamakuru mpuzamahanga na Dr Bernard Kouchner bari babimenyekanishije mu Bufaransa byanditswe mu binyamakuru, byanamaganywe na sosiyete sivile yo mu Bufransa bituma Leta ya Mitterrand igira inama Guverinoma y'abatabazi yo kutica abo bantu. Umunyamakuru Vincent Hugueux wo mu kinyamakuru L'Express yanditsemo ku wa 02 kamena 1994 ko ku itariki 2 Gicurasi 1994 umuyobozi mukuru muri Perezidansi ya Repubulica y'Ubufaransa wari ushinzwe Afrika witwa Bruno Delaye ari we wahawe misiyo yo kubwira Jenerali Augustin Bizimungu wayoboraga ingabo z'abajenosideri ko nibica impunzi zo muri 'Hotel des 1000 Collines' biri butange isura mbi cyane mu mahanga, bityo bikarushya Ubufaransa gukomeza guha ubufasha leta y'u Rwanda y'icyo gihe.

**03 Gicurasi 1994**

Abatutsi biciwe kuri ADEPR ya Gihundwe, Rusizi. ADEPR Gihundwe yubatse mu Karere ka Rusizi mu Murenge wa Gihundwe, akaba ari na ho hatangiriye Itorero rya ADEPR mu Rwanda. Muri Mata 1994, Perefe Bagambiki Emmanuel wa Cyangugu, amaze kumenya ko Abatutsi bahungiye muri ADEPR i Gihundwe no mu Rwunge rw'Amashuri rwa Gihundwe yaje kubatwara abajyana muri Sitade Kamarampaka ababeshya ko ari ho bazacungirwa umutekano. Ntabwo bahise babyemera kuko bari bazi ubugome bwe. Ku wa 03/05/1994 nka saa yine mu gitondo ni bwo Abanyeshuri batatu bigaga i Gihundwe bagiye guhuruza abajandarume. Haje abajandarume batatu begeranya Abatutsi bari bahungiye mu kigo, babahuriza mu gikoni. Nyuma baje kwicwa.

**05 Gicurasi 1994**

Radio RTLM yanyujijeho ubutumwa n'ibiganiro byinshi bikangurira abategetsi bose ba Hutu Power baba aba politiki, aba gisilikare na jandarumori, Interahamwe n'Impuzamugambi gushyira imbaraga mu kwica Abatutsi ahantu hose bari batarabamaraho. Ubwo butumwa bwakurikirwaga n'indirimbo za Simon Bikindi zigenewe gushyushya imitwe y'abicanyi.

Kuri uwo munsi, Umuryango Mpuzamahanga urengera uburenganzira bwa muntu, Human Rights Watch, wasohoye itangazo ryamagana ibiganiro RTLM yahitishaga kuri Radiyo bihamagarira kwihutisha iyicwa ry'Abatutsi hirya no hino mu gihugu.

Umukuru w'Ikigo cy'Ababikira i Sovu, Soeur Gertrude Mukangango, yicishije Abatutsi ba nyuma bari barokotse ubwicanyi bwo ku wa 22 na 25 Mata 1994 muri Monastère y'i Sovu Monastere y'ababikira bo mu Muryango w'Ababenedigitini iherereye mu Karere ka Huye, Sovu.

**6 Gicurasi 1994**

Leta y'abicanyi yakomeje kwica no gukangurira interahamwe kwihutisha ubwicanyi Minisitiri w'intebe Jean Kambanda yavugiye kuri Radio Rwanda ashishikariza Interahamwe kwica cyane. "Dufite abagabo, amasasu, Leta ishyize hamwe, ingabo zishyize hamwe kandi tugomba gutsinda. Buri wese agomba gufata intwaro kandi kugira intwaro zihagije ni kimwe mu byo Leta ishyizeho umutima kabone n'iyo ibindi byose bituruka mu mahanga byahagarara."

Ibihugu bidafite icyicaro gihoraho, Spain, New Zeland, Argentina, Czech Republic batanze umushinga wo guha ingufu za gisirikari Leta y'u Rwanda y'icyo gihe. Bimwe mu bihugu bifite icyicaro gihoraho mu Kanama gashinzwe amahoro ku isi byarabyanze ahubwo hatangwa igitekerezo ko ibibazo by'U Rwanda bigomba gusuzumwa n'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika (OUA).

Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye, Boutros-Boutros Ghali yandikiye Perezida wa Egypt Hosni Mubarak wagombaga kuba Perezida w'uwo muryango. Mubarak yandikiye Umunyamabanga Mukuru wa OUA, Salim Salim amusaba ko ibihugu byo ku mugabane w'Afurika byashaka ingabo zakoherezwa mu Rwanda. Salim Salim yasubije Perezida Mubarak ko Afurika itashobora guhangana n'icyo kibazo kubera ubwicanyi bwakorerwaga mu Rwanda, ko Umuryango w'Abibumbye ari wo ufite ububasha bwo gukoresha ingufu za politiki no gushaka inkunga ikenewe kugira ngo hagire igikorwa mu Rwanda.

**Ku wa 07 Gicurasi 1994**

Abanyeshuri bo mu ishuri rya "Groupe scolaire Marie Merci", i Kibeho, babanje kurindwa n'abajandarume Ubwo abaturage b'Abatutsi batangiraga guhunga bagana i Kibeho kuri kiriziya kuva ku itariki ya 8 Mata 1994, abanyeshuri bo muri Groupe Scolaire Marie Merci batangiye kwibaza icyabaye, baza gusobanukirwa bigeze mu matariki 10, 11 no ku ya 12.

4/4/1994 ubwo hicwaga Abatutsi bari bahungiye ku kiriziya ya Kibeho ko na bo bagererewe. Ku itariki 7 Gicurasi 1994, hagati ya saa tanu na saa sita z'amanywa, ibitero by'Interahamwe ziturutse mu bice bitandukanye birimo Rwamiko, Mubuga, Ndago n'ahandi byabateye n'intwaro zitandukanye batangira kwicwa. Ababashije guca mu rihumye ibyo bitero bakiruka babahigishije imbwa ndetse ziza kuvumbura bamwe muri bo ariko batunzwe agatoki n'abanyeshuri bo muri Marie Merci bari ahirengeye.

Interahamwe zambaraga ibirere n'amashara, abanyeshuri b'abahutu bo muri Groupe Scolaire Marie Merci bo bakambara udutambaro dutukura bose mu kigo kugira ngo umunyeshuri ubayobeyemo atakambaye byorohe kumenya ko ari Umututsi. Abanyeshuri ubwabo babaga bafite intwaro ndetse banazikoresheje mu kwica bamwe muri bagenzi babo kandi bakabica urubozo, aho babanzaga gusaba abo bagiye kwica ngo nibicane, uwica abandi baramubabarira.

**08 Gicurasi 1994**

Mu ijoro ryo ku wa 7 rishyira uwa 8 gicurasi 1994, abana

KOMEZA KU RUP.19

# Amatariki agaragaza uko ubwicanyi bwakozwe hirya no hino mu gihugu mu kwezi kwa Gicurasi 1994 ndetse nuko Ingabo za FPR Inkotanyi zakomezaga urugamba rwo guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi

IBIKURIKIRA URUP.18

b'impfubyi b'Abatutsi muri SOS Gikongoro baratoranyijwe baricwa.

**12 Gicurasi 1994**

Ubwicanyi bwakorewe kuri ADEPR Nyabisindu muri Muhanga (Gitarama)

**13 Gicurasi 1994**

Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi mu Bisesero. Imisozi ya Bisesero iri mu cyahoze ari Perefegitura ya Kibuye, yahuriirwagaho na Komini ebyiri ari zo Gisovu na Gishyita, ikaba yariho ishyamba ryinshi ry'inzitane. Munsi y'imisozi hari hatuye abantu ndetse hari n'inzuri. Ubu Bisesero ikora ku Mirenge ine yo mu Karere ka Karongi ari yo Mubuga, Gishyita, Rwankuba na Twumba. Mu Bisesero ni agace kari gatuwemo n'Abatutsi benshi bivugwa ko bageraga ku 60,000, mu gihe cya Jenoside hakaba harabaye amateka yo kwirwanaho kw'Abatutsi mu buryo bukomeye ku buryo bagejeje mu kwezi kwa Gicurasi 1994 abicanyi batarabasha kubamaneramo.

**13-19 Gicurasi 1994**

Abatutsi bakomeje kwicwa i Musambira no mu Byimana kandi amahanga agakomeza kwanga gutabara Abatutsi bicwaga.

Ubwicanyi bwakorewe muri Segiteri za Tumba na Cyarwa mu gihe abicanyi babeshyaga ko batanze ihumure Ku itariki ya 10 kugeza ku ya 18 z'ukwezi kwa Gicurasi 1994, mu cyahoze ari Segiteri ya Cyarwa n'iya Tumba, abari bayoboye ubwicanyi batangaje ihumure ko nta mukobwa cyangwa umugore uzongera kwicwa ku musozi ko ahubwo bava mu bwihisho bakajya mu matongo yabo bakabarindira umutekano.

Ku itariki 14/05/1994, ni bwo ubwicanyi bwongeye gukaza umurego. Bamwe mu bari barokotse ubwicanyi bwaberaga hirya no hino muri iyo Komini, bahungiye kuri Centre de Sante ya Musambira no ku biro bya Komini Musambira byegeranye. Kugira ngo bongere bahuze Abatutsi, ubutegetsi bwababwiraga ko bajya aho kuri Komini no ku Kigo nderabuzima, kugira ngo bazahabarindire ndetse banabubakire amacumbi kuko amazu yabo yari yarasenywe.

Ku tariki ya 14/5/1994, haje igitero kigota Ikigo nderabuzima, uwo munsi bica igitsina gabo cyose abagore barabareka. Imirambo yabaye myinshi igera aharemeraga isoko ry'ihene n'iry'inka, barangije bategeka abagore b'Abatutsikazi guterura ya mirambo, kandi imyinshi yari iy'abagabo babo. Abagore banze kuyiterura, abicanyi batangira kubakubita bituma batangira gukurura ya mirambo bayijyana mu byobo byashyirwagamo imyanda y'ibagiro ndetse no mu byobo Ikigo nderabuzima cyashyiragamo imyanda.

Bucyeye ku itariki 15/5/1994, abicanyi bazanye igitero cy'abana, ngo bajye kwica abana b'Abatutsi, kuko ku itariki ya 14/5/1994 hari hishwe abasore n'abagabo 255 gusa, abana n'abagore barabasiga. Abo bana baje bitwaje imihoro, impiri, ariko bahagarikiwe n'abantu bakuru. Kuri iyo tariki abana bose bishwe n'abandi bana bagenzi babo, na none hasigara abagore n'utwana bahetse n'inshuke. Ku itariki ya 16/05/1994, igitero cyaje gutwara ba bagore bari ku Kigo nderabuzima kibashyikiriza abandi bicanyi bari kuri bariyeri y'ahitwa mu Cyakabiri, abo bicanyi nabo baberekeza ahitwa mu Kagarama ahagana ahitwa i Nyarubaka. Bahasanze ikindi gitero, bahicira abagore benshi, bicishijwe amabuye, babahamba babona n'ibindi bibi. Ubwicanyi bwarakomeje muri ako gace, no mu minsi yakurikiyeho.

Ku itariki 18/05/1995, Abatutsi bari barahungiye kuri Paruwasi ya Musambira ya Mutagatifu Kizito, barishwe. Abari barahahungiye ni Abatutsi baturutse imihanda yose harimo abari basanzwe batuye muri komine Musambira no muri komine zari zituranye na Musambira, hiyongeraho abari baturutse Runda na Kigali berekezaga i Kabgayi. Bicishijwe intwaro zitadukanye zirimo imbunda n'intwaro gakondo. Nyuma ya Jenoside imva bari bashyinguyemo yimuriwe mu rwibutso rwa Kibuza.

**Ku wa 20 Gicurasi 1994**

Ubwicanyi bwakorewe abapasitoro b'abatutsi bo mu itorero ry'abadivantisiti b'umunsi wa karindwi i Gitwe ahitwa ku Gitovu hiciwe abapasitori b'abadivantisiti hamwe n'imiryango yabo bose hamwe bagera kuri 74 ku italiki ya 20 Gicurasi 1994. Ku Gitovu ni mu cyahoze ari Perefegitura ya Gitarama, Komini Murama muri Segiteri ya Nkomero, ubu ni mu Karere ka Nyanza, Umurenge wa Mukingo mu Kagali ka Nkomero. Abapasitori b'Abatutsi bo mu itorero ry'Abadventisiti hamwe n'imiryango yabo bahungiye i Gitwe kubera ko hari icyicaro gikuru cy'itorero icyo bita "Field" bakaba bari bizeye kurindwa no kuharokokera. Bamwe muri bo bahakoreraga umurimo wabo w'ubupasitori bakaba bari bizeye kutazahemukirwa na bagenzi babo b'Abapasitori b'Abahutu bakoranye umurimo w'Imana. Ikindi bumvaga n'abicanyi batazatinyuka kubicira ku cyicaro cy'itorero. Abandi baturutse muri Komini Masango, Komini Tambwe mu Ruhango, Komini Ntongwe, i Nyanza n'ahandi. 259 ba mbere bahageze ku italiki ya 18 Mata 1994 ariko n'abandi bakomeje guhungirayo. Baje kwicwa kuwa 20/05/1994 bivuze ko bahamaze ukwezi kose.

Ahitwa kuri Douane ku italiki ya 20 Gicurasi 1994, hiciwe abagore n'abana bagera kuri 476. Abagabo babo benshi hamwe n'abana b'abahungu bari barishwe mbere. Ni mu cyahoze ari Perefegitura ya Gitarama, Komini ya Murama, Segiteri ya Bweramana muri Serire ya Rwavuningoma ubu ni mu Karere ka Ruhango, Umurenge wa Bweramana, Akagali ka Murama mu Mudugudu wa Gasharu.

**Ku wa 22 Gicurasi 1994**

Ikibuga cy'indege cya Kanombe cyarafashwe, Inkotanyi zigikura mu maboko y'abicanyi. Icyo gikorwa gikomeye cyabaye kuri iyi tariki ya 22/5/1994 kikaba ari kimwe mu bikorwa bikomeye mu kurwanya Leta yakoraga Jenoside byagezweho na FPR Inkotanyi kuva yatangiza urugamba rwo guhagarika Jenoside tariki ya 8 mata 1994.

Radiyo RTLM yavuze ko Jenerali Dallaire agomba kwicwa, ndetse abasirikari ba Leta y'Abatabazi barashe ku cyicaro cya MINUAR, ariko amahanga arabyamagana bituma badakomeza iyo gahunda.

Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi ku bitaro bya Kigeme, Nyamagabe.

Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi i Nyamirembe, aho bitaga CND, Kamonyi.

**Ku wa 25-30 Gicurasi 1994**

Iyihutishwa ryo kumaraho Abatutsi mu bice by'igihugu byari bitarabohorwa n'ingabo za FPR Inkotanyi.

Bamwe mu basilikare ba ex-FAR bitandukanyije n'ingabo z'abicanyi kandi Igihugu gikomeza kubohorwa na FPR-INKOTANYI.

Tariki 27 Gicurasi 1994, bamwe mu basirikare bakuru bo mu ngabo zakoraga Jenoside (ex-FAR) barimo Kapiteni François Munyurangabo bitandukanyije n'izo ngabo zakoraga Jenoside. Kapiteni Munyurangabo yafashe indege yari iya Leta y'u Rwanda yari yatwaye I Dar-Es-Salam, ayijyana i Nairobi maze atangaza ko asanze FPR-INKOTANYI kugira ngo bakomezanye urugamba rwo kubohora igihugu.

Tariki 29 Gicurasi 1994, ingabo za FPR-INKOTANYI zafashe Umujyi wa Nyanza zishobora gukiza Abatutsi bake bari bataricwa. Naho bukeye bwaho, tariki 30 Gicurasi 1994, Ingabo za FPR-INKOTANYI zafashe Umujyi wa Ruhango. Ingabo z'abicanyi zabonye ko ingabo za FPR-INKOTANYI zizokeje igitutu zizitsinda umunsi ku munsi, bituma Guverinoma y'abajenosideri isaba Umuryango w'Abibumbye ko wabafasha bakagirana ibiganiro na FPR-INKOTANYI.

**Minisitiri wa MINUBUMWE**
**Dr. BIZIMANA JEAN DAMASCENE**

# Byinshi ku buzima bw'umugore ufite umwana n'ubyariye mu igororero



Umuvugizi wa RCS, CSP Sengabo Hillary avuga ko umwana uvukiye mu Igororero aba atari umugororwa



Abagore bahabwa umwanya wo kwidagadura nk'uburyo bwo kubarinda kwigunga



Abagore bagororerwa mu igororero rya Nyamagabe basaba imiryango yabo kutabatererana

**MICOMYIZA Fidele**

***Mu Rwanda umugore afatwa nka mutima w'urugo, iyo abaye mwiza mu mico no mu myifatire, byafatwaga ko n'abana azabyara akabarera haba hari amahirwe menshi ko bizaba bityo. Gusa, ibi ntibikuraho ko abagore b'abanyarwandakazi hari abagwa mu makosa cyangwa ibyaha birangira bibagejeje mu igororero. Hari abajya kugororwa bafite abana batoya cyangwa batwite bakabyara bari kugororwa. Aha wakwibaza uko abihuza no kuba ari kugororwa mu gihe yagonganye n'amategeko kandi afite umwana cyangwa akamubyariramo.***

Abagore bari mu igororero ubu basaga 4,688 barimo abakoze ibyaha bya Jenoside n'abakoze ibyaba bisanzwe, muri bo abasaga 309 bafite abana, naho abatarageza imyaka y'ubukure ni 535 bari mu igororero rya Nyagatare ho mu karere ka Nyagatare mu ntara y'Uburasirazuba.

Iyo umugore agonganye n'amategeko atwite, afatwa mu buryo bwihariye. Jeannette Niyonshuti ni umuyobozi wabagororwa bagenzi be mu igororero rya Nyamagabe ricumbikiye abagore basaga 1,500. Mu kiganiro na Imvaho Nshya, yatuganirije kuri iyi ngingo atubwira uko bafata umugore uhageze atwite kugeza abyaye.

Yagize ati: "Umugore uje hano atwite we biba ari umwihariko, iyo ahageze afatwa nk'undi wese wo hanze, ahabwa ifunguro ryihariye, ahabwa serivisi z'ubuvuzi zose zikenewe, inkingo zose, ndetse n'ibindi byose harimo no guca mu cyuma kireba uko umwana ameze mu nda, n'ibindi byose bikenewe ngo azabyare neza."

Akomeza avuga ko nyuma yo kubyara ubuyobozi bukomeza gukurikirana ubuzima bw'umubyeyi ndetse n'ubw'umwana neza neza nk'uko bikorwa no ku muntu uri mu buzima bwo hanze. Yagize ati: "Nk'undi mubyeyi wese kirazira kujya kubyara nta muntu uguherekeje natwe ni ko bimeze, turamuherekeza, akagenda akabyara, iyo agarutse, ategurirwa ifunguro ryihariye rituma agira amashereka, umwana abyaye agashyirwa ku nkingo zose zituma akura neza mu gihe cyose azamara mu igororero".

Amafunguro ahabwa abagore batwite, abonsa n'abana babana na ba nyina mu igororero, agengwa n'amabwiriza ya Komiseri Mukuru w'Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora, RCS, No. 017/2022 yo ku wa 25/06/2022.

Umwana uvukiye cyangwa ujyanye na nyina mu igororero ntabwo aba ari umugororwa

Umuvugizi w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Igorora RCS, CSP Sengabo Hillary avuga ko uyu mwana aba atari umugororwa ahubwo aba ari umwana nk'abandi. Yagize ati: "Uyu mwana ntabwo aba ari umugororwa, agumana na nyina kugira ngo uburenganzira bwo konka no kubona urukundo rwa nyina abihabwe, nyina ahabwa amahirwe yo kurera umwana we uko bikwiye kandi bimufasha no kugororoka, iyo agejeje imyaka itatu, aba amaze gucuka icyo gihe ashyikirizwa umuryango we agakomeza gukura nk'abandi, ni nako bigenda iyo akatiwe afite umwana muto ukiri konka."

Ibi kandi byemezwa n'abagore bavuga ko iyo umwana agejeje umwaka n'igice atangira guhabwa ifunguro rikwiriye, harimo nk'amata, sosoma, imbuto ndetse n'inyama. Nyuma yaho iyo umwana agejeje igihe, ajya mu ishuri ry'inshuke, agatangira kwiga.

Iyo umwana agejeje igihe cyo kuva mu igororero adafite umuryango umwakira bigenda bite?

Ubuyobozi buvuga ko Iyo umwana agejeje imyaka itatu, akaba nta muryango afite wo kumwakira bitewe n'impamvu runaka, habaho abitwa ba Malaika murinzi, nyuma yo kwigwaho n'ubushishozi bwinshi, bahabwa aba bana, bakabarera bakabitaho muri icyo gihe nyina asigaje mu igororero, akomeza gusura no kubonana na nyina bihagije, kugeza asoje igihano cye akongera kubana na we ari na byo abagororerwa Nyamagabe bavuga ko bikiri imbogamizi kuko ba Malaika murinzi muri iyi minsi batari kuboneka.

Si ku babyeyi gusa kuko n'abandi bagororwa b'abagore badatwite cyangwa badafite abana bato bakomeza kwitabwaho bihagije harimo no guhabwa ibikoresho by'isuku harimo n'ibyo bifashisha mu gihe cy'ukwezi kwabo.

Impungenge z'abagabo ntizisiba kuzamuka, kuko we aba yumva umwana we agiye kurererwa hagati ya ba ruharwa, abantu bananiranye, ibyihebe, n'ibindi ndetse rimwe na rimwe bigatuma batererana abagore babo bariyo. Niyonshuti avuga ko bidakwiriye ko umugabo atererana umugore we ko nubwo aba yarakosheje aba agikeneye urukundo rw'umuryango we kugira ngo abashe kugororoka neza kandi abe umuntu ukwiriye, bityo ko abagabo bakwiriye kwita ku bagore babo bari mu igororero, ndetse ntibabace ku bana babo.

Ikindi wamenya ni uko amagororero acumbikiye abagore gusa ari aya Nyamagabe ho mu karere ka Nyamagabe mu ntara y'Amajyepfo hamwe na Ngoma ho mu karere ka Ngoma intara y'Uburasirazuba.

# Gatsibo: Uwarokotse Jenoside yahawe inzu anorozwa inka

**HITIMANA Servand**

***Ubuyobozi bw'Akarere ka Gatsibo bwashyikirije inzu ndetse n'inka umuturage witwa Kabengera Francois warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ashima igikorwa cyiza akorewe akaba avuga ko bigiye gutuma imibereho ye iba myiza, dore ko inzu yabagamo yendaga kumugwira kandi ishaje cyane.***

Kabengera ufite umuryango w'abantu 7, asanzwe atuye mu Mudugudu wa Nyagasambu Akagari ka Rwankuba, Umurenge wa Murambi avuga ko atari yorohewe n'imibereho yabagamo adafite icumbi riboneye.

Ati: "Nari ndemerewe cyane kuko nari mu nzu igiye kungwaho kuko nta bushobozi bwo kuyisanira nari mfite. Twari ahantu habi njye n'umuryango wanjye. Mu gihe cy'imvura twanyagirwaga ndetse ntidusinzire kuko twagiraga impungenge ko yatugwira. Ubuyobozi bwajyaga buduhumuriza butwizeza ko isaha n'isaha ubushobozi bubobetse twakubakirwa."

Uyu muturage agaragaza ibyishimo



Kabengera Francois avuga ko guhabwa inzu akanorozwa inka bimugize umuturage ushyitse

bidasanzwe nyuma yo guhabwa inzu irimo ibikoresho, ifite ubwiherero n'igikoni. Uwo muturage kandi yanorojwe inka yo kugira ngo ikomeze kumukenura.

Ati: "Biragoye kubyakira kuko ibyo nakorewe ni ibitangaza. Nubakiwe ndatekeshwa, mbese nagizwe umuntu ushyitse kuko guhabwa inzu nk'iyi, urugo rutagiraga inka ngahita norozwa binyibagije ingorane nyinshi nagiye nyuramo."

Akomeza agira ati: "Mfite icyizere ko imibereho yanjye igiye kuba myiza cyane, yaba mu gutaha heza ndetse no kubona amata umuryango ukagira imirire myiza. Ikindi ni uko iyi nka izatuma tubona ifumbire ahantu hato dufite tukahafumbira bityo umusaruro ukiyongera."

Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo, Gasana Richard avuga ko ibikorwa nk'ibi byo kubakira abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi bigamije gufasha abakiri mu mibereho mibi kuyivamo.

Ati: "Ni ibikorwa dushyira mu mihigo yacu ya buri mwaka aho tugenda twubakira abagenerwabikorwa bacu bitewe n'ubushobozi buhari. Dushima kandi abafatanyabikorwa badufasha muri iki gikorwa gituma hari aho abaturage bacu bava bakagira n'aho bagera. Uyu muturage rero uhawe inzu akanorozwa inka turamusaba guhera kuri uyu musingi agakora aharanira kwigira."

Sibomana Jean Nepomscene, Umuyobozi w'Umuryango Uharanira Inyungu z'Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi (IBUKA), mu Karere ka Gatsibo ashima intambwe iterwa mu kwita ku mibereho y'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, aho yanavuze ko muri aka karere bagifite abagikeneye gusanirwa inzu kandi ko hari icyizere ko bizagerwaho.

# 'Kwibuka si umuhango gusa ni uburyo bwo kwiga kurwanya Jenoside'

**HABIMANA Eric**

***Mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 cyabereye ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Ntarama mu Karere ka Bugesera, hagaragajwe ko ibikorwa byo kwibuka bidakwiye gufatwa nk'imihango gusa, ahubwo bikwiye kuba umwanya wo kwigira ku mateka no gufata ingamba zo kurinda ko Jenoside yazongera kubaho.***

Ni igikorwa cyari cyahuje abakozi b'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Amahugurwa n'Imicungire y'Abakozi n'Umutungo(RMI), aho bibukaga Abatutsi bashyinguye muri uru rwibutso rwa Ntarama ruzwiho kubika amateka yihariye yaranze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Gatari Eugene, umuhuzabikorwa mukuru ushinzwe ubushakashatsi n'inama muri RMI, yavuze ko gahunda yo kwibuka mu byiciro byihariye yashyizweho na Leta ifite akamaro gakomeye kuko ifasha Abanyarwanda gukomeza guha agaciro abazize Jenoside no kuzirikana ubuzima bambuwe.

Yagize ati: "Aha hantu hihariye hagaragaza amateka n'ubunyamaswa ndengakamere byakorewe Abatutsi bari bahahungiye bizeye ko bari mu nzu y'Imana ariko bakaza kuhatikirira, nubwo amateka y'aha atwibutsa ubukana n'urwango bagiriwe,



Abakozi n'Ubuyobozi bwa RMI babanje gusobanurirwa amateka yaranze urwibutso rwa Jenoside rwa Ntarama

adusigira n'umukoro wo kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside aho iva ikagera."

Yakomeje avuga ko gusura urwibutso rwa Ntarama bitagomba kuba umuhango gusa, ahubwo bikwiye kuba umwanya wo kwibuka mu cyubahiro, kunamira inzirakarengane zihashyinguye no kuzirikana indangagaciro zabaranze.

Ati: "Igikomeye kurushaho ni ukwiga ku mateka ya Jenoside by'umwihariko aya hano i Ntarama, kugira ngo dusigarane umukoro wo kurinda aho igihugu kigeze no gukomeza kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda."

Gatari yanagarutse ku ruhare rw'ubuyobozi bubi mu mateka ya Jenoside, avuga ko ibikorwa byo kwibuka bikwiye gutuma buri wese atekereza ku ngaruka z'amacakubiri n'urwango, ndetse akumva uruhare rwe mu kubaka ahazaza heza hadashobora kongera kubamo Jenoside.

Umwanankabandi Mathilde uhagarariye Umuryango Uharanira Inyungu z'Abarukotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 (IBUKA) mu Murenge wa Ntarama, yavuze ko Jenoside yasize abarokotse benshi bafite ibikomere bikomeye by'umubiri n'ihungabana, ndetse ko hari igihe byageze bumva nta cyizere cyo kongera kubaho bafite.

Ati: "Twarapfuye turazuka, bamwe tuzuka turi ibisenzegeri bitari bifite icyizere cyo kubaho, ariko turashima ubuyobozi bwiza bwongeye gutuma twiyumva nk'abantu, duhobera ubuzima ndetse dusubizwamo icyizere."

Yavuze ko gahunda yo kwibuka mu byiciro byihariye ifasha abarokotse kubona abantu baza kubatega amatwi, kubahumuriza no gusobanukirwa amateka yaranze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 i Ntarama. Ati: "Iyo tubona abantu baza kwiga amateka no kuyasobanukirwa, twumva abacu bishwe baruhutse neza kuko bafite ababasura kandi babazirikana."

Urwibutso rwa Jenoside rwa Ntarama ni rumwe mu nzibutso zibitse amateka yihariye mu Ntara y'Iburasirazuba. Ruhukiyemo imibiri irenga ibihumbi bitanu harimo abarenga ibihumbi bitatu biciwe muri Kiliziya ya Ntarama aho bari bahungiye bizeye kurokoka.

Amateka agaragaza ko bamwe mu Batutsi bahiciwe batwikiwe mu biryamirwa baryamagaho, mu gihe abana b'impinja bicwaga babakubise ku nkuta. Mu mwaka wa 1995 ni bwo Leta y'u Rwanda yafashe icyemezo cyo kubungabunga iyi kiliziya nk'urwibutso rwa Jenoside, kugira ngo amateka y'ibyahabereye azahore yigishwa abazajya bahasura.

Muri iki gikorwa cyo kwibuka, abakozi ba RMI banatanze ubufasha ku mubyeyi warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ufite ibikomere n'uburwayi bumubuza kwibeshaho, bamufasha kubona ubushobozi bwo gukomeza kwivuza no gukurikirana imibereho ye.

# Ibikorwa remezo ni ibyanyu mubibungabunge - Minisitiri Habimana



Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Habimana Dominique yasabye abaturage kubungabunga ibikorwa remezo bagezwaho

HITIMANA Servand

***Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Habimana Dominique asaba abaturage b'Akarere ka Ngoma kubungabunga ibikorwa remezo bagezwaho n'ubuyobozi, bakabirinda kwangirika kuko ari ibyabo, bityo bakabyifashisha mu rugendo rwabo rw'iterambere.***

Ibi Minisitiri Habimana yabigarutseho mu ruzinduko yagiriraga mu Karere ka Ngoma, abaturage bamugaragarije ko bashima ibikorwa remezo bitandukanye bamaze kugezwaho bituma imibereho yabo itera imbere. Mu bikorwa remezo byishimirwa n'abaturage birimo amashanyarazi, imihanda, inyubako zifasha abahinzi kubika neza no kwita ku musaruro ndetse n'ibibafasha kunoza ubuhinzi.

Minisitiri Habimana yibukije abaturage ko ibi bikorwa remezo ari ibyabo aho bafite inshingano zo kubibungabunga. Ati: "Leta ishora amafaranga menshi mu kubagezaho ibikorwa remezo mukeneye mu mibereho ryanyu rya buri munsi. Ni ibikorwa byanyu 100%.

Mu buryo bumwe, ni mwe byashyiriweho kugira ngo bibafashe kugira imibereho myiza n'iterambere. Uburyo bwa kabiri ariko binava mu bushobozi bwanyu nk'abanyagihugu. Icyo Leta ikora ni ugukusanya ubwo bushobozi binyuze mu misoro mutanga ikanagena uburyo bunoze bibagarukaho binyuze nko muri bya bikorwa remezo twavugaga, umutekano, uburezi n'ibindi."

Akomeza agira ati: "Icyo dusaba abaturage rero ni ukwita kuri ibi bikorwa remezo byabo kugira ngo birambe ndetse babibyaze umusaruro batere imbere. Twifuza ko imyumvire ya buri muturage ihinduka, unyuze ku ipoto y'amashanyarazi akayibubungabunga nk'iye, umuhanda bikaba uko n'ibindi. Ibi bizatuma tutagira ibihombo bya hato na hato bituruka ku kwangirika kutari ngombwa." Mu bikorwa byasuwe harimo ibijyanye n'ubuhinzi cyane ubukorerwa mu makoperative, imihanda n'ibindi.

Koperative yo mu Murenge wa Mugesera ihinga inanasi nyinshi, ni imwe mu zagaragaje ko kugezwaho amashanyarazi byabafashije kunoza imirimo yabo ya buri munsi. Munyampuhwe Alfred umwe mu bahinga inanasi yagize ati: "Twishimira ko twagejejweho amashanyarazi. Ibi byatumye tunoza uburyo bw'imikorere cyane ku bijyanye no kongerera agaciro umusaruro wacu. Ikindi ni uko amasaha yo gukora yiyongereye kuko dufite urumuri."

Rwabuhihi Xavier we avuga ko gukorerwa umuhanda wa kaburimbo Ngoma - Bugesera byatumye abakora ibikorwa by'ubuhinzi n'ubucuruzi boroherwa mu kazi kabo. Ati: "Uyu muhanda kuri twe wabaye igisubizo. Twajyaga tweza imyaka cyangwa imbuto tukagorwa n'umuhanda kugira ngo tubigeze ku masoko. Ariko ubu imigendere yaroroshye, ndetse utanabyijyaniye, n'abaguzi bagusanga aho ukorera kuko nta mbogamizi zigihari. "Turashima ubuyobozi butugezaho ibikorwa remezo kandi natwe twiteguye gushyira mu bikorwa impanuro twahawe na Minisitiri tukabirinda."

Akarere ka Ngoma kateye intambwe ifatika mu bikorwa remezo, ahakozwe imihanda ya kaburimbo mu mujyi wa Ngoma ndetse n'indi iciriritse ihuza Imirenge. Kugeza amazi ku baturage Akarere kari ku kigero cya 84% mu gihe ku mashanyarazi bari kuri 79%.

# Musanze: Abategereje imyaka 4 amapoto arambitse hasi, bishimiye guhabwa amashanyarazi

NGABOYABAHIZI Protais

***Nyuma y'imyaka ine abaturage bo mu Murenge wa Muko n'igice cy'uwa Kimonyi mu Karere ka Musanze babona amapoto arambitse ku muhanda bategereje amashanyarazi bagaheba, kuri ubu bamaze gushyikirizwa umuriro w'amashanyarazi bishimira ko bavuye mu icuraburindi ryari rimaze igihe ribakomereye.***

Hashize umwaka umwe Imvaho Nshya ibasuye basaba ko bahabwa amashanyarazi.

Aba baturage bavuga ko imyaka yari ishize yaratangiye kubatera kwiheba kuko amapoto yabaga arambitse ku muhanda nta bikorwa byo kuyashinga, andi ashinze na yo ariho insinga ariko atagira amashanyarazi. Gusa ubu bavuga ko bishimira kubona umuriro wageze mu ngo zabo nyuma y'igihe kinini bategereje.

Umwe mu baturage bo mu Kagari ka Cyogo Mukamurenzi Seraphine yavuze ko kubona amashanyarazi bibahaye icyizere gishya cy'iterambere. Yagize ati: "Twari tumaze imyaka irenga 4 tubona amapoto hasi dutekereza ko ashobora kuzaborera aho tutabonye umuriro. Ubu turishimye cyane kuko tugiye kuva mu buzima bwo gukoresha peteroli na buji."



Abaturage bari bamaze imyaka 4 bategereje amashanyarazi barayahawe

Abaturage bavuga ko amashanyarazi agiye kubafasha gutangira ibikorwa bibateza imbere birimo gusudira, kogosha, gukoresha firigo no guteza imbere ubucuruzi bwabo. Banavuga ko abana babo bagiye kujya biga nijoro bafite urumuri ruhagije, bitandukanye n'uko byari bimeze mbere.

Rubayiza wo mu kagari ka Buramira yagize ati: "Twajyaga dukora urugendo rurerure tujya gucaginga Telefone cyangwa gushaka aho twiyogoshesha. Ubu tugiye gukorera hafi kandi dutangire ibikorwa by'iterambere."

Umukozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ingufu (REG) ishami rya Musanze, Batangana Regis, yavuze ko gutinda k'uyu mushinga byatewe n'ibura ry'ibikoresho byifashishwa mu gukwirakwiza amashanyarazi birimo konteri n'insinga, ariko ko ikibazo cyaje gukemuka bituma abaturage bahabwa umuriro.

Yagize ati: "Habayeho ikibazo cy'ibikoresho byari bikenewe kugira ngo ibikorwa birangire, cyane cyane konteri n'insinga. Ibyo byatumye umushinga utinda, ariko turishimira ko byaje kuboneka abaturage na bo bakaba bamaze kubona amashanyarazi bari bategereje."

Batangana yavuze kandi ko kubona abaturage bamaze gucana umuriro ari intambwe ikomeye mu rugendo rwo kugeza amashanyarazi kuri bose no guteza imbere imibereho yabo. Umuyobozi w'Akarere ka Musanze Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Uwanyirigira Clarisse, yavuze ko bishimiye kubona abaturage bamaze kubona amashanyarazi nyuma y'igihe bari bategereje.

Yagize ati: "Nk'ubuyobozi natwe twari dufite impungenge nk'izo abaturage bari bafite zo kubona amapoto arambitse igihe kinini andi ashinze ariho insinga ariko atagira umuriro. Turashimira inzego zitandukanye zagize uruhare mu gukemura ibibazo byari bihari, ubu abaturage bakaba bamaze kubona amashanyarazi azabafasha kwihutisha iterambere, turabasaba kuyabyaza umusaruro ntabe ayo kumurika gusa."

Yakomeje avuga ko amashanyarazi agiye gufasha abaturage kwagura ibikorwa by'ubucuruzi, kunoza imibereho no korohereza abana kwiga nijoro. Abaturage bashimira cyane REG, ubuyobozi bw'Akarere ka Musanze ndetse na Guverinoma y'u Rwanda kuba barakomeje gukurikirana uwo mushinga kugeza urangiye, bavuga ko ibyo bari barasezeranyijwe ubu byabaye impamo.

# Sobanukirwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (NEC) n'amatora akorwa mu Rwanda




**Abaturage bagira uruhare mu miyoborere y'igihugu aho bitorera Perezida wa Repubulika, Abasenateri, Abadepite n'inzego zibanze Ifoto Internet**

KAYITARE Jean Paul

***Itegeko N° 043/2024 ryo ku wa 06/05/2024 rigenga Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (NEC) rigena inshingano, ububasha, imitunganyirize n'imikorere y'iyo Komisiyo. Inshingano za Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ni ugutegura, kuyobora amatora no gukora ku buryo amatora akorwa mu mucyo no mu bwisanzure, hagamijwe kwimakaza umuco wa demokarasi mu gihugu.***

NEC ifite ubwigenge, ubuzima gatozi n'ubwisanzure mu miyoborere no mu micungire y'abakozi, imari n'umutungo byayo. Mu kuzuza inshingano zayo, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ikora mu bwisanzure kandi nta mabwiriza ihabwa n'urundi rwego cyangwa n'uwo ari we wese.

Mu nshingano ifite harimo gukora ubushakashatsi bwa gihanga ku birebana n'amatora hagamijwe kurushaho gutegura no kuyobora neza amatora, gutegura no gutanga inyigisho z'uburere mboneragihugu ku matora, gutegura, kwemeza no gutangaza gahunda y'amatora.

Hari kandi gutumira, kwakira no kwemeza indorerezi z'amatora, gukorana n'izindi nzego zo mu Gihugu n'izo mu mahanga zigira uruhare mu matora, kugira uruhare mu itegurwa ry'imbanzirizamishinga y'amategeko agenga amatora, gukora undi murimo wose werekeye amatora uteganywa n'amategeko.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ishyikiriza buri mwaka Perezida wa Repubulika gahunda na raporo by'ibikorwa byayo, ikagenera kopi Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'Abadepite, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Minisitiri w'Intebe na Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano. Ibi bigaragaza ko u Rwanda rukomeje guteza imbere demokarasi, imiyoborere myiza n'uruhare rw'abaturage mu miyoborere y'igihugu.

**Amateka y'amatora mu Rwanda**

Amateka y'amatora mu Rwanda agaragaza urugendo rurerure igihugu cyanyuzemo mu gushaka ubuyobozi bushingiye ku bushake bw'abaturage. Aya mateka ahera mu gihe cy'Ubwami, mu gihe cy'Ubukoloni, muri Repubulika ndetse na nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mbere y'ubukoloni, u Rwanda rwayoborwaga n'Abami. Umwami yatoranywaga hashingiwe ku muryango w'ibwami, ntihabagaho amatora nk'ayo muri demokarasi y'ubu. Abaturage bagiraga uruhare ruto mu kwihitiramo abayobozi.

Mu gihe cy'Ubukuloni, ubuyobozi bwakomeje gushingira ku Mwami ariko abakoloni bagira uruhare runini mu micungire y'igihugu. Nyuma y'ubwami, hagiyeho ubutegetsi bwashingiye ku ivangura rikabije ryaranze Repubulika zagiye zisimburana kugeza habaye Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mu 1993 hasinywe amasezerano y'amahoro ya Arusha hagati ya Leta y'icyo gihe n'Umuryango FPR-Inkotanyi. Mu byari bigize amasezerano y'amahoro, byemejwe ko hagomba gushyirwaho Komisiyo y'amatora yigenga.

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, hashyizweho Guverinoma y'Ubumwe bw'Abanyarwanda iyobowe n'Umuryango FPR - Inkotanyi. Intego yari iyo kubaka Igihugu gishingiye ku bumwe, amahoro na demokarasi.

Mu 2003, u Rwanda rwemeje Itegeko Nshinga rishya ryemerera abaturage gutora abayobozi mu buryo bwa demokarasi. Kuva icyo gihe, habaye amatora atandukanye; aya Perezida wa Repubulika, ay'Abadepite, ay'Abasenateri n'ay'Inzego z'ibanze.

Amatora ya mbere yakozwe nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yabaye mu mwaka wa 2003, hatsinda Paul Kagame, aba Perezida wa Repubulika y'u Rwanda wa mbere utowe n'Abanyarwanda mu buryo bwa demokarasi.

Mu 2010 yarongeye agirirwa icyizere n'Abanyarwanda, bongera kumutorera kuyobora Igihugu. Yarongeye kandi atorwa mu 2017. Ayo matora yabaye nyuma y'ivugururwa ry'Itegeko Nshinga ryemereye Perezida Paul Kagame kongera kwiyamamaza mu 2024. Muri uyu mwaka hanabaye amatora y'Abadepite, abaturage bongera gutora abayobozi babo.

**Uburyo amatora akorwa mu Rwanda**

Amatora ategurwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora bityo abaturage bagatora mu bwisanzure kandi ibikorwa by'amatora bigakurikiranwa n'indorerezi z'imbere mu gihugu n'izo hanze yacyo. Amatora mu Rwanda ategurwa na NEC, agamije muri rusange guteza imbere demokarasi, guha abaturage ijambo mu buyobozi, gushimangira ubumwe n'iterambere no guteza imbere imiyoborere myiza.

Amatora atorwamo Perezida w'Igihugu, abaturage bafite uburenganzira bwo gutora bitorera Perezida uyobora Igihugu mu gihe cyagenwe n'Itegeko Nshinga. Amatora y'Abadepite, ni amatora atorwamo abagize Inteko Ishinga Amategeko umutwe w'Abadepite. Abadepite bamwe batorwa n'abaturage mu buryo butaziguye, abandi bagatorwa binyuze mu nzego zihariye nk'abagore, urubyiruko n'abafite ubumuga.

Hari amatora atorwamo abagize Sena. Amategeko agenga amatora agaragaza ko Abasenateri badatorwa bose n'abaturage mu buryo buziguye; bamwe bashyirwaho n'inzego zitandukanye zirimo Perezida wa Repubulika n'andi mashyirahamwe.

Amatora y'Inzego z'Ibanze, atorwamo abayobozi bo mu nzego zibanze; barimo Abakuru b'Imidugudu, Abajyanama b'Inzego z'ibanze n'abayobozi b'Uturere. Aya matora afasha abaturage kugira uruhare mu miyoborere yabo.

Hari kandi amatora ya Referandumu aho abaturage bakoresha 'Yego' batora cyangwa 'Oya' ku kibazo gikomeye mu gihugu, cyane cyane ku bijyanye n'Itegeko Nshinga. NEC ibinyujije ku mbuga nkoranyambaga zayo, igira iti: "Referandumu yo mu 2003 yemeye Itegeko Nshinga rishya naho Referandumu yo mu 2015 yemeye ivugururwa ry'Itegeko Nshinga."

Mu Rwanda amashyaka ya politiki n'imiryango imwe n'imwe na yo akora amatora yo gutora abayobozi bayo bikorewe imbere y'abanyamuryango cyangwa abayoboke bayo.

Ku wa 05 Gicurasi 2026, Inteko rusange ya Sena yatoye Itegeko Ngenga rigenga amatora. Itegeko ryatowe rigamije kugena uburyo bunoze bw'imitegurire n'imigendekere y'amatora, hagendewe ku masomo yavuye mu matora aheruka.

# Abanyeshuri ba Kigali Infants Academy bavanye isomo ku rwibutso rwa Jenoside rwa Nyanza ya Kicukiro



**Abanyeshuri 137 ba Kigali Infants Academy bibutse ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, basura Urwibutso rwa Jenoside rwa Kicukiro**

KAYITARE JeaN Paul

***Abanyeshuri 137 bo mu ishuri rya Kigali Infants Academy riherereye mu Murenge wa Ndera mu Karere ka Gasabo, bavuga ko bavanye isomo ku rwibutso rwa Jenoside rwa Nyanza mu Karere ka Kicukiro, aho basobanuriwe ko Jenoside yahitanye Abatutsi barenga miliyoni mu 1994. Babigarutseho ku wa Gatanu tariki 15 Gicurasi 2026, mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, cyahujwe no gusura urwibutso rwa Jenoside rwa Nyanza ya Kicukiro.***



**Basobanuriwe ko muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, hishwe Abatutsi barenga miliyoni mu minsi 100 gusa**

Isingizwe Keza Cynthia wiga mu mwaka wa 6 w'amashuri abanza muri Kigali Infants Academy, yabwiye Imvaho Nshya ko yakuye amasomo ku rwibutso rwa Jenoside rwa Nyanza. Yavuze ko agiye kujya yamagana abavuga ko Jenoside yakorewe Abatutsi itabaye kuko yiboneye gihamya y'uko yabaye kandi yahagaritswe n'Inkotanyi.

Ni ubwa mbere asuye urwibutso ariko ngo yahuje amasomo yavanye ku rwibutso rwa Jenoside rwa Nyanza n'ibyo nyina umubyara yajyaga amubwira kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ati: "Mama yambwiye ko muri Jenoside Abatutsi bicwaga kandi bakamburwa n'imitungo babaga bafite. Hano babinyigishije neza, namenye ko byabaye, igihe byatangiriye n'abahagaritse Jenoside. Amasomo mpavanye ntatandukanye n'ibyo Ababyeyi banjye bajya bambwira ndetse n'ibyo twiga ku ishuri."

Keza avuga ko mu ishuri bandikaga inyandiko (notes) kandi n'umwarimu akabasobanurira, ariko ngo yageze ku rwibutso abaza ibibazo, arasobanurirwa kandi yerekwa gihamya yuko Jenoside yakorewe Abatutsi yabaye.

Rushaka Samuel na we wiga mu mwaka wa Gatandatu w'amashuri abanza muri Kigali Infants Academy, avuga ko yize amateka kuri Jenoside yakorewe, amenya ko hishwe miliyoni irenga y'Abatutsi mu 1994.

Yavuze ko yabonye amasaka, aho Abatutsi bihishaga Interahamwe zije kubica ndetse abona n'igiti gihangana n'izuba, aho gishushanya uko Inkotanyi zahanganye mu gihe cy'izuba n'imvura. Akomeza agira ati: "Isomo mpakuye ni ukubwira bagenzi banjye bafite ingengabitekerezo ya Jenoside kuyireka. [...] ibyo nigaga mu ishuri byari ukubyandika ariko ntibadusobanurire nk'uko hano baje bakadusobanurira n'ibimenyetso bibigaragaza."

Avuga ko akunda isomo ry'amateka kandi ko yifuza kuzayiga birushijeho. Asobanura ko mu gihe azaba amaze gukura, na we azajya yigisha amateka, akabwira abato ko Jenoside yakorewe Abatutsi yabaye kandi igahagarikwa n'Inkotanyi.

Isimbi Kaliza Blessing w'imyaka 13 wiga mu mwaka wa Gatatu mu mashuri abanza, ashimira ubuyobozi bwa Kigali Infants Academy bwabajyanye gusura urwibutso rwa Jenoside rwa Nyanza kuko ngo hari byinshi yahigiye. Yagize ati: "Nabonye amabuye menshi ahagarariye Abatutsi barokokeye Nyanza ya Kicukiro n'andi mabuye matoya ahagarariye Abatutsi barenga miliyoni bishwe mu Rwanda hose."

Avuga ku kuba muri Jenoside abantu bicwaga bazizwa uko basa. Kuri we ngo ntabwo ibyo wabihora undi kuko na we ntabwo aba yariremye. Akomeza agira ati: "Rero icyaba cyiza, ni uko twese twakwiyunga, tukaba mu bumwe kandi tukibuka twiyubaka kuko kwibuka bizatuma twibuka amateka yabaye, ibyabaye ntibizongere kuba."

Hakizimana Prospère, umwarimu muri Kigali Infants Academy, yavuze ko amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi bayigisha mu ishuri, cyane ko no mu nteganyanyigisho birimo. Gusura urwibutso rwa Jenoside rwa Nyanza ngo ni ikimenyetso cyo kwereka abanyeshuri bigisha bityo bakabasha kubona ibyo bababwiraga mu magambo.

Agira ati: "Noneho babashije kugera neza ku rwibutso, babashije kubasobanurira ndetse no kurenza ibyo twababwiraga. Nk'abanyeshuri barangije umwaka wa Gatandatu bagiye kujya mu mashuri yisumbuye, bagiye kugenda neza bumva ibyabaye muri Jenoside yakorewe Abatutsi kandi babasha no kubisobanurira abandi. Ibi rero biraza kudufasha cyane kutwohereza mu masomo yacu ndetse bazanadufasha no kubibwira na barumuna babo."

Ku ruhande rw'abarezi, gusura urwibutso bibafasha kumva amateka neza kurushaho uko babyumvaga babisoma mu bitabo ndetse no mu mahugurwa bagiye babona kandi akabafasha. Ati: "Uyu munsi bidufasha kumva uko Jenoside yakorewe Abatutsi yagenze ku buryo noneho igihe ubyigisha, ubyigisha neza ubyumva kurushaho utanga n'ibimenyetso, ukaba warangira abana aho babisanga cyane cyane ko tugenda dusura inzibutso zitandukanye."

Steven Vuningoma, Umuyobozi wa Kigali Infants Academy, yavuze ko bazanye abanyeshuri n'abarezi mu rwego rwo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ati: "Abanyeshuri kubazana, ni uko tuba tugerageza kubategura kugira ngo igikorwa cyo kwibuka bajye bakigira icyabo. Icyo tugamije ni uko bano bana bazaguma bibuka ko igikorwa cyo kurimbura abatutsi cyabaye kibi, abazakomoka kuri aba bana na bo bazajye babigisha amateka kugira ngo tutazibagirwa abacu bazize ko ari Abatutsi."

Vuningoma avuga ko ku barezi, kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi ari igikorwa cyiza gituma ibyo bigishije mu mashuri babigaragariza abana mu bikorwa. Ati: "Barabyigisha mu mashuri bisanzwe, bagasobanurira abana Jenoside icyo ari cyo ariko iyo baje hano, bya bindi bigishije bituma abanyeshuri babyibuka neza."

Anenga abarezi bagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi, kuko ngo abakabaye bigisha kudacamo abantu ibice, bakagaruka akaba ari bo babikora, ngo ni igikorwa kigayitse kandi badashobora gushyigikira.

Urwibutso rwa Jenoside rwa Nyanza, ruruhukiyemo imibiri y'Abatutsi basaga 105,000 barimo abarenga 2,000 biciwe ku musozi wa Nyanza nyuma yo gutereranwa n'Ingabo z'Ababiligi zari mu butumwa bw'amahoro bw'Umuryango w'Abibumbye, UNAMIR, ahahoze ari ETO Kicukiro, ubu ni muri IPRC Kigali.

# Uburyo Félicien Kabuga yakingiwe ikibaba n'abana be n'impamvu bakwiye gukurikiranwa n'ubutabera



Kabuga Félicien yapfuye acitse ubutabera bwagombaga gutanga umucyo ku byaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yakekwagaho

IRMCT bwagaragaje ko abana ba Kabuga bagize uruhare rukomeye mu kumuhisha mu Budage, mu Bubiligi no mu Bufaransa. Bakodeshaga inzu mu mazina y'abandi bantu, bakamushakira impapuro z'inzira mpimbano ndetse bakamucungira amafaranga n'itumanaho. Gusa, Félicien Kabuga yaje gufatwa tariki ya 16 Gicurasi 2020 afatirwa ahitwa Asnières-sur-Seine ku bilometero hafi 10 uvuye mu mujyi wa Paris.

Kabuga ni we muterankunga mukuru

IMVAHO NSHYA

***Urupfu rwa Félicien Kabuga rwabaye tariki ya 16 Gicurasi 2026 mu Buholandi, rwasoje amateka y'umwe mu bantu bakekwagaho uruhare rukomeye muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Nubwo yapfuye ataburanye urubanza rwe ngo habeho umwanzuro wa nyuma w'urukiko, ibikorwa byinshi byagiye bigaragazwa n'ubushinjacyaha mpuzamahanga n'inzego z'iperereza byerekana uburyo imyaka irenga 25 yamaze yihishahisha yabifashijwemo cyane n'abana be n'abo mu muryango we.***



Umunara RTLM yakoreshaga ugaragara hejuru y'inyubako ziri mu Mujyi rwagati ahazwi nka Car Free Zone

Iki ni ikibazo gikomeye cy'amategeko n'ubutabera mpuzamahanga: Ese abantu bafasha umuntu ukurikiranyweho Jenoside guhunga ubutabera ntibakwiye na bo gukurikiranwa?

Kabuga ntiyari umuntu usanzwe washoboraga kubaho imyaka irenga 25 yihishe nta bufasha. Yari ageze mu zabukuru, afite uburwayi, kandi yari umwe mu bantu bashakishwaga cyane ku Isi. Kugira ngo abeho muri ibyo bihe byose byasabaga: amafaranga ahoraho, inzu z'ibanga (safe houses); impapuro mpimbano; abantu bamuherekeza; ubuvuzi bw'ibanga; telefoni n'itumanaho rihishe, abantu bamwitaho buri munsi. Ibyo byose ntabwo byashobokaga atabifashijwemo n'abana be.

Ubushinjacyaha bwa w'umugambi wo kurimbura Abatutsi mu Rwanda. Yahereye mu cyiciro cyo kwangisha Abatutsi, abo mu bwoko bw'Abahutu aho

KOMEZA KU RUP.26

# Uburyo Félicien Kabuga yakingiwe ikibaba n’abana be n’impamvu bakwiye gukurikiranwa n’ubutabera

IBIKURIKIRA URUP.25

umutungo we wakoreshejwe mu gutera inkunga umutwe w’Interahamwe no gushinga radio rutwitsi RTLM igamije kugaragaza ko Abatutsi ari abantu badakwiye kubaho. Yatanze ibihumbi n’ibihumbi by’imihoro yakoreshejwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Nyuma ya Jenoside yakoresheje umutungo we yihishahisha ubutabera akingiwe ikibaba n’abayobozi bakomeye muri DRC na Kenya harimo President Mobutu See seko na Arap Moi wa Kenya.



Umunyamakuru William Munuhe wo muri Kenya wishwe agiye gutanga amakuru yafatisha Kabuga

Hagati ya 1994 na 1998 Kabuga ntiyigeze yihisha yakoraga ingendo hagati ya Zaire na Kenya. Ariko muri 1998 ubwo Urukiko Mpanabyaha rw’Arusha rwamushyiriragaho impapuro zimufata ni bwo yihishe ubutabera. Yarashakishijwe ariko nta makuru afatika ya Kabuga yagaragaraga. Mu 2016 ubwo Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwakoreraga Arusha muri Tanzaniya rwabonaga umushinjacyaha Mukuru w’Umubiligi Serge Brammertz wifashishije inyandiko zinyuranye,rwagaragaje ko usibye gukoresha umutungo we mu mugambi wa Jenoside, Kabuga yanawukoresheje yihishahisha ubutabera bamukorera impapuro agenderaho zitari mu mazina ye ndetse no kumufasha kuba mu nzu z’inzego z’umutekano azwi nka “Safe House”. Abana ba Kabuga bamufashije mu mugambi wo gucika ubutabera aho bakodeshaga ‘apartment’, bakoresheje impapuro z’inzira zihimbwe bahisha umwirondoro we. Umuhungu we Donatien Nshimyumuremyi, ni we wagize uruhare rukomeye mu guhishahisha ruharwa Kabuga.

Kabuga utarigeze akandagira mu ishuri akiri umwana yatangiye ubucuruzi acuruza itabi nyuma atangiye kuba mukuru ajya mu buhinzi bw’icyayi amaze kugira amafaranga yimukira i Kigali aho yabarijwe mu bucuruzi butandukanye. Kabuga yatangiye kujya ajya kurangura Uganda amenyana n’abacuruzi b’Abahinde, igihe Idi Amin Dada yirukanaga Abahinde mu 1972 bahawe iminsi 90 gusa kuba bavuye ku butaka bwa Uganda, Kabuga yaguze ibicuruzwa byabo ku giciro cyo hasi cyane. Abigurishije akuramo inyungu y’umurengera Kabuga atangira kuba umwe mu baherwe bakomeye. Ni bwo yahise ajya no mu bucuruzi bw’ikawa. Mu mpera za 1970 Kabuga yari umukire wa mbere mu Rwanda.

Nyuma yuko amasezerano ya Arusha yashyirwagaho umukono, intagondwa z’Abahutu zashinze RTLM, bimwe mu biganiro byayo byayateshaga agaciro ndetse Habyarimana na Kabuga baba intangarugero mu gutanga amafa

*“ Kabuga ntiyari umuntu usanzwe washoboraga kubaho imyaka irenga 25 yihishe nta bufasha. Yari ageze mu zabukuru, afite uburwayi, kandi yari umwe mu bantu bashakishwaga cyane ku Isi. Kugira ngo abeho muri ibyo bihe byose byasabaga: amafaranga ahoraho, inzu z’ibanga (safe houses); impapuro mpimbano; abantu bamuherekeza; ubuvuzi bw’ibanga; telefoni n’itumanaho rihishe, abantu bamwitaho buri munsi. Ibyo byose ntabwo byashobokaga atabifashijwemo n’abana be.”*

# Inkotanyi zaradutabaye zitubera ubuzima - Uwanyirigira warokotse Jenoside

HABIMANA Eric

***Uwanyirigira Chantal wavukiye mu Karere ka Ruhango, Umurenge wa Bweramana, mu cyahoze ari Komini Tambwe, Segiteri Gitisi, yatanze ubuhamya bukomeye bw'inzira y'umusaraba yanyuzemo mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, aho yavuze ko ubwo Inkotanyi zasanze habura gato ngo Interahamwe zibice, maze zirabarabatabara zibaha ubuzima nta cyizere bari basigaranye.***

Ni ubuhamya yatanze mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi cyabereye mu Karere ka Ruhango ku rwibutso rw'Akarere ka Ruhango ahashyinguwe mu cyubahiro imibiri y'Abatutsi 108 yabonetse.

Ni igikorwa cyitabiriwe n'abaturage bo mu Mirenge ya Ruhango, Bweramana Byimana na Mwendo yo muri ako Karere. Uwanyirigira yavuze ko na mbere ya Jenoside, ivangura rikorerwa Abatutsi ryari ryarashinze imizi cyane, harimo no mu mashuri yigagamo abanza. Yibuka uburyo abarimu batandukanyaga abanyeshuri hashingiwe ku moko.

Ati: "Iyo twageraga ku ishuri baduhagurutsaga bakurikije amoko. Abahutu ukwabo, Abatutsi ukwabo, Abatwa ukwabo. Uwajijinganyaga bamukubitaga bavuga ngo nimwicare, ubwoko bwanyu turabuzi." Avuga ko tariki ya 22 Mata 1994 ari bwo babonye Interahamwe zimanutse mu Ruhango ziyobowe n'uwitwaga Kurubone hamwe n'abandi, baza mu modoka batangira kwica Abatutsi.

Yongeyeho ati: "Twabonye batangiye gutemagura abantu duhita duhungira i Rubona. Tuhageze twumva amatangazo ashishikariza Interahamwe kwica Abatutsi." Avuga ko bakomeje guhunga berekeza i Nyarunyinya kwa sekuru, ariko na ho bahasanga ibitero. Interahamwe zarabafashe zibashorera zibajyana kubica, ariko bageze mu nzira bahura n'umugabo wazibajije impamvu zihutira kwica abo bantu, bituma zisubira inyuma zibareka.

Nyuma y'aho, umugabo witwaga Kamegeri wabaga hafi y'aho kwa sekuru yabahishe mu kigega cy'amazi, umugore we akajya abazanira ibyo kurya. Gusa kubera inkorora y'abana bato, ubuzima bwabo bwakomezaga kujya mu kaga kuko bashoboraga kumenyekana aho bihishe.

Uwanyirigira yavuze ko Interahamwe zakomeje kubashorera zibajyana ahantu hatandukanye zari zateguye kubiciramo. Iyo zabageragayo zigasanga ari benshi, zasubizaga bamwe aho zari zabafungiye kuri koperative.

Ati: "Hari igihe badushyize hamwe bavuga ko bagiye kuduteramo grenade kugira ngo batwicire icya rimwe, ariko imwe muri zo iravuga iti 'iyi grenade imwe ntitwayipfusha ubusa', bahita babireka." Yakomeje avuga ko Interahamwe zatangiye kujya zica abantu buhoro buhoro, zigena abazicwa uwo munsi n'abazicwa bukeye.

Yagarutse ku buryobakubitwaga, ati: "Bafataga inkoni bagakubita abantu mu birenge nk'ikimenyetso cy'abo bazica ejo. Bavugaga ko batica abagore n'abana, ariko twabonaga abana bazima babajugunya mu byobo."




**Uwanyirigira Chantal watanze ubuhamya bw'inzira y'inzitane yanyuzemo muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

Mu mpera za Gicurasi 1994, yongeye gufatwa ajyanwa ahicirwaga abantu benshi, ari kumwe n'umugore wa nyirarume wari utwite ndetse n'abana bato.

Uwanyirigira yasobanuye uburyo abana bicwaga urw'agashinyaguro, ati: "Bafashe umwana twari kumwe bamukubita inkota ku rutugu bamujugunya mu cyobo. Abana bose bari aho batangiye kubajugunyamo ari bazima, bamwe babanje kubatema." Yanavuze umugabo witwaga Gatabazi wasabaga ko abana bicwa kuko bariraga bakabangamira inka ze ntizikamwe.

Yongeyeho ati: "Yavugaga ko abana babangamira inka ze. Bahise bafata abo bana barabatema babajugunya mu cyobo." Mu gihe bari bagitegereje kwicwa, haje Interahamwe yiruka ivuga ko ibonye Inkotanyi. Icyo gihe Interahamwe zahise zihunga zibasiga aho zari zigiye kubicira, maze ingabo za FPR-Inkotanyi zihita zihagera zibakura mu maboko y'abicanyi.

Uwanyirigira yashimye cyane Inkotanyi na Perezida Paul Kagame wari uziyoboye, avuga ko ari zo zabahaye ubuzima bushya nyuma yo kurokoka Jenoside. Ati: "Ndashimira Perezida wa Repubulika Paul Kagame n'Inkotanyi kuko ari zo zadusubije ubuzima. Nyuma hashyizweho FARG iradufasha turiga, ubu turiho kandi twongeye kuvuka bwa kabiri."

# Kwibuka 32: Ahigishirizwaga amacakubiri hasigaye hatangirwa ubumenyi bwubaka igihugu

NGABOYABAHIZI Protais

***Abanyeshuri, abarimu n'inshuti z'Ishuri Rikuru ry'Ubumenyi Ngiro rya MIPC (Muhabura Integrated Polytechnic College) bavuga ko bishimira ko ahahoze ari ikigo cya gisirikare cya Leta ya Habyarimana kizwi nka Camp Muhoza, cyigishirizwagamo ingengabitekerezo y'urwango n'amacakubiri, kuri ubu higishirizwa ubumenyi bwubaka igihugu n'indangagaciro z'ubumwe bw'Abanyarwanda.***

Byagarutsweho mu muhango wo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, wabereye muri iri shuri riherereye mu Karere ka Musanze. Abitabiriye iki



**MIPC bacanye urumuri rw'icyizere cy'ejo hazaza, bizeye amahoro arambye n'ubumwe mu Banyarwanda**

KOMEZA KU RUP.28

# Kwibuka 32: Ahigishirizwaga amacakubiri hasigaye hatangirwa ubumenyi bwubaka igihugu

IBIKURIKIRA URUP.27

gikorwa bagarutse ku mateka y'ahahoze Camp Muhoza, bavuga ko bamwe mu bahigaga mu bijyanye n'umutekano no mu gisirikare cya FAR bigishwaga urwango n'ivangura, aho kurinda Abanyarwanda, bamwe bahindutse ibikoresho byo gushyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Frank Ruti, umwe mu banyeshuri ndetse akaba anayoboye Ibuka muri MIPC, yavuze ko bishimira kuba biga ahantu hafite amateka akomeye y'urwango ariko kuri ubu hahinduwe ahatangirwa ubumenyi bwubaka igihugu.

Yagize ati: "Biradushimisha kubona ahantu hahoze hategurirwa ibikorwa byo gusenya igihugu no kwimakaza urwango, ubu hahindutse ishuri ritanga ubumenyi n'indangagaciro. Twe nk'urubyiruko turi guhabwa amasomo adufasha kuba Abanyarwanda bafite intego yo kubaka igihugu cyacu no kurwanya icyatuma Jenoside yongera kubaho ukundi."

Umunyeshuri witwa Kanyana yavuze ko amateka yaho hantu agaragaza impinduka zikomeye igihugu cyanyuzemo, ashimangira ko urubyiruko rufite inshingano zo kubungabunga amahoro igihugu gifite uyu munsi. Yagize ati: "Abahigaga ibijyanye n'umutekano icyo gihe ntabwo bigishwaga gukunda Igihugu n'Abanyarwanda bose, ahubwo bamwe bigishwaga inzangano. Ariko ubu ibyuma byari byaracuzwemo inkota byacuzwemo amasuka. Aha hantu habaye ah'amahoro n'uburezi. Turashimira cyane ingabo za FPR Inkotanyi zahagaritse Jenoside zigatanga amahirwe y'u Rwanda rushya."

Mukafishi warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yavuze ko Jenoside yashegeshe byinshi muri aka gace, aho bamwe mu bo mu miryango yabo biciwe ku cyahoze ari Urukiko rw'Ubujurire rwa Ruhengeri, ndetse no hafi y'ahari amashuri yigishaga ibijyanye n'umutekano nk'abajandarume .

Yagize ati: "Birababaje kwibuka ko ahantu hari amashuri yigishaga umutekano ari naho abantu baburiye umutekano bakicwa. Abacu benshi biciwe hano hafi y'Urukiko rw'Ubujurire rwa Ruhengeri, nyamara ari mu marembo ya Camp Muhoza, ari n'aho hari iri shuri kugeza ubu. Kuba uyu munsi aha hantu kuba harabaye ishuri ryigisha urubyiruko amahoro n'ubumwe ni intambwe ikomeye igihugu cyagezeho."

Umuyobozi wa MIPC Manzi Innocent yavuze ko bishimira imiyoborere myiza yatumye ahacurirwaga imigambi yo kurandura Abatutsi hahinduka ahigishirizwa ubumenyi n'indangagaciro zubaka Igihugu.

Yagize ati: "Uyu munsi twishimira ko aho hategurirwaga ibikorwa byo gusenya igihugu, ubu ari ishuri rifasha urubyiruko kubona ubumenyi ruzifashisha rwiteza imbere ndetse rukanubaka igihugu cyarwo. Turashimira ubuyobozi bwiza bw'u Rwanda by'umwihariko Perezida Paul Kagame wakomeje gushimangira ubumwe bw'Abanyarwanda nyuma yo guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994."

Yakomeje asaba abanyeshuri gukomeza guharanira kuba abaturage beza bafite indangagaciro zo gukunda igihugu no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside aho yaba iva hose. Umuyobozi w'Akarere ka Musanze, Nsengimana Claudien, yasabye urubyiruko gukomeza kubungabunga ibyagezweho no kwirinda abashaka gusubiza igihugu inyuma bakoresheje amacakubiri n'ibinyoma bicishwa ku mbuga nkoranyambaga.

Yagize ati: "Urubyiruko rw'u Rwanda rufite inshingano zo kubungabunga ibyo igihugu cyagezeho. Mukwiye kwirinda amacakubiri no guhangana n'abasebya igihugu banyuze ku mbuga nkoranyambaga. U Rwanda ruri mu biganza byanyu, mukwiye kururinda icyarusenya mukomeza kwimakaza ubumwe n'amahoro."

Uyu muhango wo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 waranzwe no kunamira no guha icyubahiro abazize Jenoside, ndetse hanatangwa ubutumwa bwibutsa urubyiruko uruhare rwarwo mu kubaka u Rwanda ruzira amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside.

# Nyamasheke: Bifuza ko kubaka urwibutso rwa Jenoside rushya rwa Mukoma byihutishwa



**Abafite ababo baruhukiye muri uru rwibutso bavuga ko babura aho bahagarara kubera ubuto bwarwo**

**BAHUWIYONGERA** *Sylvestre*

***Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwa Mukoma, ruri mu Kagari ka Mariba, Umurenge wa Nyabitekeri, Akarere ka Nyamasheke ruri mu nzibutso 10 ako Karere kazasigarana mu nzibutso 21 gafite kugeza ubu. Abaharokokeye barasaba ko gutangira kurwubaka byihutishwa kubera ko hafunganye. Rushyinguyemo imibiri 569, rwubatse neza ahahoze hubatse ibiro bya Segiteri ya Mukoma mu yari Komini Gafunzo.***

Mu kiganiro na Imvaho Nshya ku mateka yihariye yaho yatumye ruri mu zizasigara mu ihuzwa ry'inzibutso, Pasiteri Nsabimana Manasseh waharokokeye, abe bishwe bakaba barushyinguyemo, yavuze ko ku wa 12 Mata 1994 ubwo Jenoside yakorerwaga Abatutsi uwari Konseye wa Segiteri Mukoma, Kanyarurembo Joseph (ubu ufungiye mu igororero rya Macuba) yahamagaje inama y'abaturage bose ku biro by'iyo Segiteri, yise iy'umutekano.

Abaturage bahageze mu ma saa tatu z'igitondo, ababwira ko hagomba kuba inama 2, iya mbere ikaba iy'Abatutsi mu gitondo, yarangira hakajyamo iy'Abahutu. Ati: "Hinjiye Abatutsi barenga 200 bageze mu cyumba cy'inama konseye arafunga, abicanyi bari bafatanyije batuma uwitwa Rwabaramba wari umukanishi, lisansi yo kubatwikiramo, noneho amenye amakuru ko ari iyo gutwika Abatutsi, arayigura aho yari ayitumwe ayimenamo amazi, ayizanira abicanyi ahita yigendera baramubura. Rwabaramba n'ubu uriho, abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 baramushimira cyane."

Akomeza agira ati: "Baratwitse byanga kwaka. Kuko iyo nyubako y'ibiro bya Segiteri yari iy'ibiti, ari na ngufi, barayihomora banayisakambura hejuru, bagacisha amacumu mu mbariro, abandi bakurira hejuru bakayabatera mu mitwe n'ahandi ku mubiri, barabica bose, harokokamo umugore umwe gusa n'ubu ukiriho, arokorwa n'imibiri yamuguye hejuru ntibamenya ko akirimo akuka, bagenda bazi ko bose babarangije."

Pasiteri Nsabimana avuga ko uretse uko kwicirwa mu nyubako y'ubuyobozi, andi mateka akomeye yatumye inzego zibishinzwe zemeza ko uru rwibutso ruzasigara, ari ay'abana bari bahunganye n'ababyeyi babo ku rusengero rw'Abadivantisiti b'umunsi wa 7 ruri hafi aho, abicanyi bakuramo abana b'abahungu 36, bababambura ba nyina, babajyana ku cyobo cyari gihari.

Ati: "Bakibagejejeho baharambika igiti, bashyira abo bana ku murongo umwana akajya aza bagashyira ijosi ku giti bagatema rigwa mu cyobo, babica rubi gutyo." Yongeraho ati: "Habereye n'ibindi bibi cyane, aho na data witwaga Habimana Enock bahimbaga Bahati, wari umucuruzi, bamwishe bakamubaga, bakamukuramo umutima bakawotsa, bakawurya ku mugaragaro, ku manywa y'ihangu. Rero aya mateka ashariiye cyane n'ubuyobozi bwabonye ko atazimangatana, bikanaba bimwe mu biduhumuriza kumva ko abacu bazubakirwa urwibutso rujyanye n'igihe, twifuza ko rwakubakwa vuba."

Pasiteri Rudahunga François na we waharokokeye akaba anahagarariye Ibuka mu Murenge wa Nyabitekeri, ashimira Leta yahaye agaciro aya mateka ashariiye cyane yahabereye, ikabemerera kuhagumisha urwibutso ikazanabubakira urwagutse, rubumbiyemo ayo mateka yose.

Ati: "Ubwo rero Leta yatwemereye ko ruzahaguma, uruhari bikaba bigarara ko ari ruto, runafunganye cyane kuko rwubatswe n'abaturage byo kwirwanaho mu 1998, rwubakwa by'icyo gihe, no kubona aho abantu bahagarara bibuka cyangwa bashyingura imibiri igenda iboneka bikaba bigorana, urushya rwubatswe vuba, hakaboneka ubusitani bwiza bwo kwibuka n'ugize ihungabana hakaboneka aho aruhukira byarushaho kudushimisha no kuturuhura imitima kuko abacu baba baruhukiye ahagutse, harushijeho kuba heza."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke, Mupenzi Narcisse, avuga ko ibyo basaba n'ubuyobozi bw'aka Karere n'abandi babifite mu nshingano, babitekereza na bo ari byo bifuza ariko kubakira rimwe inzibutso 10 zose ngo zuzurire rimwe bitashoboka bijyana n'ingengo y'imari.

Ati: "Mu nzibutso 10 zizasigara uru rwa Mukoma rurimo kubera amateka yaho yihariye. Tumaze kubaka urwibutso rw'Akarere rwa Gashirabwoba ruri mu Murenge wa Bushenge, turi kubaka urwa Rwamatamu mu Murenge wa Gihombo. Ni urwibutso runini cyane, ruzahurizwamo inzibutso nyinshi za kiriya gice. Ni gahunda ikomeza yo kubaka inzibutso zizahurizwamo izindi."

Yongeyeho ati: "Turi gukusanya ingengo y'imari ngo izemewe zose zizubakwe neza. Igenamigambi dufite uyu mwaka n'ingengo y'imari bijyana ntirurimo ariko na rwo ruratekerezwa, kimwe n'izindi zirimo n'urwa Nyamasheke na Hanika."


# Uruhare rw'imyidagaduro mu kubungabunga ubuzima bwo mutwe bw'abagororwa



**Uruhare rw'imyidagaduro mu buzima bwo mu mutwe bw'abagororwa**



**Umuvugizi wa RCS, CSP Sengabo Hillary avuga ko basanze imyidagaduro ifasha abagoroba**



**Bavuga ko iyo bagiye mu mikino bibafasha kumara igihe bakatiwe batarambiwe**



**Mu mikino bakina habamo n'igisoro**

MUTETERAZINA Shifah

***Akenshi iyo umuntu agonganye n'amategeko agafungwa cyangwa akajyanwa mu igororero, mu minsi ya mbere aba afite ihungabana; ntiyiyumvishe ibyamubayeho akumva ari nk'inzozi mbi, agira ubwoba bw'aho ari n'igihe azamarayo, akumva yaratandukanye n'Isi n'umuryango we muri rusange bikamubabaza cyane.***

Mu bimutera kwigunga no kwiheba harimo kwicuza ku byaha yakoze byatumye yisanga mu igororero bitewe n'uko aba yumva ko abo yasize barimo gutera imbere we arimo kugororwa cyangwa abo yasize bamucira imanza.

Imvaho Nshya yaganiriye n'abagororwa barimo kugororerwa hirya no hino mu gihugu bayitangariza uko biyumvaga bagikatirwa n'uko imyidagaduro yatumye biyakira bakemera kugororwa neza ndetse n'ingamba bafite nibagera hanze aho bita mu gihugu.

Ngendahimana Pierre Celestin umaze imyaka 30 ahamijwe icyaha cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, avuga ko yicuza kubona u Rwanda rutera imbere nta ruhare yagizemo ariko yahisemo gushaka ukuntu yakoresha imyidagaduro afasha abakiri bato kugororoka na we bikamufasha.

Yagize ati: "Nkiri muto nakundaga umuziki maze gukatirwa burundu birangora kwiyakira ariko umuziki wamfashije kwiyakira kuko aho nabaye hose nagiye nshinga itsinda ririmba (Orchestre). Urebye umuziki no gusenga ni byo byatumye mbibasha.

Yongeraho ati: "Buriya umuziki uvura umuntu kuko iyo uwumva bikurinda kwigunga. Iyo ugiye mu mupira, ufite gitari ucuranga igihe kirahita bikagufasha kwiyakira ukagororwa igihe cyawe cyamara kurangira ugasubira mu gihugu."

Ngendahimana avuga ko kimwe mu byamuteye gushinga Orchestre yise AMIZERO imaze imyaka icumi ikora harimo no kuba yarifuzaga gutanga umusanzu we mu kubaka igihugu dore ko mu bimubabaza kandi yicuza harimo ko Igihugu cyateye imbere nta ruhare rwe ruriho.

Ati: "Nahoraga mbona ukuntu u Rwanda rwateye imbere kandi nta ruhare rwanjye bikambabaza, ngeze mu igororero rya Rwamagana nsanga imyidagaduro yarakonje nshinga Orchestre AMIZERO kugira ngo mfashe abakiri bato bafite impano. Ikinshimisha ni uko abo nafashije hari igihe bagaruka bakambwira ngo ibyo bamenye byarabafashije."

Ibi abihuza na Segatare Sylvain ugororerwa mu igororero rya Rwamagana uvuga ko imyidagaduro ari kimwe mu bikorwa bihakorerwa bifasha abagororwa kumenyera ubuzima.

Ati: "Nkigera ku irembo ry'igororero numvaga mbabaye, mfite isoni, nkumva nta muntu navugisha. Umunsi wa mbere n'uwa kabiri sinariye, ariko muri gahunda ya RCS habaho uburyo abayobozi batuganiriza bwarakeye baratuganiriza niyakiraho gake. Nyuma nakomeje kugenda menyera gahoro gahoro. Mu bikorwa dukora umunsi ku wundi harimo imyidagaduro iri mu byamfashije kwiyakira ndatuza ndagororwa ubu naragororotse."

Mu myidagaduro harimo amatsinda aririmba, abacuranga, kwigana amajwi y'inyamaswa zitandukanye, imikino itandukanye irimo umupira w'amaguru, abakina karate, n'ibindi.

Umuvugizi wa RCS, CSP Sengabo Hillary ashimangira ko urwo rwego rwasanze imyidagaduro na siporo byafasha ubuzima bw'abagororwa bityo bashyiraho iyo gahunda.

Ati: "Imyidagaduro na Siporo ni ubuzima ariko ni n'ubuzima bwo mu mutwe, mu igororero tubikoresha nk'imwe muri gahunda zo kugorora kugira ngo umuntu yumve inyigisho zimukura mu byaha ugomba gukoresha inyigisho zijyanye n'imyidagaduro na siporo."

Akomeza agira ati: "Kubera ko mu igororero ari ahantu umuntu atekereza ku byamubayeho cyangwa ibihano yahawe, imyidagaduro n'imikino bibafasha gukumira indwara zo mu mutwe nk'agahinda gakabije. Hari imikino irimo umupira, ibicurangisho n'ahantu abifuza kwiga kwandika indirimbo bajya bagatozwa."

Mu Rwanda habarurwa amagororero 14 ari hirya no hino mu gihugu hakaba habamo amatsinda aririmba, ibibuga n'amakipe y'umupira, abanyamideri n'ibindi byiciro by'imyidagaduro.

# APR FC yegukanye Igikombe cy'Amahoro cya 2026




APR FC yegukanye igikombe cya Shampiyona ku nshuro ya karindwi yikurikiranya



Ikipe ya APR yisubije igikombe yatwaye umwaka ushize

MICOMYIZA Fidele

*APR FC yegukanye Igikombe cy'Amahoro nyuma yo gutsinda ikipe ya Rayon Sports zari zihanganye, penaliti enye kuri ebyiri mu mukino wari urangiye ari igitego kimwe kuri kimwe wabaye ku wa Gatandatu tariki ya 23 Gicurasi 2026 guhera saa kumi n'ebyiri z'umugoroba kuri Stade Amahoro.*

Amakipe yombi yatangiranye ishyaka ryinshi ndetse n'ubushake bwo gutsinda, amakosa menshi, ibitajya bibura kugaragara mu kibuga amakipe yombi afatwa nkabakeba mu Rwanda yahuriyemo.

Umukino ugeze ku munota wa 43, Rayon Sports yabonye penaliti iturutse ku ikosa umuzamu wa APR FC, Hakizimana Adolphe yakoreye Rony Kitoga, maze iterwa na Ndikumana Asman wayitsinze Rayon Sports iba ibonye igitego cya mbere.

Igice cya mbere cyongeweho iminota 3 maze kirangira ari igitego kimwe cya Rayon Sports ku busa bwa APR FC.

Mu gice cya kabiri, amakipe yombi yagarukanye abakinnyi bose nta n'umwe uvuyemo ndetse ikipe ya APR FC yagarukanye ubushake bwinshi bwo kwishyura igitego yagiye itsinzwe.

Ku munota wa 49, ikipe ya APR FC yabonye igitego cyo kwishyura cyatsinzwe na William Togui cyaturutse ku mupira wazamuwe neza na Ruboneka Jean Bosco ubundi ashyiraho umutwe.

Umukino warangiye ari igitego kimwe kuri kimwe maze hitabazwa penaliti kugira ngo haboneke utsinda maze agatwara igikombe.

Emery Bayisenge ni we wabimburiye abandi ku ruhande rwa Rayon Sports ndetse apenaliti arayinjiza, mu gihe ku ruhande rwa APR FC habanje Hakim Kiwanuka na we wayitsinze, umuzamu wa Rayon Sports Kwizera olivier yakurikiyeho maze atera hanze y'izamu, Byiringiro Jean Gilbert Kagege wa APR FC yakurikiyeho maze arayitsinda, Ndikumana Asman wari watsinze igitego cya mbere cya Rayon Sports yakurikiyeho maze umuzamu wa APR Hitimana Adolphe penaliti ayifata bitamugoye.

Kapiteni wa APR Niyomugabo Claude ni we wakurikiyeho maze umupira uruhukira mu izamu, Mugisha Didier wa Rayon Sports yakurikiyeho aratsinda, umuzamu wa Rayon Sports, Kwizera yari asigaranye amahirwe yonyine yo gukuramo penaliti zombi zari zisigaye ngo aheshe intsinzi ikipe ye yatsindwa n'imwe bikaba biyirangiriyeho, ntibyatinze kuko Denis Omedi yahise ayitsinda maze bituma APR yisubiza igikombe yaherukaga gutwara umwaka ushize.

Ni igikombe cya 15 APR FC itwaye (1994, 1996, 1999, 2000, 2002, 2006, 2007, 2008, 2010, 2011, 2012, 2014,2017, 2025, 2026)

Itwaye iki gikombe kandi mu gihe ibitse ibikombe bya Shampiyona y'Igihugu zisaga 24 nyuma yo gutsinda iy'uy'umwaka, CECAFA Kagame cup eshatu, ndetse n'ibikombe bibiri by'Intwari (Heroes Cup)

Kuva Stade Amahoro yavugururwa ntabwo ikipe ya Rayon Sports yari yahatsindira APR FC.

Muri uyu mwaka w'imikino APR FC itwaye ibikombe bibiri.

Imvaho Nshya
Siporo



Nº.5171 GICURASI 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Aho u Rwanda ruhagaze mu mikino ya BAL



**RSSB Tigers ihagarariye u Rwanda yageze muri ½ cya BAL**



**RSSB Tigers yasezereye FUS de Rabat yo muri Morocco**

**MICOMYIZA Fidele**

*Ikipe ya RSSB Tigers ihagarariye u Rwanda mu mikino ya nyuma ya BAL ikomeje kugaragaza ubudahangarwa bwayo aho yamaze kwerekeza muri ½ isanzeyo Al Ahyl yo mu Misiri nubwo ari inshuro yayo ya mbere yari yitabiriye irushanwa.*

Irushanwa rya BAL (Basketball Africa League) ritegurwa ku bufatanye bwa NBA Africa hamwe na FIBA igaterwa inkunga na NBA yo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, rigamije kuzamura impano z'abana ba banyafurika, ibikorwa remezo ndetse no guha abakinnyi amahirwe yo kwigaragaza ku rwego mpuzamahanga.

Ibihugu bizitabira iri rushanwa byohereza ikipe yabaye iya mbere, u Rwanda rwari kohereza APR BBC ariko isimbuzwa RSSB Tigers bitewe n'ibihano Leta Zunze Ubumwe z'Amerika zafatiye igisirikare cy'u Rwanda, kandi irushanwa rya BAL, ritegurwa rikanashorwamo imari na shampiyona ya Basketball ya Amerika, NBA.

Mu ntangiro z'amarushanwa ya BAL hitabira amakipe 12 avuye mu bihugu bitandukanye mu matsinda atatu, Sahara Conference, Nile Conference na Kalahari Conference ari na ho u Rwanda ruherereye.

U Rwanda rwabaye urwa mbere mu gukatisha itike y'imikino ya nyuma ya BAL 2026, aho RSSB Tigers yayibonye itsinze Johannesburg Giants amanota 102-89 mu mukino wa gatatu w'iri tsinda, wabaye mu ijoro ryo ku wa Gatatu, tariki ya 1 Mata 2025 i Pretoria muri Afurika y'Epfo.

Nyuma yo kuva mu matsinda, amakipe umunani akomeza mu cyiciro cya nyuma, agakina abiri abiri, iya mbere n'iyanyuma, iya kabiri n'iya karindwi, iya gatatu n'iya gatandatu iya kane n'iya gatanu, zigakina imikino ibiri, ubanza n'uwo kwishyura, irushije indi igiteranyo cy'amanota mu mikino yombi, igakomeza muri ½.

RSSB Tigers yageze muri ½ cy'iranginza (Semi-Finals), nyuma yuko mu mukino ubanza yari yatsinze FUS de Rabat yo muri Morocco, amanota 95 kuri 72, naho mu mukino wo kwishyura, FUS de Rabat ikayitsinda 99 kuri 98 ibituma igiteranyo cyayo yombi giha intsinzi RSSB Tigers.

Mbere yuko iri rushanwa ritangira ku wa 22 Gicurasi 2026 i Kigali hari habereye inama nyunguranabitekerezo ku ruhare rwa siporo mu ishoramari ya 'BAL Investors Summit', yabereye muri Kigali Convention Centre yitabiriwe na Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, Perezida wa BAL, Amadou Gallo Fall; komiseri Wungirije muri NBA, Mark Tatum; umuyobozi mukuru wa NBA Africa, Clare Akamanzi na Perezida w'ishyirahamwe Mpuzamahanga ry'umukino wa Basketball muri Afurika (FIBA Africa), Anibal Manave.

**Perezida Kagame yeretse abi tabiriye iyi nama amahirwe y'i terambere ari muri Siporo.**

Mu butumwa bwanyujijwe kuri konti ya X y'ibiro by'umukuru w'igihugu, Village Urugwiro bwagaragaje ko yagize ati: "Siporo, ni ngombwa kuko yunga abantu. Ku Rwanda by'umwihariko, twabonye inyungu nyinshi. Mubona nk'uburyo byazamuye imibare yo mu bukerarugendo, aho abantu bashaka kuza mu Rwanda, abashaka kuza mu nama n'abaza mu bikorwa nk'ibi. Baba babyihitiyemo, ari na byo bafite muri gahunda zabo."

"Iyo ibihugu bishyize hamwe, iyo amarushanwa ashyizwe hamwe, iyo abantu bishyize hamwe, inyungu zikuba inshuro nyinshi. Ntabwo ikintu cyiza nk'iki kandi ari icyo kwihererana mu gace kamwe cyangwa igihugu kimwe. Uko abantu bakorera hamwe, bagashyira hamwe, birema isoko rinini kandi rifite impamvu zumvikana ku byo rikora.

Irushanwa rya BAL riri kubera mu Rwanda ku nshuro ya gatandatu, riri gutera intambwe idasanzwe mu bukungu, aho bigaragara ko byibuze buri mwaka rifasha NBA Africa kuzamura ubukungu bwayo ku kigero cya 1000%.

Mu myaka 10 iri imbere, umusaruro urivamo biteganyijwe uza kuri miliyoni 250$ ukagera kuri miliyari 4,5$, ndetse n'abagera ku bihumbi 650 bakaba babona akazi kubera wo, nk'uko bigaragazwa na Clare Akamanzi uyobora NBA Africa.